



REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
P.o. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 2 - 2023
Mata, 2023




RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 2 - 2023
April, 2023



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 2 - 2023
Mata, 2023



RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 2 - 2023
April, 2023

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI.....	iii
I. ITSINDA RY’ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA.....	iii
II. KOMITE YEMEZA IMANZA.....	v
IRIBURIRO	ix
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO.....	xi
INYITO.....	xi
AMATEGEKO YASHINGIWEHO.....	xiii
IMANZA ZIFASHISHIJE	xv
AMAGAMBO MPINE.....	xvii
BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA Plc v NKUSI	1
Re BIZIMANA	27
MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD.....	35
MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd	71
MAFAM LTD v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA)	99
NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD) N’UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC)	119
UBUSHINJACYAHA v NZABONIMPA	159

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

I. ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

UWIMANA Jean Marie Vianney

II. KOMITE YEMEZA IMANZA

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Perezida wa Komite,
Umucamanza mu Rukiko
rw'Ubujurire
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Visi Perezida wa Komite,
Umwarimu muri
Kaminuza y'u Rwanda
- BWIZA N. Blanche** : Umwanditsi wa Komite,
Umugenzuzi w'Inkiko
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Perezida w'Urukiko
rw'Ubujurire
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ikirenga
- NDAHAYO Xavier** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- RUTAZANA Angeline** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
- KALIWABO Charles** : Umucamanza w'
Urukiko rw'Ubujurire
- Dr. SEZIRAHIGA Yves** : Umuyobozi wa ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE
Bibiane** : Visi Perezida wa Komisiyo
y'u Rwanda ishinzwe
Ivugururwa ry'Amategeko

- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Umugenzuzi w'Inkiko
- KIBUKA Jean Luc** : Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi
- HABARUREMA Jean Pierre** : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
- BUNYOYE Grace** : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
- KABIBI Specioza** : Intumwa ya Leta
- MUREREREHE Saouda** : Umucamanza mu Rukiko Rukuru
- Lt. col. MADUDU A. Charles** : Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
- Dr. NSHIMIYIMANA Didace** : Perezida w'Urukiko Rwisumbuye
- GIRANEZA Clémentine** : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
- TASHOBYA Benon** : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye

- BAGABO Faustin** : Avoka mu Rugaga
rw'Abavoka
- Dr. SHEMA Pierre** : Umwarimu muri ULK
- KARAKE Canisius** : Umwarimu muri UNILAK
- Dr HABIMANA Pie** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
- UMUTESI Vestine** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ubucuruzi
- YANKURIJE Dorothee** : Perezida w'Urukiko
rw'Ibanze

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejewe no kubagezaho icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 2 [2023]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no mu buzima bwa buri muni.

Muri iyi numero murasangamo imanza zirindwi (7) zikurikira: Urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsu, urubanza rumwe (1) rw'imbonezambano, urubanza rumwe (1) rw'umurimo, imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi, urubanza rumwe (1) rw'inshinyabaha n'urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: <http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki Cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga n’Urukiko rw’Ubujurire.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2023] 2 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

a. Amategeko akoreshwa ubu

<i>Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 30.....</i>	<i>74</i>
<i>Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948, ingingo ya 23.....</i>	<i>74</i>
<i>Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturageyashyizweho umukono ku wa 11/11/1981 yemezwa n'Itegeko N° 10/1983 ryo ku wa 17/05/1983, ingingo ya 15.....</i>	<i>74</i>
<i>Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 9 n'ya 40.....</i>	<i>74</i>
<i>Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko,</i>	
<i>ingingo ya 63, 52, igika 3.....</i>	<i>4</i>
<i>Ingingo ya 63.....</i>	<i>39</i>
<i>Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu,</i>	
<i>ingingo ya 111.....</i>	<i>4</i>
<i>ingingo ya 9, 178 n'ya 241.....</i>	<i>28</i>
<i>ingingo ya 9 n'ya 111.....</i>	<i>39</i>
<i>ingingo ya 12 n'ya 111.....</i>	<i>74</i>
<i>Itegeko N°17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 142 na 151.....</i>	<i>122</i>
<i>Itegeko N° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016, ingingo ya 2, rihindura kandi ryuzuzza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa</i>	

IMANZA ZIFASHISHIJE

<i>Cour de cassation, civile, Chambre sociale, 12 juin 2013, 11-14.458.....</i>	<i>75</i>
<i>Cour de cassation, Chambre sociale, numero 08-43.088, 17 Mars 2010.....</i>	<i>75</i>
<i>Cour de cassation, Chambre sociale, numero 04- 40.169, 25 Mai 2005.....</i>	<i>75</i>
<i>Cour de Cassation, Chambre sociale, numero 00-41.63326 Novembre 2002.....</i>	<i>75</i>
<i>Galina Meister contre Speech Design Carrier Systems GmbH, numero C-415/10, Cour de Justice de l'Union Européene, 12 janvier 2012, para 47.....</i>	<i>75</i>
<i>Pinkas and Others v. Bosnia and Herzegovina, (Application number. 8701/21), 04/10/2022, para 63.....</i>	<i>75</i>
<i>RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga haburana Rutabayiru et al vs Mukamabano Charlotte, igika cya 28.....</i>	<i>4</i>
<i>RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga haburana Road Solution Pavement Product vs MAILCO Ltd, igika cya 24.....</i>	<i>4</i>
<i>RS/INJUST/RSOC 00001/2022/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 08/07/2022, ibika bya 19 na 20.....</i>	<i>75</i>
<i>RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2019.....</i>	<i>75</i>

<i>Urubanza RCAA 00008/2020/CA rwa Ndizeye Alphonse iburana na Kibungo Medical Center na PRIME Insurance Company Plc, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 25/06/2021</i>	<i>39</i>
<i>Urubanza RCAA 0049/14/CS, rwa SORAS AG Ltd iburana N'umuhoza Pacifique n'abandi rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016</i>	<i>39</i>
<i>Urubanza RCAA 00073/2018/CA, rwa Nyirabatesi Laurence aburana n'Ibitaro byitiriwe Umwami Fayisali (King Faisal Hospital) rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/07/2019</i>	<i>39</i>
<i>Urubanza RADA0054/12/CS rwa Kabayijuka Gaspard aburana na Leta y'u Rwanda (Minisanté) rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/12/2014</i>	<i>39</i>
<i>Urubanza RRA v SODAR LTD; RCOMAA 00034/2020/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/02/2021</i>	<i>102</i>
<i>Urubanza RRA v SRDS LTD RCOMAA 00001/2022/CA; rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwaciwe ku wa 25/03/2022</i>	<i>102</i>
<i>Urubanza RRA v SUGIRA LTD; RCOMAA 00057/2021/CA n'Urukiko rw'Ubujurire rwaciwe ku wa 25/03/2022</i>	<i>103</i>
<i>Urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00004/2020/SC; NEW KIGALI BUSINESS SERVICES Ltd v KASESE DISTILLERS Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/11/2021</i>	<i>122</i>

AMAGAMBO MPINE

1. Amategeko agenga ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Mu manza nshinjabyaha ibimenyetso byose bishatswe ku buryo buhuje n’amategeko bireemerwa, icyakora imvugo zitangiwe mu zindi nzego zitari iz’ikurikiranacyaha cyangwa mu rukiko, zigomba gushyigikirwa n’ibindi bimenyetso kugira ngo zigire agaciro gahamya ushinjwa icyaha
UBUSHINJACYAHA v NZABONIMPA.....159

2. Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Uburyozwe – Impanuka – Umuntu afite inshingano yo kugenzura ibyo ashinzwe kurinda, kandi agomba kuryozwa icyo byangirije hatitawe ko yaba yakoze cyangwa atakoze ikosa – Umwishingizi ariyozwa mu gikigero cy’ibyo yishingiye mu masezerano
MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD.....35

Kurega – Kurega umwishingizi cyangwa umukoresha – uwangirijwe n’impanuka utahisemo kurega umwishingizi (action directe) ahubwo agahitamo kurega umukoresha ubwe (action personnelle), nta kosa aba akoze
MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD.....35

Uburyozwe – Indishyi – Indishyi zikomoka ku mpanuka zitari izo mu muhanda – Mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka zitari izo mu muhanda ntihashingirwa ku Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw’umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n’ibinyabiziga, icyakora nta cyabuza Urukiko kwifashisha uburyo (formule) buteganyijwe muri iryo teka
MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD.....35

3. **Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi** – Kwandikisha ubucuruzi – Ubucuruzi bw'ubwikorezi – Uburenganzira bwo gukora ubwikorezi – Kwandikisha ubucuruzi burimo n'ubwikorezi bitandukanye no guhabwa uburenganzira bwo gukora ubwikorezi

MAFAM LTD v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA).....99

Umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro (TVA) – Ubucuruzi bw'ubwikorezi – Umusoro ku Nyongeragaciro (TVA) ku birebena n'ubwikorezi – serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababiherewe uruhushya zisonewe umusoro ku nyongeragaciro – Itegeko N° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016, ingingo ya 2, rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro yahinduye ingingo ya 6

MAFAM LTD v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA).....99

Umwuga w'ubw'avoka – Ibihembo by'umwavoka – Ibihembo by'umwavoka n'igihembo cyose gishingiye ku masezerano Avoka agirana n'umugana mu rwego rwo kugira ngo agire icyo amufasha mu rwego rw'umwuga we nk'Avoka – Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka, ingingo ya 40

NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD) N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC).....119

Ibihembo by'umwavoka – Impaka zijyanye n'ibihembo by'avoka – Ikirego kirebana n'ibihembo by'Avoka – icyiciro cy'ubwumvikane gikorera mu Rugaga rw'Abavoka – Iyo impande zombi zirebana n'impaka zijyane n'ibihembo by'Avoka zananiwe kumvikana, bakagana inkiko, ibyabaye mu cyiciro cy'ubwumvikane

mu Rugaga rw'Abavoka biba birangiye, nta zindi ngaruka bishobora kugira ku bireba ikirego cyaregewe urukiko, uretse kugenzura ko uwo muhango wabayeho cyangwa utabayeho gusa – Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka, ingingo ya 40.

**NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD)
N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC).....119**

Amasezerano – Kumenya isesa ry'amasezerano mu buryo buteruye – Mu masezerano ashirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakanyongeraho igihe kiringaniye n'ubusanzwe umuntu ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyuzwa ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano.

**NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD)
N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC).....119**

Amasezerano – Iseswa ry'amasezerano mu buryo buteruye – Mu masezerano ashirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakanyongeraho igihe kiringaniye n'ubusanzwe umuntu ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyuzwa ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano

**NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD)
N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC).....**

Sosiyete – Imikorere y'amasosiyete – Indoor management rule – Amasezerano akozwe n'uhagarariye sosiyete agira

agaciro mu maso y'uwo bayagiranye hatitawe ku makosa yaba yakoze mu micungire yayo

**NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD)
N'UNDI v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC).....119**

4. **Amategeko agenga imanza z'ubutegetsi** – Irangiza ry'urubanza – Inyandikompesha – Umwanzuro w'ubuhuza – Ni inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi yakorewe hanze y'urukiko, igasoza urubanza nta y'indi mihango ikozwe bityo, hakarangizwa ibikubiye muri uwo mwanzuro.

Re BIZIMANA.....27

5. **Amategeko agenga imanza z'umurimo** – Umushahara w'umukozi – Kureshyeshya abakozi mu bijyanye n'umushahara – Iyo umukozi yagaragaje ko adahembwa nk'abandi bakora umurimo umwe, ni inshingano z'umukoresha gutanga ibimenyetso bivuguruza ibitangwa n'umukozi cyangwa bigaragaza ko kutabahemba kimwe bishingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Izo mpamvu zemezwa n'Urukiko mu bushishozi bwarwo
- MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd.....71**

Umushahara w'umukozi – Kureshyeshya abakozi mu bijyanye n'umushahara – Iyo umukozi ahama ko ikimenyetso cy'uko adahembwa nk'abandi bakozi bari ku rwego rumwe nawe kandi bakora imirimo nk'iyе gifitwe n'umukoresha, ashobora gusaba Urukiko gutegeka ko uregwa akigaragaza, cyaba kitagaragajwe, Urukiko rukabyaza ingaruka uko kwifata cyangwa kwanga gutanga icyo kimenyetso ku ruhande ruregwa

MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd.....71

Amasezerano y'umurimo – Iseswa ry'amasezerano y'umurimo – Iyo Urukiko rwemeje ko umukozi wasezerewe mu buryo bunyuranyije n'amategeko agira imishahara ahabwa, iyo mishahara ihwanye n'umushahara atahana mu ntoki (salaire net) aho kuba umushahara mbumbe.

MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd.....71

6. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Agaciro k'inyandiko – Inyandiko Urukiko rushingiraho – amabwiriza – Amabwiriza ni inyandiko zo mu rwego rusange zashyizweho umukono n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, zigamije gushyira mu bikorwa itegeko cyangwa zigamije gukurikizwa ku bintu bitarebwa n'itegeko kandi zigatangazwa mu Igazeti ya Leta.

MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD.....35

7. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Iyakirwa ry'ubujurire bw'uwagobokeshejwe mu bujurire– Uwagobokeshejwe mu bujurire yemerewe kujurira gusa iyo hari ibyo yaciwe.

BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA Plc v NKUSI.....1

8. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Kuba umuburanyi mu rubanza ruburanishwa ku rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Umuntu utarigeze yemererwa kuba umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntabwo kuba umuburanyi mu gihe ruri gusubirwamo

keretse iyo uko kwangirwa kuba umuburanyi ariho akarengane gashingiye

BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA Plc v NKUSI.....1

Gusubirishamo urubanza ku karengane gashingiye ku kuba urukiko rwaranze kwakira ubujurire bwa kabiri– Gusuzuma imizi y'urubanza – Iyo urubanza rwaciwe mu mizi rujuririwe ntirwakirwe mu bujurire bwa kabiri, Urukiko rwashyikirijwe ikirego gisaba gusubirishamo urubanza, rusuzuma impamvu zatumye butakirwa, rukaba rwasuzuma imizi y'urubanza gusa ari uko rusanze harabaye ikosa mu kutakira ubwo bujurire

BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA Plc v NKUSI.....1

**IMANZA ZEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA**

**URUBANZA RWEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA
ZASABIWE GUSUBIRISHAMO KU
MPAMVU Z'AKARENGANE**

BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA Plc v NKUSI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RCOM
00005/2020/SC (Nyirinkwaya., P.J., Hitiyaremye, Cyanzayire,
Muhumuza na Rukundakuvuga, J.) 27 Ugushyingo 2020]

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Kuba umuburanyi mu rubanza ruburanishwa ku rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Umuntu utarigeze yemererwa kuba umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntashobora kuba umuburanyi mu gihe ruri gusubirwamo keretse iyo uko kwangirwa kuba umuburanyi ariho akarengane gashingiye.

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Gusubirishamo urubanza ku karengane gashingiye ku kuba urukiko rwaranze kwakira ubujurire bwa kabiri– Gusuzuma imizi y'urubanza – Iyo urubanza rwaciwe mu mizi rujuririwe ntirwakirwe mu bujurire bwa kabiri, Urukiko rwashyikirijwe ikirego gisaba gusubirishamo urubanza, rusuzuma impamvu zatumye butakirwa, rukaba rwasuzuma imizi y'urubanza gusa ari uko rusanze harabaye ikosa mu kutakira ubwo bujurire.

Amategeko agenga imibruanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane – Iyakirwa ry'ubujurire bw'uwagobokeshejwe mu bujurire– Uwagobokeshejwe mu bujurire yemerewe kujurira gusa iyo hari ibyo yaciwe.

Incamake y'ikibazo: Nkusi Evariste yaregeye Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge arusaba ko rwategeka BPR

ATLAS MARA Ltd kumwishyura amafaranga ari kuri sheki yahawe na SGES/ATT nyamara Banki yo ntiyamuhe ikaba itanagaragaza inenge yazibonyemo, Urukiko rwategetse BPR ATLAS MARA Ltd kwishyura Nkusi amafaranga yose agaragara kuri sheki yahawe hakanyongeraho indishyi.

BPR ATLAS MARA Ltd ntiyemeye imikirize y'urwo rubanza irujuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuzi aho yagaragaje ko Urukiko rubanza rwirengagije ibimenyetso yatanze ndetse rukanga no guhamagaza uwasinye izo sheke. SGES/ATT yagobotse muri uru rubanza kubushake. Urukiko Rukuru rw'Ubucuzi rwaciye urubanza ruvuga ko ubujurire bwa BPR ATLAS MARA Ltd nta shingiro bufite ko nta mpamvu n'imwe yari gutuma itishyura sheki zidafite inenge yemewe kandi zatanzwe mu buryo bukurikije amategeko. Ukugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd ntikwemewe.

BPR ATLAS MARA Plc na SGES/ATT Ltd bombi bajuririye Urukiko rw'Ubujurire bavuga ko Inkiko zabanje zanze gusuzuma nkana ibimenyetso zashyikirijwe ndetse ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuzi rwo rwananze ukugoboka mu rubanza kwa SGES/ATT Ltd kandi yarifite ibyo yashakaga gusobanura. Urukiko rw'Ubujurire rwanze kwakirwa ubwo bujurire ngo kuko BPR ATLAS MARA Plc yatsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zibanza zombi ariko ntirwagira icyemezo rufata ku bireba ubujurire bwa SGES/ATT Ltd.

BPR ATLAS MARA Plc yatanze ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane irabyemererwa inenga urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire kuba rwaranze kwakira ubujurire bwe bwa kabiri rwirengagije ko ikibazo cyo kugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd itagitsindiweho mu nkiko zombi kuko cyari cyaburanweho bwa mbere mu Rukiko Rukuru

rw'Ubucuruzi ndetse rukanirengagiza ko SGES/ATT Ltd yari yajuriye kandi kuri yo bukaba bwari ubujurire bwa mbere.

Kuruhande rwa Nkusi Evariste, avuga ko BPR ATLAS MARA Plc nta karengane yagiriwe kuko kuva urubanza rwatangira yakomeje ivuga gusa ko kuba itarishyuye sheki yashyikirijwe bifite ishingiro ariko ntigaragaze ishingiro ryabyo. Naho kubusabe bwa SGES/ATT ho avuga ko idashobora kuba umuburanyi ku rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ngo kuko nta hantu na hamwe yigeze iba umuburanyi ko ndetse naho yashatse kugoboka itabyemerewe.

Incamake y'icyemezo:1. Umuntu utarigeze yemererwa kuba umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntashobora kuba umuburanyi mu gihe ruri gusubirwamo keretse iyo uko kwangirwa kuba umuburanyi ariho akarengane gashingiye.

2. Iyo urubanza rwaciwe mu mizi rujuririwe ntirwakirwe mu bujurire bwa kabiri, Urukiko rwashyikirijwe ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rusuzuma impamvu zatumye butakirwa, rukaba rwasuzuma urubanza mu mizi ari uko gusa rusanze harabaye ikosa mu kutakira ubwo bujurire.

3. Ntawakwitwaza ibibazo byabyukijwebwa mbere mu bujurire ngo asabe ko bishingirwaho hemezwa ko umuburanyi atatsinzwe ku mpamvu zimwe. Gutsindwa ku mpamvu zimwe bigenzurwa hashingiwe ku ngingo zatumye umuburanyi ajurira, umwanzuro wazifashweho n'impamvu zashingiweho n'inkiko zombi.

4. Uwagobokeshejwe mu bujurire yemerewe kujurira gusa iyo hari ibyo yaciwe.

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza nta shingiro gifite.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 63, 52, igika 3

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 111

Itegeko N° 32/2009 ryo ku wa 18/11/2009 ryerekeye inyandiko zishobora gucuruzwa, ingingo ya 110.

Amabwiriza N° 04/2013 yo ku wa 27/08/2013 ya Banki Nkuru y'u Rwanda agenga ihererekanya koranamuhanga rya sheki, ingingo ya 4

Imanza zifashishijwe:

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga haburana Rutabayiru et al vs Mukamabano Charlotte, igika cya 28.

RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga haburana Road Solution Pavement Product vs MAILCO Ltd, igika cya 24.

Urubanza

IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi, NKUSI Evariste asaba gutegeka BPR ATLAS MARA Plc kumwishyura 335.330.390 Frw kubera ko iyo banki yanze kumwishyura nta mpamvu yemewe n'amategeko amasheki

yahawe n'umukiriya wayo SGES/ATT Ltd nk'ubwishyu bwa serivisi yayihaye zikomoka ku masezerano y'ibikomoka kuri peteroli (carburant) yabaga yarafashe ku mwenda, ubukode bw'ibiro na parikingi, ndetse asaba n'indishyi zingana na 67.066.078 Frw.

[2] Mu rubanza RCOM 01401/2018/TC, rwaciwe ku wa 26/07/2018, Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeje ko BPR ATLAS MARA Plc igomba kwishyura NKUSI Evariste 335.330.390 Frw ahwanye na sheki zose yashyikirijwe ntizishyure hiyongereyeho n'indishyi zose zihwanye na 61.359.470 Frw. Mu gufata icyo cyemezo, Urukiko rwashingiye ku mpamvu zikurikira:

- a. Kuba BPR ATLAS MARA Plc yaranze kwishyura sheki kandi ari inyandiko itavuguruzwa;
- b. Kuba banki itagaragaza inenge cyangwa impamvu zaba ziteganywa n'amategeko zafatwa nk'impamvu yo kutishyura sheki zatanzwe n'ubifitiye uburenganzira, kandi zitanzwe mu buryo bwemewe n'amategeko;
- c. Kuba ntawigeze atambamira izo sheki.

[3] BPR ATLAS MARA Plc ntiyishimiye imikirize y'urubanza ijuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi inasaba ko hagobokeshwa SGES/ATT Ltd, maze ku wa 31/01/2019 mu rubanza N° RCOMA 00583/2018/HCC, urwo Rukiko rwemeza ko ukugobokeshwa ku gahato kwa SGES/ATT Ltd kutakiriwe; ko ubujurire bwa BPR ATLAS MARA Plc nta shingiro bufite, rutegeka ko imikirize y'urubanza rwajuririwe igumaho, BPR ATLAS MARA Plc igaha NKUSI Evariste indishyi mbonezamusaruro ku rwego rw'ubujurire zingana na 31.089.261 Frw na 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

[4] Urukiko rwageze kuri uwo mwanzuro rushingiye ku mpamvu zikurikira:

- Ku byerekeye igobokeshwa rya SGES/ATT Ltd, Urukiko rwasanze itarebwa n'ikibazo kiri hagati ya BPR na NKUSI kuko icyo kibazo kidashingiye ku masezerano yabaye hagati ya SGES/ATT Ltd na NKUSI Evariste, kimwe n'uko kidashingiye ku masezerano yabaye hagati ya SGES/ATT LTD Ltd na BPR ATLAS MARA Plc. Rwasanze ahubwo ari ikibazo gishingiye ku mategeko agenga inyandiko zishobora gucuruzwa (effets de commerce), bityo SGES/ATT Ltd ikaba ntacyo yenda gutsindirwa cyangwa gutsindirwa;
- Ku bijyanye n'impamvu z'ubujurire za BPR ATLAS MARA Plc, Urukiko rwasobanuye ko itigeze igaragaza ko hari amakenga ayo ariyo yose yagize ashingiye ku nenge ziteganywa n'amategeko sheki SGES/ATT Ltd yahaye NKUSI Evariste yaba ifite; bityo ikaba yaragombaga kugendera mu murongo w'amategeko n'amabwiriza agenga sheki, ikazishyura.

[5] BPR ATLAS MARA PLCntiyishimiye icyo cyemezo, ikijuririra mu Rukiko rw'Ubujurire kuri RCOMAA 00031/2019/CA ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije amategeko ndetse n'ibimenyetso yatanze maze ruyitegeka kwishyura 335.330.390 Frw n'indishyi mbonezamusaruro zingana na 31.089.261 Frw ziyongera kuri 61.359.470 Frw yaciwe mu Rukiko rw'Ubucuruzi.

[6] SGES/ATT Ltd nayo yajuririye icyemezo cy'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi cyo kutayemerera kugobokeshwa, ahubwo rukayifata nk'umutangabumya. Nyuma y'itakamba rya

SGES/ATT Ltd ku cyemezo cy'umwanditsi wari wanze kwakira ubujurire bwayo, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire yategetse ko ubujurire bwayo bwandikwa, bityo buhuzwa n'ubujurire bwa BPR ATLAS MARA Plc buhabwa numero RCOMAA 00051/2019/CA.

[7] Ku wa 06/03/2020, Urukiko rw'Ubujurire rwaciye urubanza RCOMAA 00031/2019/CA, ruburanisha ku nzitizi y'iburabubasha yatanzwe na NKUSI Evariste ishingiyeye ku kuba BPR ATLAS MARA Plc yaratsinzwe mu nkiko zombi zabanje ku mpamvu zimwe, rwemeza ko iyo nzitizi ifite ishingiro; rwemeza ko ikirego cya NKUSI Evariste gisaba amafaranga y'ibyakoreshejwe mu rubanza gifite ishingiro; rwemeza ko ubujurire bwa BPR ATLAS MARA Plc butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ubujurire, kuko BPR ATLAS MARA Plc yatsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe.

[8] Ku bijyanye n'ubujurire bwa SGES/ATT Ltd, Urukiko rw'Ubujurire rwavuze ko ukugobokeshwa kwayo atari ikibazo cy'ingenzi muri urwo rubanza.

[9] BPR ATLAS MARA Plc yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga isaba gusuzuma akarengane kari mu rubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciye ku wa 06/03/2020 n'Urukiko rw'Ubujurire, maze mu cyemezo cye N° 260/CJ/2020 cyo ku wa 18/05/2020, yemeza ko urwo rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane; ruhabwa N° RS/INJUST/RCOM 00005/2020/SC.

[10] Urubanza rwahamagajwe ku wa 09/11/2020, BPR ATLAS MARA Plc yitaba ihagarariwe na Mugire Rwamfizi Joseph yunganiwe na Me Bugingo Jean Bosco hamwe na Me Uwamahoro Marie Grace; Nkusi Evariste ahagarariwe na Me

Twiringiyemungu Joseph, naho SGES/ATT Ltd ihagarariwe na Me Nzirabatinyi Fidèle. Mbere yo kujya mu mizi y'urubanza urukiko rwabyukije ikibazo cyo kumenya niba SGES/ATT Ltd ari umuburanyi muri uru rubanza.

[11] Me Nzirabatinyi Fidèle avuga ko SGES/ATT Ltd yinjiye mu rubanza igobokeshejwe na BPR ATLAS MARA Plc mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ariko ihageze ihabwa “qualité” y'umutangabuhamya. Avuga ko yajuririye icyo cyemezo mu Rukiko rw'Ubujurire ariko ikibazo cya “qualité” ya SGES/ATT Ltd nticyagarukwaho kuko ikirego cy'ubujurire bwa BPR ATLAS MARA Plc kitakiriwe. Me Nzirabatinyi Fidèle asoza avuga ko muri uru rubanza SGES/ATT Ltd yifuza gukomeza nk'umutangabuhamya kuko nta kibazo “*grief*” ifite.

[12] Abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc bavuga ko mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi SGES/ATT Ltd yari umuburanyi ariko Umucamanza akaba yarakoze amakosa yo kuyihindurira “qualité” nyamara hari ibyo iryozwa mu ireme ry'urubanza, ko n'Urukiko rw'Ubujurire rwabivuzeho mu buryo butera akarengane kuko rwirengagije ko ababuranyi bahindutse rukavuga ko kugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd atari impamvu ikomeye ku buryo rwagira icyo ruyivugaho kandi yarajuririwe; ibyo akaba ari nabyo byabateye gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane.

[13] Me Twiringiyemungu Joseph uhagarariye NKUSI Evariste avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze rutakwita umuburanyi mu rubanza utazagira icyo arutsindiramo cyangwa ngo agire icyo arutsindirwamo, maze rufata SGES/ATT Ltd nk'umutangabuhamya; ko no mu Rukiko rw'Ubujurire SGES/ATT Ltd yagaragaye ivuga ko itajurira kuko urubanza rw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ntacyo rwayitwaye.

[14] Urukiko rumaze kumva impande zose kuri icyo kibazo cyo kumenya niba SGES/ATT Ltd ari umuburanyi, rwafatiye icyemezo mu ntebe y'abacamanza mu buryo bukurikira: “Rusanze BPR ATLAS MARA Plc yarajuririye icyemezo cy’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi ariko ubujurire bwayo ntibwasuzumwa kuko Urukiko rw’Ubujurire rwasanze rudafite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza. Kubera izo mpamvu, Urukiko rusanga kugeza ubu SGES/ATT Ltd itafatwa nk’umuburanyi kuko itigeze yemererwa kuba umuburanyi mu rubanza rusabirwa gusubirwamo¹. Urukiko rusanga ibyo BPR ATLAS MARA Plc ivuga ko mu mpamvu zayo z’akarengane harimo kuba Urukiko rw’Ubujurire rutarasuzumye ikibazo cy’uko SGES/ATT Ltd yaba umuburanyi, ari ibyasuzumwa ari uko uru Rukiko rusanze Urukiko rw’Ubujurire rwariyambuye ububasha kandi rwari rubufite”.

[15] Iburanisha ryarakomeje, Urukiko rubanza gusuzuma izitizi ijyanye no kumenya urubanza rwaregewe mu rwego rw’akarengane.

[16] Me Twiringiyemungu Joseph avuga ko inzira BPR ATLAS MARA Plc yakoresheje isaba isubirishwamo ry’urubanza atari yo kuko inenga urubanza rwaciwe n’Urukiko Rukuru, n’ubwo urubanza isaba ko rusubirwamo ari urubanza rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire. Asobanura ko urubanza rwatumye BPR ATLAS MARA Plc yandikira Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga imusaba gusubiramo urubanza ku mpamvu z’akarengane ari urubanza N° RCOMAA

¹ Ingingo ya 63 y’itegeko rigena ububasha bw’inkiko yumvikanisha ko abashobora kuba ababuranyi mu rubanza ruburanishwa mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane ari abari barabaye ababuranyi mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo

00031/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/03/2020, aho ivuga ko Urukiko rwayirenganyije mu kuvuga ko rudafite ububasha bwo kuburanisha urubanza ku mpamvu z'uko yatsinzwe mu nkiko zibanza ku mpamvu zimwe; ariko mu gusobanura akarengane kayo ikanenga ahubwo urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kandi atari rwo yasabiye gusubirishamo, kandi ntigire icyo isobanura ku rubanza yasabiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

[17] Abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc bavuga ko banki yasabye ko hasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire hajuririrwa urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kandi ko bagaragaje akarengane bagiriwe mu manza zose (mu rubanza rwa rw'Urukiko rw'Ubucuruzi, urw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'urw'Urukiko rw'Ubujurire) kuko ari uruhererekane. I bivugwa na NKUSI Evariste ko iyo BPR ATLAS MARA Plc iba yararenganyijwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi iba yarandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, basanga ngo kwaba ari ukwirengagiza itegeko rigena ububasha bw'inkiko mu ngingo ya 58 agaka ka 1, iteganya ko umuburanyi ubonye ko hari urubanza rwamurenganyije yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwamurenganyije akaba ariwe usuzuma iby'ako karengane.

[18] Urukiko rumaze kumva ibyo impande zombi zivuga ku kibazo cyo kumenya urubanza rwaregawe mu rwego rw'akarengane n'ibigomba kurusuzumwamo, rwongeye kwiherera rufata umwanzuro ukurikira: “Urukiko rusanga, nk'uko rwabitanzeho umurongo², iyo urubanza rwaciwe mu mizi

² Reba urubanza N° RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS rwaciwe kuwa 27/09/2019 haburana Rutabayiru et al vs Mukamabano Charlotte, igika cya

rujuriwe ntirwakirwe, urukiko ruregewe akarengane gashingiye kuri uko kutakirwa k’ubujurire, rusuzuma ubwo busabe ku birebana n’impamvu zatumye urwo rukiko rutakira ubujurire bwa kabiri; rukaba rwaburanisha ibyerekeye imizi y’urubanza ari uko rusanze mu kutakira ubwo bujurire bwa kabiri, urwo rukiko rwarakoze amakosa. Rusanga rero ibigomba kubanza kuvugwaho muri uru rubanza ari inenge zaba zigaragara mu rubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciwe n’Urukiko rw’Ubujurire rwanze kwakira ubujurire.

[19] Iburanisha ryakomereje muri uwo murongo, abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc bagaragaza ko Urukiko rw’Ubujurire rwirengagije ko impamvu zayitsinze ku rwego rwa mbere n’urwa kabiri atari zimwe kuko mu rwego rwa kabiri ari ikiburanwa ari n’ababuranyi byari byahindutse kuko hari hagobokeshejwe SGES/ATT Ltd kandi ifite ibyo iregwamo bitari byaburanyweho mu rwego rwa mbere; ndetse ikanongeraho ko no kuba SGES/ATT Ltd yari yajuriye byagombaga gutuma urubanza ruburanishwa mu mizi.

[20] Me Twiringiyemungu Joseph wunganira NKUSI Evariste ntiyemeranya n’ibisobanuro bya BPR ATLAS MARA Plc kuri iyo ngingo kuko asanga ikiregerwa nk’uko cyatanzwe na NKUSI Evariste yunganira kitarigeze gihinduka, kandi BPR ATLAS MARA Plc ikaba yaragitsindiye mu nkiko zombi: Urukiko rw’Ubucuruzi n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi.

28. Muri urwo rubanza, urukiko rwagize ruti “...bikaba byumvikana ko urubanza rushobora gusubirishwamo ku mpamvu z’akarengane ari urubanza rwafashe icyemezo kirenganya umuburanyi. Mu yandi magambo, urubanza rutakiriwe byafatwa ko rwarenganyije umuburanyi, iyo muri uko kutakirwa kwarwo ariho akarengane gashingiye.”

[21] Urukiko rwasoje iburanisha kuri iki kibazo, rumenyeshya ababuranyi ko mbere y'uko urubanza rukomeza, ruzabanza kugifataho umwanzuro, runabaza ababuranyi niba hari ibyo bifuzaga kongera ku byo bavuze mu myanzuro ku birebana n'indishyi zinyuranye basabye, impande zombi zemeza ko ntacyo zongeraho.

[22] Urukiko rusanga ibibazo bigomba gusuzumwa ari ibi bikurikira:

- a. Kumenya niba Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze ikosa mu kutakira ubujurire bwa kabiri bwa BPR ATLAS MARA Plc;
- b. Ibyerekeye indishyi zisabwa n'impande zombi.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

1. Kumenya niba Urukiko rw'Ubujurire rwarakoze ikosa mu kutakira ubujurire bwa kabiri bwa BPR ATLAS MARA Plc

[23] Abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc bavugaga ko Urukiko rw'Ubujurire rwirengagije ko bagobokesheje SGES/ATT Ltd mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bagira ngo igire ibyo iryozwa ariko urwo rukiko rukayigira umutangabuhamya, ibyo ndetse na SGES/ATT Ltd ikaba yari yarabijuririye, ubujurire bwayo bugahabwa nimero RCOMAA 00051/2019/CA hanyuma bugahurizwa mu rubanza rwazanywe mu karengane. Bakomeza bavugaga ko icyo kibazo cyo kugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd kitigeze kiburanwaho mu Rukiko rw'Ubucuruzi kuko cyaburanyweho bwa mbere mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Kubera izo mpamvu, bakaba

basanga BPR ATLAS MARA Plc itaratsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe kuko ibyaburanwe mu nkiko zombi zabanjirije urw'ubujurire atari bimwe ndetse n'ababuranyi akaba atari bamwe. Bavuga ko n'ubwo ku rwego rwa mbere Urukiko rwavuze ko BPR ATLAS MARA Plc yagombaga kwishyura sheki yashyikirijwe na SGES ATT Ltd ngo zishyurwe Nkusi Evariste, n'urwa kabiri rukaba rwaragumye muri uwo murongo, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwafashe n'ikindi cyemezo gishya kivuga ko SGES/ATT Ltd itari umuburanyi; iki cyemezo ngo akaba ari nacyo cyatumye BPR ATLAS MARA Plc itsindwa.

[24] Me Twiringiyemungu Joseph wunganira Nkusi Evariste ntiyemeranya n'ibisobanuro bya BPR ATLAS MARA Plc kuri icyo ngingo. Asobanura ko umuburanyi watanze ikirego ari na we ugaragaza akanasobanura ibyo asaba, ko NKUSI Evariste yatanze ikirego anasobanura ibikigize ari byo kutishyurwa sheki yari yahawe na SGES/ATT Ltd nyamara zaratanzwe mu buryo bukurikije amategeko; ibi akaba ari nabyo yatsindiweho mu nkiko zombi, yongeraho ko igobokeshwa rya SGES/ATT Ltd ritari buhindure impamvu zashingiweho n'izo nkiko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[25] Urukiko rusanga ipfundo ry'ikibazo muri uru rubanza ari ukumenya niba hari amakosa Urukiko rw'Ubujurire rwakoze mu kwanga kuburanisha urubanza mu mizi rushingiye ku kuba BPR ATLAS MARA Plc yaratsinzwe ku mpamvu zimwe mu Rukiko rw'Ubucuruzi no mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutitaye ku kuba hari icyemezo cyihariye cyafashwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kirebana n'igobokeshwa rya SGES/ATT Ltd ndetse rukaba rutaritaye no ku bujurire bwa SGES/ATT Ltd. Mu

gukemura iki kibazo, Urukiko rurasuzuma niba hari ingaruka icyemezo cyafashwe ku kibazo cyabyukijwe mu Rukiko rwacye urubanza ku rwego rwa kabiri cyagira ku iyakirwa cyangwa kutakirwa k'ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku kuba umuburanyi yaratsinzwe mu nkiko zombi ku mpamvu zimwe. Rurasuzuma kandi niba ubujurire bwa SGES/ATT Ltd ubwabwo, bwaragombaga gutuma urubanza ruburanishwa mu mizi.

2. Kumenya niba ikibazo kibyukijwe mu rwego rw'ubujurire cyaba impamvu yashingirwaho mu kwemeza ko umuburanyi atatsinzwe ku mpamvu zimwe.

[26] Ingingo ya 52 y'Itegeko no 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko mu gika cyayo cya 2, ivuga ko Urukiko rw'Ubujurire rufite (kandi) ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire bwa kabiri imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, ikanarondora ibigomba kuzuzwa ngo ubwo bujurire bwakirwe. Mu gika cya gatatu ariko, yongeraho indi mpamvu igira iti:” Icyakora (kandi) ubujurire bwa kabiri ntibushobora kwakirwa ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa, cyangwa ku muburanyi watsinzwe mu nkiko zombi hashingiwe ku mpamvu zimwe” Urukiko rusanga iyi ari impamvu yihariye ituma urubanza rutakirwa n'iyi ibindi bikenewe ngo ubujurire bwa kabiri bwakirwe byaba byuzuye.

[27] Muri uru rubanza, BPR ATLAS MARA PLC ntiyemera ko yatsinzwe ku mpamvu zimwe kuko hari ibyaburanwe bigafatwaho icyemezo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi birebana no kugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd bitari byaraburanyweho ku rwego rwa mbere. Ku bijyanye n'igisobanuro cyo gutsindwa ku mpamvu zimwe, mu rubanza

RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC³, uru Rukiko rwasobanuye ko “mu gusuzuma niba umuburanyi yaratsinzwe mu nkiko zombi zabanje ku mpamvu zimwe, harebwa icyaburanwaga n’imitekerereze ya buri rukiko mu kugaragaza impamvu zashingiweho, kugira ngo rugere ku cyemezo rwafashe, hitawe ku kureba niba ingingo zaburanwe mbere arizo zagarutsweho mu bujurire, kandi ko inkiko zombi zazishubijeho mu buryo bumwe”.

[28] Mu kugenzura ko ingingo zaburanwe mbere ari nazo zaburanwe mu bujurire, uru Rukiko rusanga hagomba kwitabwa ku isano remezo iri hagati y’imanza zombi kandi iyo sano ikaba igaragarira mu mpamvu z’ubujurire n’umwanzuro urubanza ku rwego rwa kabiri rwazifasheho, kuko nk’uko bigaragara mu ngingo ya 150, 5^o-7^o CPCCSA⁴ mu gusobanura izo mpamvu, aribwo umuburanyi watsinzwe urubanza ku rwego rwa mbere agaragaza ibyo arunenga, akaba ari nabyo, nyuma yo kumva ibisobanuro by’uregwa, bifatwaho icyemezo n’Urukiko ku rwego rw’ubujurire.

[29] Iyo kuri izo ngingo zajuririwe, urukiko ruciye urubanza ku rwego rwa kabiri ruhuje umwanzuro n’impamvu zashingiweho mu kuwufata, bikagaragara ko uwajuriye yongeye

³Urubanza RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC rwaciye ku wa 25/09/2020 haburana Road Solution Pavement Product vs MAILCO Ltd, igika cya 24.

⁴Iyo ngingo igira iti: “Ubujurire bukorwa mu buryo bw’umwanzuro utanga ikirego, ugaragaza ibi bikurikira:

.....

5^o urutonde rw’inenge z’urubanza zisabirwa gukosorwa n’ibindi bibazo bigomba gusuzumwa;

6^o ibisobanuro kuri buri nenge cyangwa kuri buri kibazo bigaragaza amakosa yakozwe n’uburyo agomba gukosorwa hashingiwe ku mategeko n’ibimenyetso n’igisabwa urukiko;

7^o ibisobanuro ku birego by’inyongera mu gihe ibyo birego bihari.

gutsindwa n'impamvu zari zatumye atsindwa mbere, nibwo bifatwa ko habaye gutsindwa ku mpamvu zimwe. Mu yandi magambo, gutsindwa ku mpamvu zimwe, bigenzurwa hashingiwe ku ngingo zatumye umuburanyi ajurira, umwanzuro wazifashweho n'impamvu zashingiweho n'inkiko zombi. Ibyo bivuze ko ibindi ababuranyi bemerewe gusaba mu rwego rw'ubujurire nk'uko biteganywa mu ngingo ya 154 CPCCSA - nk'inyungu, ibyishyuwe ku bukode n'ibindi bintu by'inyongera byabonetse nk'indishyi z'igihombo umuburanyi yagize kuva urubanza ku rwego rwa mbere ruciwe; kimwe no kugobokeshwa umuburanyi mu bujurire- bidashobora gushingirwaho hasuzumwa ko umuburanyi yatsinzwe ku mpamvu zimwe, bityo hakaba nta n'uwakwitwaza umwanzuro wabifashweho ashaka kumvikanisha ko atatsinzwe ku mpamvu zimwe kuko nyine ibyo biba bitarasuzumwe ku rwego rwa mbere; ku bw'ibyo hakaba nta n'igereranya rishobora kubikorerwaho harebwa imanza zaciwe ku nzego zombi kuko ntawe ugereranya ibidafitanye isano.

[30] Muri uru rubanza, BPR ATLAS MARA Plc yagobokesheje SGES/ATT Ltd mu bujurire, urukiko rufata umwanzuro ko uko kugobokeshwa kutakiriwe. Nk'uko byasobanuwe mu gika kibanziriza iki, Urukiko rusanga uwo mwanzuro BPR ATLAS MARA Plc idashobora kuwushingiraho ngo ivuge ko itatsinzwe ku mpamvu zimwe yitwaje ko utari wafashwe mu rubanza rwajuririwe, bikaba byumvikana ko nta n'uburyo washingirwaho hasuzumwa ko yatsinzwe ku mpamvu zimwe kuko ntacyo ugereranywa nawo mu rubanza rwaciwe ku rwego rwa mbere.

[31] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro, Urukiko rusanga ibyo BPR ATLAS MARA Plc ivuga ko Urukiko rw'Ubujurire rwayirenganyije rwanga kwakira ubujurire bwa kabiri

yarushyikirije kuko ikibazo cyo kugobokeshwa kwa SGES/ATT Ltd kitari mu byo yatsindiweho ku mpamvu zimwe, nta shingiro bifite.

3. Kumenya niba kuba SGES/ATT Ltd yarajuririye icyemezo yafatiwe ku kugobokeshwa kwayo byaragombaga gutuma Urukiko rw'Ubujurire ruburanisha mu mizi.

[32] Mu bisobanuro byayo, haba mu myanzuro cyangwa mu iburanisha, BPR ATLAS MARA Plc, igaragaza ko Urukiko rw'Ubujurire rwirengagije ko SGES/ATT Ltd nayo yari yajuririye; ibyo bikaba ngo byaragombaga gutuma Urukiko rw'Ubujurire ruburanisha urubanza mu mizi. Mu gusubiza kuri iyi ngingo, urukiko rusanga hagomba gusuzumwa niba ubujurire bwa SGES/ATT Ltd bwaragombaga kwakirwa n'ingaruka ibyo bifite ku karengane BPR ATLAS MARA Plc ivuga ko yagiriwe.

[33] Ku byerekeye iyakirwa ry'ubujurire bwa SGES/ATT Ltd, ingingo ya 116 a12 CPCCSA, igira iti: “Kabone n’aho urubanza rwaba ruciwe ku rwego rwa nyuma, umuburanyi yemerewe kujuririra urubanza yagobokeshejwemo inshuro imwe iyo hari ibyo yaciwe”. Nk’uko iyi ngingo ibigaragaza, uwagobokeshejwe ku gahato yemerewe kujuririra iyo hari ibyo yaciwe. Mu yandi magambo iyo ntacyo yategetswe kwishyura ubujurire bwe ntibwakirwa.

[34] Nk’uko bigaragara mu rubanza rwaciwe n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi, urukiko rwemeje ko SGES/ATT Ltd itaba umuburanyi mu rubanza idashobora kugira icyo isabamo cyangwa isabwa⁵; ko ahubwo urubanza irugumamo

⁵Reba igika cya 6 cy’urubanza N° RCOMA 00583/2018/HCC

nk'umutangabuhamya; bikaba byumvikana ko ntacyo yategetswe kwishyura icyo aricyo cyose; bityo ikaba itari yemerewe kuba yajuririra urwo rubanza.

[35] Kuba Urukiko rw'Ubujurire ntacyo rwavuze kuri ubwo bujurire, ahubwo rukavuga ko rusanga atari ikibazo cy'ingenzi⁶ uru Rukiko rusanga ntacyo rwabivugaho kuko SGES/ATT Ltd itigeze igaragaza ko hari icyo biyitwaye. Ikibazo gihari akaba ari ukumenya niba ibyo BPR ATLAS MARA Plc yabyuririraho igasaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[36] Uru rukiko rusanga impamvu ituma ikirego kitakirwa ari impamvu ireba umuburanyi urukiko rwangiye kwakira cyangwa gusuzuma ikirego, kuko urukiko rufite ububasha bwo kutakira ikirego/ubujurire bw'umuburanyi umwe ariko rukaba rwakwakira ikirego/ubujurire bw'undi cyangwa aband. Kuba rero urukiko rwaba rwarakoze ikosa ku bireba SGES/ATT Ltd, ibyo ntibihesha BPR ATLAS MARA Plc ububasha bwo kubigira ikibazo cyatuma urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kuko itayihagarariye.

[37] Kubera izo mpamvu zose, uru rukiko rusanga nta karengane BPR ATLAS MARA Plc yatewe n'urubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, bityo rukaba rudashobora gusuzuma akarengane ivuga ko kari mu rubanza RCOMA 00583/2018/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

⁶ Reba igika cya 21 cy'urubanza N° RCOMAA 00031/2019/CA

4. Ibyerekeye indishyi

a. Indishyi zo gushorwa mu manza

[38] Me Twiringiyemungu Joseph uhagarariye NKUSI Evariste avuga ko ikirego cyatanzwe na BPR ATLAS MARA Plc kigamije gusa gukomeza kumuheza mu gihirahiro kugira ngo atabona ubwishyu bwe. Bityo akaba asaba Urukiko rw'Ikirenga kuyitegeka kwishyura uwo ahagarariye indishyi zo gushorwa mu manza ku maherere zingana na 10.000.000 Frw.

[39] Abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc, bavuga ko banki yashowe mu manza z'amaherere, nyamara ko nta kosa yigeze ikora ahubwo yubahirije inshingano zayo uko yazisabwaga. Bityo bakaba basanga idakwiye kuryozwa ayo amafaranga. Basaba ko ahubwo NKUSI Evariste ari we wabyirengera kuko yari yasobanuriwe impamvu sheki zitishyuwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Urukiko rurasanga indishyi zo gushorwa mu manza zisabwa na NKUSI Evariste nta shingiro zifite kuko nta kigaragaza ku buryo budashidikanywaho ko BPR ATLAS MARA Plc yatanze ikirego mu rwego rwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane izi neza ko nta zindi nyungu ifitemo uretse kugira ngo NKUSI Evariste atishyurwa.

b. Amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka

[41] Me Twiringiyemungu Joseph uhagarariye NKUSI Evariste asaba Urukiko gutegeka BPR ATLAS MARA Plc

kumwishyura igihembo cya Avoka n'amafaranga y'ikurikiranarubanza bingana na 5.000.000 Frw.

[42] Abahagarariye BPR ATLAS MARA Plc na bo basaba Urukiko rw'Ikirenga gutegeka NKUSI Evariste kuyisubiza 5.000.000 Frw akubiyemo igihembo cy'Avoka kingana na 3.000.000 Frw n'amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 2.000.000 Frw bashingiye ku ngingo ya 26 y'Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo fatizo by'Abavoka mu Rwanda⁷ ndetse n'ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi⁸

UKO URUKIKO RUBIBONA

[43] Urukiko rurasanga amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka asabwa na BPR ATLAS MARA Plc nta shingiro afite kuko itsinzwe ibyo iburana. Rusanga amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka uhagarariye NKUSI Evariste asaba ayakwiye kuko ariwe utsinze uru rubanza, ariko kuko atagaragaza uburyo ayabaramo ngo anabigaragarize ibimenyetso, Urukiko rukaba rumugeneye mu bushishozi bwawo amafaranga y'igihembo cy'Avoka ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) n'ibihumbi magana atatu (300.000 Frw) y'ukurikiranarubanza kuri uru rwego, ni ukuvuga ibihumbi magana inani (800.000 Frw) yose hamwe.

⁷Iyo ngingo ivuga ko "Igihembo cy'Avoka kiri hagati ya 500.000 Frw na 5.000.000 Frw."

⁸ Iyo ngingo igira iti: "Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyura ibyakoreshejwe mu rubanza

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[44] Rwemeje ko ikirego cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/03/2020, cyatanzwe na BPR ATLAS MARA PLCnta shingiro gifite;

[45] Rwemeje ko nta karengane kari mu rubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/03/2020;

[46] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMAA 00031/2019/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 06/03/2020 idahindutse;

[47] Rutegetse BPR ATLAS MARA PLC guha NKUSI Evariste amafaranga ibihumbi magana inani (800.000 Frw) y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuri uru rwego.

IMANZA ZACIWE MU MU MIZI

URUBANZA RW'UBUTEGETSI

Re BIZIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RAD
00002/2021/SC – (Cyanzayire, P.J., Hitiyaremye na Karimunda,
J.) 27 Nyakanga 2022]

Amategeko agenga imanza z'ubutegetsu – Irangiza ry'urubanza – Inyandikompesha – Umwanzuro w'ubuhuza – Ni inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi yakorewe hanze y'urukiko, igasozza urubanza nta y'indi mihango ikozwe bityo, hakarangizwa ibikubiye muri uwo mwanzuro.

Incamake y'ikibazo: Bizimana yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, asaba gusubizwa uburenganzira bwe kubera icyemezo cyafashwe ku butaka yaguze cyo kubucamo umuhanda atabizi, ahasigaye hagateganyirizwa ubusitani, aho abimenyeye yandikira Akarere ka Kicukiro atakamba asaba ko icyo cyemezo gikurwaho ariko ntiyasubizwa.

Urukiko rwemeje kutakira ikirego cye, rusobanura ko ibyo yaregeye bidakwiye kuregerwa mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, kuko ikirego cy'ubwo bwoko gitangwa gusa ndetse kikakirwa iyo ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteje ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa.

Urega yajuririye Urukiko Rukuru ariko rwemeza ko ubujurire bwe budafite ishingiro rushingiye ku mpamvu zimwe n'izatanzwe n'Urukiko rubanza, rwongeraho kuba uregwa atarasubijwe ku butakambe bwe bitavuze ko afite uburenganzira ku mutungo we. Ibi byatumye asaba ko urubanza rwe

rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, maze ruburanishwa mu ruhame impande zombi zifitenye ikibazo zihari. Aba bombi baje kwemera ko ikibazo cyabo gikemurwa mu nzira y'ubuhuza kuko aribwo buryo bwiza bwo gukemura impaka bafitanye.

Incamake y'icyemezo: Umwanzuro w'ubuhuza ni inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi yakorewe hanze y'urukiko, igasoza urubanza nta y'indi mihingo ikozwe bityo, hakarangizwa ibikubiye muri uwo mwanzuro.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9, 178 n'iya 241.

Nta manza zifashishijwe.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 24/03/2017, Bizimana Jacques yaguze ikibanza na Batamuriza Yvonne ku mafaranga 4.550.000, gifite UPI: 1/03/01/1981, giherereye mu Mudugudu wa Kimena, Akagari ka Karembure, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali. Avuga ko haje gufatwa icyemezo cyo gucamo umuhanda atabizi, ahasigaye hagateganyirizwa ubusitani, aho abimenyeye akandikira Akarere ka Kicukiro atakamba asaba ko icyemezo gikurwaho ariko ntasubizwe.

[2] Byatumye aregera Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe

n'umuburanyi umwe, asaba gusubizwa uburenganzira bwe, urubanza rwandikwa kuri RAD 00208/2018/TGI/NYGE, rucibwa ku wa 06/12/2018. Urukiko rwemeje kutakira ikirego cye, rusobanura ko ibyo Bizimana Jacques yaregeye bidakwiye kuregerwa mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, kuko ikirego cy'ubwo bwoko gitangwa gusa ndetse kikakirwa iyo ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteje ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa. Rwasobanuye kandi ko ibiteganywa mu ngingo ya 178, igika cya 5, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi¹, bitatuma ikirego cyakirwa igihe cyose bigaragara ko hari impaka kandi nta kiramirwa cyihuse kigaragarizwa urukiko.

[3] Bizimana Jacques yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, rwandikwa kuri RADA 00011/2019/HC/KIG, rucibwa ku wa 12/03/2019, hemezwa ko ubujurire bwe budafite ishingiro. Urukiko rwashingiye ku mpamvu zimwe n'izatanzwe n'Urukiko rubanza, rwongeraho ko kuba uregwa atarasubijwe ku butakambe bwe bitavuze ko afite uburenganzira ku mutungo we, ahubwo bimuha uburenganzira bwo kuregera inkiko kugirango ikibazo cye gisuzumwe.

¹ Ingingo ya 178, igika cya 3, ya CPCCSA iteganya ko umuyobozi utakambiwe agomba gusubiza ubwo butakambe mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) kubarwa uhereye umunsi yabuboneyeho. Iyo adasubije, ubutakambe bufatwa nk'aho bufite ishingiro. Igika cya 5 cy'iyi ngingo gitangwa ko iyo nta gisubizo yahawe kandi atasubijwe uburenganzira bwe, ashobora gusaba urukiko ruburanisha imanza z'ubutegetsi gutegeka ko uburenganzira bwe bwubahirizwa. icyo kirego gitangwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe.

[4] Nyuma y'uko urwo rubanza ruciwe, Bizimana Jacques yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire asaba ko rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, amaze kubisuzuma akora raporo igaragaza ko urubanza rukwiye gusubirwamo, ayohereza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Mu cyemezo nimeru 0202/CJ/2021 cyo ku wa 10/08/2021, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasabye ko urubanza rwandikwa mu bitabo by'ibirego rukongera kuburanishwa; rwandikwa kuri RS/INJUST/RAD 00002/2021/SC, ababuranyi bamenyeshwa ko ruzaburanishwa ku wa 16/11/2021.

[5] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhame, Bizimana Jacques yunganiwe na Me Manirafasha Jean Paul, Umujyi wa Kigali wahamagajwe mu rubanza uburanirwa na Me Safari Vianney. Hashingiwe ku ngingo ya 9, igika cya 3, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi², ababuranyi babajijwe niba ikibazo bafite kitakemuka mu nzira y'ubuhuzwa, bemera ko aribwo buryo bwiza bwo gukemura impaka bafitanye, bumvikana ko uzababera umuhuza ari Me Kavaruganda Julien.

[6] Me Kavaruganda Julien yashyikirijwe icyemezo cy'Urukiko cyo ku wa 22/11/2021 kimushyiraho nk'umuhuza mu rubanza RS/INJUST/RC 00002/2021/SC, ahabwa igihe cyo kugeza ku wa 31/12/2021 kugirango abe yashyikirije raporo abo bireba bose. Urubanza rwongeye gushyirwa kuri gahunda y'iburanisha ku wa 13/01/2022, ariko ntirwaburanishwa kuko ku

² Umucamanza ashobora gushishikariza ababuranyi gukoresha ubwunzi iyo abona ko ari bwo buryo buboneye mu kurangiza impaka. Ashobora kubungabunga ubwe cyangwa akabohereza mu bwunzi, agasubika urubanza mu gihe ubwunzi burimo gukorwa.

wa 12/01/2022 Umuhuza yanditse asaba kongererwa igihe, agahabwa nibura kugeza ku wa 28/02/2022 kugirango abe yamaze gutanga raporo.

[7] Ku wa 21/06/2022, Umuhuza yashyikirije Urukiko raporo y'ibyavuye mu buhuza yo ku wa 17/06/2022, igaragaza ko impaka ababuranyi bari bafitanye zirebana n'ubutaka bubaruye kuri UPI: 1/03/01/1981, buherereye mu Mudugudu wa Kimena, Akagari ka Karembure, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, zarangiye abo bireba bose bumvikanye.

[8] Iburanisha ryo kwemeza umwanzuro w'ubuhuza ryabaye ku wa 27/07/2022, abari mu rubanza bose bitabye, Bizimana Jacques yunganiwe na Me Manirafasha Jean Paul, naho Umujyi wa Kigali wahamagajwe mu rubanza uburanirwa na Me Shema Gérard. Urukiko rwamenyesheje abari mu rubanza ko rwabonye inyandiko y'ubwumvikane impande zose zemeranyijweho, bavuga ko impaka bari bafitanye zakemutse burundu kandi ko nta gisigaye gusuzumwa, barusaba kwemeza umwanzuro w'ubuhuza.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

1. Kumenya niba umwanzuro w'ubuhuza wakwemezwa

[9] Hashingiwe ku mwanzuro w'ubuhuza wo ku wa 17/06/2022, ugaragaza ko abari mu rubanza bose bemeranyijwe ku bibazo bari barushyikirije, Urukiko rurasanga uru rubanza rugomba gusozwa nta yindi mihango, bityo hakazarangizwa ibikubiye muri uwo mwanzuro nk'uko biteganywa n'ingingo ya

241, 7° y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets. Iyo ngingo iteganya ko inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi byakorewe hanze y'urukiko ari inyandikompesha.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[10] Rwemeje ko ikirego Urukiko rwari rwashyikirijwe mu rubanza RS/INJUST/RAD 000002/2021/SC, gikemuwe nk'uko ababuranyi babyemeranyijweho mu mwanzuro w'ubuhuza wo ku wa 17/06/2022 uri ku mugereka w'uru rubanza.

[11] Rutegetse ko umwanzuro w'ubuhuza urangizwa uko wanditse.

IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO

MANIRARORA v RWANDA RUDNIKI LTD

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE –RS/INJUST/RC
00013/2021/CA (Rukundakuvuga, P.J., Kamere na Ngagi) 28
Kamena 2022]

Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Uburyozwe – Impanuka – Umuntu afite inshingano yo kugenzura ibyo ashinzwe kurinda, kandi agomba kuryozwa icyo byangirije hatitawe ko yaba yakoze cyangwa atakozwe ikosa – Umwishingizi ariyozwa mu gikigero cy'ibyo yishingiye mu masezerano.

Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Kurega – Kurega umwishingizi cyangwa umukoresha – uwangirijwe n'impanuka utahisemo kurega umwishingizi (action directe) ahubwo agahitamwo kurega umukoresha ubwe (action personnelle), nta kosa aba akoze.

Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Uburyozwe – Indishyi – Indishyi zikomoka ku mpanuka zitari izo mu muhanda – Mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka zitari izo mu muhanda ntihashingirwa ku Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga, icyakora nta cyabuza Urukiko kwifashisha uburyo (formule) buteganyijwe muri iryo teka.

Amategeko agenga imburanishirize y'imanza mbonezamubano – Agaciro k'inyandiko – Inyandiko Urukiko rushingiraho – amabwiriza – Amabwiriza ni inyandiko zo mu rwego rusange zashyizweho umukono n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, zigamije gushyira mu bikorwa itegeko cyangwa zigamije gukurikizwa ku

bintu bitarebwa n'itegeko kandi zigatangazwa mu Igazeti ya Leta.

Incamake y'ikibazo : Urubanza rwatangiye Manirarora arega Rwanda Rudniki Ltd mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, arusaba kuyitegeka kumuha indishyi zikomoka ku mpanuka y'akazi yamuteye ubumuga buhoraho bungana na 40% kuko yari umukoresha we, hashingiwe ku Iteka rya Perezida rikurikizwa mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka z'ibinyabiziga. Urukiko rwaciye urubanza RC00006/2017/TGI/MHG rwaciye n'Urukiko rwemeza ko ikirego yatanze gifite ishingiro, rutegeka Rwanda Rudniki Ltd guha Manirarora indishyi zitandukanye.

Rwanda Rudniki Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza, iyijuririra mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ivuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwayitegetse kwishyura Manirarora indishyi kandi atarigeze aba umukozi ufutanye na yo amasezerano y'akazi ugengwa n'Itegeko ry'umurimo mu Rwanda, ivuga kandi ko Urukiko mu kumugenera indishyi rwashingiye ku Iteka rya Perezida N°31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga, kandi impanuka yakoze atari iyo mu muhanda.

Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwaciye urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rwemeza ko ubujurire bwatanzwe na Rwanda Rudniki Ltd mu izina ry'Umuyobozi wayo bufite ishingiro kuri bimwe, ko imikirize y'urubanza RC00006/2017/TGI/MHG rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga ihindutse kuri bimwe, ko indishyi zigomba kubarwa hakurikijwe Amabwiriza yatanzwe n'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda, rutegeka SAHAM Assurance

Rwanda Ltd mu izina ry'Umuyobozi wayo guha Manirarora indishyi zitandukanye.

Manirarora yasubirishijemo urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza ingingo nshya avuga ko mu guca urwo rubanza habayeho uburiganya, maze uru Rukiko mu rubanza RS/REV/RC 00004/2018/HC/NYZ rwemeza ko ikirego cyo gusubirishamo urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ ingingo nshya cyatanzwe na Manirarora kitakiriwe.

Manirarora yatakambiye Urukiko rw'Ubujurire asaba ko urubanza RCA0104/2017/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, nyuma yo gusuzuma ubusabe bwe, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, amusaba kwemeza ko urwo rubanza rusubirwamo kuko rushobora kuba rurimo akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, yemeje ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze arwohereza mu Rukiko rw'Ubujurire kugira ngo ruzaruburanishe. Rwanda Rudniki Ltd isaba ko Sanlam AG Plc ihamagazwa mu rubanza nk'umwishingizi wayo Urukiko rurabyemera.

Uhagarariye Manirarora avuga ko amasezerano SANLAM AG Plc yagiranye na Rwanda Rudniki Ltd ataboneye kandi areba abayagiranye, akaba ariyo mpamvu bareze Rwanda Rudniki Ltd bakaba basaba Urukiko rw'Ubujurire kwemeza ko Rwanda rudniki Ltd ari yo ikwiye kuryozwa indishyi kuko itafatiye abakozi bayo ubwishingizi bukwiye.

Uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd Avuga ko indishyi zicibwa uwakoze ikosa kandi bo nta kosa bakoze kandi ko ingingo ya 260 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano

yari gukoreshwa mu gihe Rwanda Rudniki Ltd yari kuba nta bwishingizi yafashe, ko rero SANLAM AG Plc ari yo igomba kwishyura indishyi bityo akaba ari nayo igomba kuregwa.

Uhagarariye SANLAM AG Plc avuga ko kuba Manirarora atarigeze arega SANLAM AG Plc asanga atari yo yaryozwa indishyi. Ko mu gihe Urukiko rwabibona ukundi, rugasanga ari yo igomba kwishyura indishyi, yakwishyura izikubiye mu masezerano yari hagati ya SANLAM AG Ltd na Rwanda Rudiniki Ltd.

Urukiko rw'Uburundi rwemeje ko nta kosa Manirarora yakoze asaba ko Rwanda Rudniki Ltd iryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka yatewe n'ikirombe cyayo; bityo Rwanda Rudniki Ltd igomba kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka Manirarora yakoreye mu kirombe cyayo.

Incamake y'icyemezo: 1. Umuntu afite inshingano yo kugenzura ibyo ashinzwe kurinda, kandi agomba kuryozwa icyo byangirije hatitawe ko yaba yakoze cyangwa atakoze ikosa.

2. Uwangirijwe n'impanuka utahisemo kurega umwishingizi (action directe) ahubwo agahitamo kurega umukoresha ubwe (action personnelle), nta kosa aba akoze.

3. Amabwiriza ni inyandiko zo mu rwego rusange zashyizweho umukono n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, zigamije gushyira mu bikorwa itegeko cyangwa zigamije gukurikizwa ku bintu bitarebwa n'itegeko kandi zigatangazwa mu Igazeti ya Leta.

4. Mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka zitari izo mu muhanda ntihashingirwa ku Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga, icyakora nta cyabuza Urukiko kwifashisha uburyo (formule) buteganyijwe muri iryo teka.

**Ikirego cyo gusubirishamo Urubanza ku mpamvu
z'akarengane ku mpamvu z'akarengane gifite
ishingiro.**

**Urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane
ruhindutse kuri byose**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha
bw'inkiko, Ingingo ya 63

Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 rishyiraho Igitabo cya
gatatu cy'urwunge rw'Amategeko mbonezamubano,
ingingo ya 258, 260

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye
imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,
iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya
9,111

Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'abavoka,
ingingo ya 26

Imanza zifashishijwe.

Urubanza RCAA 00008/2020/CA rwa Ndizeye Alphonse
iburana na Kibungo Medical Center na PRIME
Insurance Company Plc, rwaciwe n'Urukiko
rw'Ubujurire ku wa 25/06/2021,

Urubanza RADA0054/12/CS rwa Kabayijuka Gaspard aburana
na Leta y'u Rwanda (Minisanté) rwaciwe n'Urukiko
rw'Ikirenga ku wa 19/12/2014,

urubanza RCAA 0049/14/CS, rwa SORAS AG Ltd iburana
N'umuhoza Pacifique n'abandi rwaciwe n'Urukiko
rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016.

Urubanza RCAA 00073/2018/CA, rwa Nyirabatesi Laurence
aburana n'Ibitaro byitiriwe Umwami Fayisali (King

Faisal Hospital) rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/07/2019,

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe.

Philippe Le TOURNEAU et autres, Droit de la responsabilité et des contrats: régimes d'indemnisation, 10^{ème} édition, Paris, Dalloz, 2014, pp.1973-1974

Francois Terré, Philippe Smeler na Yves Lequette, Droit civil. Les obligations, 11^{ème} édition, Paris, Dalloz, 2013, p.253.

Serge GUINCHARD, Lexique des termes juridiques 2015-2016, 23^{ème} édition, 2015, Paris, Dalloz, p. 887

Gérard CORNU, Vocabulaire Juridique, 2007-, 8^{ème} édition, Paris, Quadrige/PUF, p. 789.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Manirarora Jean de Dieu yari umukozi wa sosiyete icukura amabuye y'agaciroyitwa Rwanda Rudniki Ltd kuva mu mwaka wa 2008 kugeza ku wa 29/10/2015 ubwo yakoraga impanuka, kuri iyo tariki ya 29/10/2015 yagwiriwe n'ikirombe avunika ukuguru bikomeye, ndetse anakomereka mu musaya, iyo mpanuka imusigira ubumuga buhoraho buri ku gipimo cya 40%.

[2] Manirarora Jean de Dieu yabimenyesheje Rwanda Rudniki Ltd nayo imubwira ko yareba umwishingizi w'ikirombe ari we SAHAM Assurance Rwanda Ltd, Manirarora ahageze asanga amasezerano SAHAM Assurance Rwanda Ltd (yahoze ari CORAR Assurance) yagiranye n'ubuyobozi bwa Rwanda

Rudniki Ltd ateganya ko umukozi agwiriwe n'ikirombe agapfa ahabwa 1.000.000Frw n'ibyakoreshewe mu gushingura naho ukomerekeyemo agahabwa amafaranga hakurikijwe ingano y'ubumuga yatewe n'impanuka. Manirarora Jean de Dieu abonye ayo masezerano atabonye yareze Rwanda Rudniki Ltd nk'umukoresha we mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, arusaba kuyitegeka kumuha indishyi zikomoka ku mpanuka y'akazi yamuteye ubumuga buhoraho bungana na 40%, hashingiwe ku Iteka rya Perezida rikurikizwa mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka z'ibinyabiziga.

[3] Mu rubanza RC00006/2017/TGI/MHG rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga ku wa 26/10/2017, urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Manirarora Jean de Dieu gifite ishingiro, rutegeka Rwanda Rudniki Ltd guha Manirarora Jean de Dieu 4.099.607Frw y'indishyi z'ibangamirabukungu, 432.000Frw y'indishyi z'akababaro, 432.000Frw y'indishyi z'ibangamiraburanga, 540.000Frw indishyi z'ibangamira ry'uburambe ku kazi, 100.000Frw yakoreshejwe mu kwivuzza, 50.000Frw y'ikurikirarubanza, na 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka, yose hamwe aba 6.153.607Frw, ikanamwishyura 50.000 Frw y'amagarama y'urubanza.

[4] Rwanda Rudniki Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza, iyijuririra mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ivuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwayitegetse kwishyura Manirarora Jean de Dieu indishyi kandi atarigeze aba umukozi ufutanye na yo amasezerano y'akazi ugengwa n'Itegeko ry'umurimo mu Rwanda, ivuga kandi ko Urukiko mu kumugenera indishyi rwashingiye ku Iteka rya Perezida N°31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyuraindishyi

ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga, kandi impanuka yakoze atari iyo mu muhanda.

[5] Ku wa 10/07/2018, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwaciye urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rwemeza ko ubujurire bwatanzwe na Rwanda Rudniki Ltd mu izina ry'Umuyobozi wayo bufite ishingiro kuri bimwe, ko imikirize y'urubanza RC00006/2017/TGI/MHG rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga ku wa 26/10/2017 ihindutse kuri bimwe, ko indishyi zigomba kubarwa hakurikijwe Amabwiriza yatanzwe n'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda, rutegeka SAHAM Assurance Rwanda Ltd mu izina ry'Umuyobozi wayoguha Manirarora Jean de Dieu indishyi zose hamwe zingana na 2.906.920Frw, ruvuga ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakoze mu rubanza.

[6] Ku wa 31/08/2018, Manirarora Jean de Dieu yasubirishijemo urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ ingingo nshya, ikirego cyeye cyandikwa kuri RS/REV/RC 00004/2018/HC/NYZ, avuga ko mu guca urwo rubanza habayeho uburiganya. Ku wa 25/10/2018, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwemejeko ikirego cyo gusubirishamo urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ ingingo nshya cyatanzwe na Manirarora Jean de Dieu kitakiriwe.

[7] Manirarora Jean de Dieu yatakambiye Urukiko rw'Ubujurire asaba ko urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, nyuma yo gusuzuma ubusabe bwe, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, amusaba kwemeza ko urwo rubanza rusubirwamo kuko rushobora kuba rurimo akarengane. Ku wa 11/02/2021, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, mu cyemezo cyeye N° 112/CJ/2021 yemeje ko urwo rubanza

rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze arwohereza mu Rukiko rw'Ubujurire kugira ngo ruzaruburanishe, icyo kirego cyandikwa kuri RS/INJUST/RC 00013/2021/CA.

[8] Manirarora Jean de Dieu yasubirishijemo urubanza ku mpamvu z'akarenganeavuga ko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwategetse SAHAM Assurance Rwanda Ltd kumwishyura 2.906.920 Frw kandi itarigeze iba umuburanyi muri urwo rubanza, asaba ko Rwanda Rudniki Ltd ari yo igomba kuryozwa indishyi asaba, ko kandi zigomba kubarwa hakoreshejwe Iteka rya Perezida N° 31/01 ryoku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga kubera ko nta tegeko ririhoryerekeye impanuka zabereye mu birombe bicukurwamo amabuye y'agaciro.

[9] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 06/04/2022, Manirarora Jean deDieu ahagarariwe na Me Nzeyimana Alexis, Rwanda Rudniki Ltd ihagarariwena Me Nsengiyaremye Jean Claude, Rwanda Rudniki Ltd isaba ko Sanlam AG Plc ihamagazwa mu rubanza nk'umwishingizi wayo, Urukiko rushingiye ku biteganywa mu ngingo ya 118 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi rwafatiye icyemezo mu ntebe, rwemeza ko Sanlam AG Plc ihamagazwa mu rubanza nk'umwishingizi wa Rwanda Rudniki Ltd. Urubanza rwongeye kuburanishwa ku wa 09/05/2022, Manirarora Jean de Dieu na Rwanda Rudniki Ltd bahagarariwe nka mbere, naho SANLAM AG Plc ihagarariwe na Me Rwimo Clotilde; isomwa ry'urubanza rishyirwa ku wa 30/05/2022, iyo tariki igeze ryimurirwa ku wa 17/06/2022, ariko ntirwasomwa kuri iyo tariki, ryimurirwa ku wa 28/06/2022.

[10] Muri rusange, mu iburanisha impaka hagati y'ababuranyi zibanze ku byerekeranyeko kumenya niba Rwanda Rudniki Ltd igomba gutegekwa kwishyura indishyi zikomaka ku mpanuka Manirarora Jean de Dieu yagiriye mu kirombe, kumenya icyashingirwaho hatangwa indishyi zisabwa, hamwe no kumenya ingano y'indishyizisabwa, uko zibarwa, n'ugomba kuziryoza.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba RWANDA RUDNIKI Ltd igomba gutegekwa kwishyuraindishyi zikomaka ku mpanuka MANIRARORA Jean de Dieu yagiriye mu kirombe.

[11] Uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko bashingiye ku ngingo ya 260 y'igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano (CCL III) yakoreshwaga igihe Manirarora Jean de Dieu yakoraga impanuka asanga RWANDA RUDNIKI Ltd ari yo igomba kuryozwa indishyi Manirarora Jean de Dieu aregera. Asobanura ko uwo ahagarariye amaze gukomerekerera mu kirombe cya Rwanda Rudniki Ltd yayandikiye hanyuma imusubiza ko ifite ubwishingizi muri SAHAM Assurance Rwanda Ltd (yahoze ari CORAR AG Ltd), ubu yahindutse SANLAM AG Plc, ko asanze amasezerano Rwanda Rudniki Ltd ifitanye na SANLAM AG Plc ateganya ko uzagwirwa n'ikirombe agapfa hazishyurwa 1.000.000 Frw, naho uzakomereka akazagenerwa indishyi hashingiwe ku ngano y'ubumuga yagize; ko yabegereye kugira ngo bumvikane ku ndishyi imusubiza ko indishyi yamuha ari 400.000 Frw ariko ko kubera ari mu bwumvikane bamuha 100.000 Frw, ko bamaze kubona ko ayo masezerano ataboneye yareze Rwanda Rudniki

Ltd kuko yari ifite inshingano yo kurinda icyo kirombe cyayo kugira ngo kitagwira umuntu.

[12] Avuga kandi ko kuba amasezerano SANLAM AG Plc yagiranye na Rwanda Rudniki Ltd ataboneye kandi akaba areba abayagiranye, ari yo mpamvu asaba Urukiko rw'Ubujurire kwemeza ko Rwanda Rudniki Ltd ari yo ikwiye kuryozwa indishyi zikwiye kuko itafatiye abakozi bayo ubwishingizi bukwiye.

[13] Uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd avuga ko indishyi zicibwa umuntu wakoze ikosa, ko kugira ngo wemererwe gucukura amabuye y'agaciro hari ibyo ugomba kuba wujuje, ko kandi ibyo byose Rwanda Rudniki Ltd yari ibyujuje, ko ntacyo yari gukora kugira ngo Manirarora Jean de Dieu ye kugwirwa n'ikirombe. Avuga kandi ko kuba barashatse ubwishingizi muri Sanlam AG Plc (yahoze ari CORAR AG Ltd) ari ukugira ngo izishyure mu gihe cy'impanuka, ko ubwo bwishingizi yabufashe mu nyungu z'abakora mu kirombe cyayo harimo na Manirarora Jean de Dieu.

[14] Avuga kandi ko ingingo ya 260 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yari gukoreshwa mu gihe Rwanda RUDNIKI Ltd yari kuba nta bwishingizi yafashe, ko rero SANLAM AG Plc ari yo igomba kwishyura indishyi. Asobanura ko kuba impanuka yarabaye Rwanda Rudniki Ltd ifite ubwishingizi muri Sanlam AG Plc, ari yo yagombaga kuregwa kuko Rwanda Rudniki Ltd ari yo yagiranye na yo amasezerano y'ubwishingizi; ko kandi SAHAM Assurance Rwanda Ltd ari yo yabanje gusabwa indishyi hashingiwe kuri ayo masezerano, ko Rwanda Rudniki Ltd itazi ko yaba yaranze kuzitanga.

[15] Uhagarariye SANLAM AG Plc avuga ko kuba Manirarora Jean de Dieu atarigeze arega SANLAM AG Plc asanga atari yo yaryozwa indishyi. Ko mu gihe Urukiko rwabibona ukundi, rugasanga ari yo igomba kwishyura indishyi, yakwishyura izikubiye mu masezerano yari hagati ya SANLAM AG Ltd na Rwanda Rudiniki Ltd.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[16] Ingingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko iteganya ibikurikira: “Iyo Urukiko rw'Ikirenga cyangwa urundi rukiko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agena rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya abarubayemo ababuranyi bose bahamagajwe”.

[17] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yakoreshwaga mu gihe Manirarora Jean de Dieu yakoraga impanuka mu mwaka wa 2015, yatangaga ibikurikira: “Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse”.

[18] Ingingo ya 260, igika cya mbere, y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano cyibukijwe haruguru iteganya ibikurikira: “Umuntu ntaryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n'ibikorwa by'abantu yishingiye cyangwa n'ibintu ashinzwe kurinda”.

[19] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Manirarora Jean de Dieu yakoreraga sosiyete yitwa Rwanda Rudniki Ltd icukura amabuye

y'agaciro yo mu bwoko bwa *Coltan*, akaba yarakoreraga mu Kirombe cyitwa Bukina gihereye mu Mudugudu wa Jabiro, Akagari ka Musongati, Umurenge wa Nyarusange, Akarereka Muhanga, Intara y'Amajyepfo. Igaragaza kandi ko ku wa 29/10/2015 saa tatu za mu gitondo (9:00), Manirarora Jean de Dieu yagwiriwe n'icyo kirombe ari muri ako kazi ko gucukura amabuye y'agaciro, ko kandi yavunitse ukuguru, ndetse anakomereka ku musaya; harimo na raporo ya muganga igaragaza ko iyo mpanuka yamusigiye ubumuga buhoraho buri ku gipimo cya 40%.

[20] Dosiye igaragaramo kandi amasezerano y'ubwishingizi Police: 220/00013216- SG yo ku wa 16/04/2015, yabaye hagati ya Rwanda Rudniki Ltd na CORAR AG Ltd yaje kuba SAHAM Assurance Rwanda Ltd, ubu ikaba ari SANLAM AG Ltd. Ayo masezerano agaragaza ko umukozi uzakomereka mu kirombe cya Rwanda Rudniki Ltd akagira ubumuga buhoraho azahabwa indishyi zihwanye na 1.000.000Frw.

[21] Muri uru rubanza, Manirarora Jean de Dieu yareze Rwanda Rudniki Ltd ayisaba indishyi kubera ko yakomerekeye mu kirombe cyayo bikamusigira ubumuga bwa 40%, ikibazo kikaba ari cyo kumenya niba iyo sosiyete itaryozwa izo ndishyi.

[22] Urukiko rusomeye hamwe ingingo ya 258 n'iya 260 z'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yakoreshwaga mu gihe Manirarora Jean de Dieu yakoraga impanuka rusanga zigaragaza ko ihame rusange ryo mu mategeko ari uko igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse, ko kandi Umuntu ataryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n'ibikorwa by'abantu yishingiye cyangwa n'ibintu ashinzwe kurinda. Isesengura

ry'ingingo ya 260 yibukijwe haruguru, rigaragaza ko iha inshingano yo kugenzura ibyo ashinzwe kurinda, kandi akaba agomba kubiryoza, mu gihe byaba hari cyo byangirije hatitawe we ko yaba cyangwa ataba yakoze ikosa. icyari kigamijwe muri iyi ngingo ni ukwirinda ko habaho ibyangirika ntihabeho uburyozwe hitwajwe ko nta kosa ryakozwe.

[23] Ibi bishimangirwa n'abahanga mu mategeko ari bo Philippe Le Tourneau na bagenzi be aho bavuga ko ku bijyanye n'uburyozwe buturutse ku byangijwe n'ibintu, umuntu ashinzwe kurinda (responsabilité du fait des choses) abanyamategeko bibajije hari kare uburyo umuntu ushinzwe kurinda ibintu yakwikuraho inshingano yo kuryozwa ibyangijwe n'ibyo bintu. Hemezwa ko ushinzwe kurinda ibintu nta kuntu ataryozwa ibyangijwe n'ibyo bintu kuko adashobora kwitwaza ko nta kosa yigeze akora, cyangwa se ko yitwaye nk'umuntu ushishoza kandi wita ku bintu uko bikwiye. Bakomeza bavuga ko inshingano zo gusana icyangijwe n'ikintu zifitwe n'uwafashe icyemezo cyo kugikoresha kugira ngo kimubyarire inyungu (risque profit).

[24] Abahanga mu mategeko Francois Terré, Philippe Smeler na Yves Lequette bavuga ko imanza zaciwe zashyizeho mu buryo budahinduka igisobanuro, ko kurinda ikintu bigaragazwa no gukoresha, kugenzura no kuyobora icyo kintu. Ko muri icyo gihe inshingano iba ishingiye ku bubasha. Bavuga kandi ko kurinda ikintubihuye cyane n'uburenganzira nyabwo bwo kuba nyiracyo, ko kandi ari ibisanzweko nyiri kintu afatwa ko ari we ushinzwe ku kirinda.¹

¹ « (...) la jurisprudence a fixé, puis retenu de manière constante, en dépit de quelques variantes, une définition en vertu de laquelle la garde est caractérisée par l'usage, le contrôle et la direction de la chose. La responsabilité est, dans cette mesure, attachée à l'autorité. De cette formule

[25] Abandi bahanga bavuga ko ihame ari uko ikintu cyose gishobora kuba isoko y'inshingano, cyaba icyimukanwa cyangwa ikitimukanwa, igifatika cyangwa ikidafatika, ikiri mu gikorwa cyagwa ikitari mu gikorwa, igifite inenge cyangwa ikitayifite. Ko n'ibintu bitagaragaza ikibazo icyo ari cyo cyose nabyo bishyirwa muburyozwe buturutse ku byangijwe n'ibintu. Bavuga kandi ko kenshi na kenshi kumenya ushinzwe kurinda ikintu bitagorana, ko ari nyiri icyo kintu cyangwa ugifitemu gihe impanuka yabaga.²

[26] Urukiko rurasanga Rwanda Rudniki Ltd yemera ko ari yo nyiri kirombe gicukurwamo amabuye y'agaciro yo mu bwoko bwa Coltan, ko kandi cyagwiriye Manirarora Jean de Dieu wagikoragamo ku wa 29/10/2015, agakomereka, akaba afite ubumuga buhoraho bwa 40%. Kuba rero ari yo nyiri icyo kirombe kandi mu gihe impanuka yabaga akaba ari yo yagikoreshaga ikibyaza umusaruro, bivuzeko ari yo yagicungaga, akaba ari nayo igomba kuryozwa ibyangijwe nacyo.

[27] Urukiko rurasanga, kuba Manirarora Jean de Dieu yarakorera Rwanda Rudniki Ltd hanyuma ikirombe cyayo

qui tend à définir un certain corpus, on doit, en premier lieu, déduire que la garde coïncidera très souvent avec le droit réel de propriété. Leur parenté est d'ailleurs si naturelle que le propriétaire est présumé gardien de la chose.(.)», voir Francois Terré, Philippe Smeler na Yves Lequette, Droit civil. Les obligations, 11ème édition, Paris, Dalloz, 2013, p.253.

² « Par principe, toute chose peut être source de responsabilité, qu'elle soit meuble ou immeuble, matérielle ou immatérielle, en mouvement ou inerte, viciée ou non. Dès lors, même les choses ne présentant aucune dangerosité entrent dans le champ d'application de la responsabilité du fait des choses. Le plus souvent, l'identification du gardien ne pose aucune difficulté, il s'agit à la fois du propriétaire (qui détient l'usus, le fructus et l'abus) et du détenteur de la chose lors de la réalisation du dommage.», <https://jurislog.fr/responsabilite-fait-des-choses-article> , 20/05/2022.

kikamugwira, agakomereka bikamusigira ubumuga buhoraho bwa 40%, nta kimubuza kuyishyuzwa indishyi cyane ko ari yo nyiri icyo kirombe, akaba ari nayo yagikoreshaga, akaba ari nayo yari inshinzwe kugicunga. Kuba rero Manirarora Jean de Dieu yarahisemo kurega Rwanda Rudniki Ltd ayisaba indishyi, nta kosa yakoze.

[28] Ku byo uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd avuga ko nta kosa Rwanda Rudniki Ltd yakoze, ku buryo yagira icyo iryozwa, ko kandi ntacyo yari gukora kugira ngo Manirarora Jean de Dieu ye kugwirwa n'icyo kirombe, Urukiko rurasanga nta shingiro byahabwa, kuko uburyozwe budashingira gusa ku ikosa, nk'uko bisobanurwa n'abahanga barimo Philippe Le Tourneau n'abandi bavuzwe haruguru, ko bunashingira ku kuba umuntu ashinzwe kurinda ikintu runaka. Rurasanga rero mu gihe icyo kintu ashinzwe kurinda hari ibyo cyangirije, nta buryo ugishinzwe ataryozwa icyangijwe nacyo, kuko adashobora kwitwaza konta kosa yigeze akora, cyangwa se ko yitwaye nk'umuntu ushishoza kandi wita kubintu uko bikwiye.

[29] Urukiko rurasanga ibivugwa n'uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd ko kuba yarafashe ubwishingizi muri SANLAM AG Plc (yahoze ari CORAR AG Ltd) ari ukugira ngo izishyure mu gihe cy'impanuka, ko kandi ingingo ya 260 y'Igitabo cyagatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano yari gukoreshwa mu gihe Rwanda Rudniki Ltd yari kuba nta bwishingizi yafashe, ko rero SANLAM AG Plc ari yo igomba kuryozwa indishyi, ntacyo byayimarira kuko gufata ubwishingizi bitayikuraho uburyozwe, ahubwo mu gihe Rwanda Rudniki Ltd yaba iciwe indishyi zirenze amafaranga y'ubwishingizi nta cyayibuza gusaba umwishingizi kuyisimbura ku ngano y'ayo yishingiye kwishyura. Mu gihe Maniraro Jean de Dieu atahisemo kurega

umwishingizi (*action directe*) ahubwo agahitamo kurega Rwanda Rudniki Ltd ubwayo (*action personelle*), Urukiko rurasanga nta kosa yakoze, kuko yakoresheje uburenganzira bwe bwo kurega uwo ahisemo.

[30] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga nta kosa Manirarora Jean de Dieu yakoze asaba ko Rwanda Rudniki Ltd iryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka yatewe n'ikirombe cyayo; bityo Rwanda Rudniki Ltd igomba kwishyura zikomoka ku mpanuka Manirarora Jean de Dieu yakoreye mu kirombe.

2. Kumenya icyashingirwaho mu kubara indishyi MANIRARORA Jean deDieu agomba guhabwa

[31] Uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko nta tegeko ririho ryashingirwaho mu kubara indishyi ku bijyanye n'impanuka yabereye mu kirombe gicukurwamo amabuye y'agaciro, ko ari yo mpamvu basaba ko hashingirwa ku ngingo ya 9, agace ka 1 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, iteganya ibyerekeye inshingano z'umucamanza mu gihe nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ririho, aho igira iti: Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko.

[32] Avuga kandi ko basaba ko hashingirwa ku Iteka rya Perezida N° 31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo

kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga kubera ko zose ari impanuka, no kuba uwakomerekeye mu mpanuka y'ikinyabiziga n'uwakomerekeye mu mpanuka yabereye mu kirombe bose ari abantu, ko indi mpamvu basaba Urukiko gushingira kuri iryo Teka ari uko hari urubanza N° RADA 0054/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/12/2014, haburana Kabayijuka na Leta y'u Rwanda, aho rwatanze umurongo ko mu gihe umuntu yagize ubumuga bidaturutse ku mpanuka yo mu muhanda, mu kugena indishyi hashobora gushingirwa ku Iteka rya Perezida N°31/01 ryo ku wa 25/08/2003 ryavuzwe haruguru.

[33] Akomeza avuga ko iryo Teka ari naryo Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwashigiyeho mu rubanza RC00006/2017/TGI/MHG, ko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwemeje ko ibyakozwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga atari byo, rushingiye ku bitabo bigaragaza ibipimo ngenderwaho (Standards) bitari amategeko cyangwa amabwiriza, rubyitiranyije n'amabwiriza rubifata nk'amategeko kandi atari byo. Avuga kandi ko uretse kuba ibikubiye muri ibyo bitabo atari amabwiriza kuko atigeze asohoka mu Igazeti ya Leta, ko n'ibikubiyemo usanga bivuguruzanya, bikaba bitashingirwaho.

[34] Uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd avuga ko nta rindi tegeko ryari gushingirwaho uretse irijyanye n'ubucukuzi bwa Mine na Kariyeri, rigahuzwa n'ibikubiye mu mabwariza yerekeye ibipimo ngenderwaho by'ubwirinzi mu bucukuzi bwa Mine na Kariyeri mu Rwanda byakozwe n'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda. Ko ibivugwa n'urega ko ayo mabwiriza atasohotse mu Igazeti ya Leta, ko Urukiko rwabisuzuma.

[35] Avuga kandi ko mu gihe Urukiko rutashingira ku itegeko ryerekeye mine na kariyeri, asaba Urukiko rw'Ubujurire gushyiraho umurongo ku bijyanye n'impanuka yabereye mu kirombe, ko ibyo uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko hashingirwa ku Iteka rya Perezida basanga atari byo kuko yaba ari "interprétation par analogie", ko kandi urubanza RADA 0054/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rudakwiye gushingirwaho, kuko rutanga umurongo ku ikosa ry'umuganga mu kazi k'ubuganga gusa, ko ahubwo Urukiko rusanze rugomba gushyiraho umurongo utandukanye n'uwo Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza rwashyizeho, rwajya mu mwanya w'Umushingamategeko, hanyuma rugashyiraho umurongo.

[36] Uhagarariye SANLAM AG Plc avuga ko we asanga Iteka rya Perezida ritashigirwaho kuko atari impanuka yo mu muhanda, ko kandi amabwiriza nayo atashingirwaho kuko atigeze atangazwa mu Igazeti ya Leta, ko rero Urukiko ari rwo rwashyiraho umurongo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[37] Ingingo ya 9 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, iteganya ibikurikira: "Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n'innyandiko z'abahanga mu mategeko".

[38] Dosiye y'urubanza igaragaza ko mu rubanza RC00006/2017/TGI/MHG rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, urwo Rukiko rwasanze Iteka rya Perezida atari ryo rigomba gukoreshwa kuko Manirarora Jean de Dieu atakomerekejwe n'impanuka itewe n'ikinyabiziga, ahubwo yagwiriwe n'ikirombe cya Rwanda Rudniki Ltd, ikaba yaragize uburangare bwo kurinda impanuka umukozi wayo, rwemeza ko mu gutanga indishyi hagomba gushingirwa ku ngingo ya 260 y'Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 rishyiraho Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbenezamubano, ariko hakifashishwa uburyo bwo kubara indishyi busa n'ubuteganywa mu Iteka rya Perezida, ko kandi kubara indishyi muri ubwo buryo byatanzweho umurongo n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza Kabayijuka yarezemo Leta y'u Rwanda rwaciwe ku wa 19/12/2014, maze rumugenera 4.099.607 Frw y'indishyi mbangamirabukungu, 432.000Frw y'indishyi z'akababaro, 432.000Frw y'indishyi mbangamiraburanga na 540.000Frw y'Indishyi z'ibangamira ry'uburambe ku kazi.

[39] Imikirize y'urubanza N° RCA00104/2017/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 10/07/2018, igaragaza ko urwo Rukiko rwashingiye ku gitabo gikubiyemo ibipimo ngenderwaho by'ubwirinzi mu bucukuzi bwa Mine na Kariyeri mu Rwanda byakozwe n'Ikigo gishyinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda cyakorewe i Kigali mu Gushyingo 2017, ku rupapuro rwa 13 mu gace ka (J) ahavuga ibikurikira: “Gufatira ubwishingizi bw'akazi abakozi bose, bwishingira gutanga ingurane ingana n'ibura na 2.000.000Frw ku bumuga buhoraho na 1.500.000Frw igihe umukozi yapfuye, hamaze kwishyurwa amafaranga yose yakoreshejwe”, maze rwemeza ko Manirarora Jean de Dieu agomba guhabwa indishyi zikomoka ku kuba impanuka yaramusigiye ubumuga bungana na

40% zingana 2.000.000Frw, runamugenera n’ayo yakoresheje yivuzza ndetse n’ayo yakoresheje mu rubanza.

[40] Urukiko rurasanga nta tegeko rihari rirebana n’impanuka yabereye mu kirombe gicukurwamo amabuye y’agaciro, kubera iyo mpamvu rushingiye ku ngingo ya 9 y’Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryibukijwe haruguru, aho ivuga ko iyo nta tegeko rijyanye n’ikiburanwa, Umucamanza ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n’inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko n’inyandiko z’abahanga mu mategeko. Rurasanga rero mu kugenera Manirarora Jean de Dieu indishyi hagomba gushingirwa ku ihame rusange ryerekeye uburyozwe buturutse ku byangijwe n’ibintu umuntu ashinzwe kurinda (responsabilité du fait des choses).

[41] Urukiko rurasanga ibivugwa n’uhagarariye Manirarora Jean de Dieu ko mu gihe nta tegeko ririho rirebana n’impanuka zabereye mu kirombe basaba Urukiko gushingira ku Iteka rya Perezida N° 31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw’umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n’ibinyabiziga kubera ko zose ari impanuka, no kuba uwakomerekeye mu mpanuka y’ikinyabiziga n’uwakomerekeye mu mpanuka yabereye mu kirombe bose ari abantu, nta shingiro bifite, kuko nk’uko iri Teka ubwaryo ribiteganya, rirebana gusa n’impanuka zitewe n’ibinyabiziga. Izo mpanuka zikaba zitandukanye n’impanuka Manirarora Jean de Dieu yagize kuko we yakomerekeye mu kirombe, bityo iri Teka rikaba ritagomba gushingirwaho muri uru rubaza kuko ridahuye n’ikiburanwa. Urukiko rurasanga itegeko cyangwa iteka riyahariye (spécial) rigomba gukoreshwa ku mwihariko waryo,

ibidafite itegeko ryihariye bigakemurwa n'amahame cyangwa amategeko rusange.

[42] Ku byo uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko indi mpamvu ituma basaba Urukiko gushingira ku Iteka rya Perezida N° 31/01 ryavuzwe haruguru ari uko hari urubanza RADA0054/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/12/2014 rwatanze umurongo ko mu gihe umuntu yagize ubumuga bidaturutse ku mpanuka yo mu muhanda, mu kugena indishyi hashobora gushingirwa kuri iryo Teka, Urukiko rurasanga nta shingiro byahabwa, kuko muri urwo rubanza, Urukiko rw'Ikirenga rwabariye Kabayijuka Gaspard indishyi mbonezamusaruro rukoresheje uburyo (formule) bugaragara muri iryo Teka ariko ntaho rwigeze rugaragaza ko rwashingiye kuri iryo Teka, kandi nta nubwo rwigeze ruvuga ko mu gihe umuntu yagize ubumuga bidaturutse ku mpanuka yo mu muhanda, mu kumugenera indishyi hashobora kwifashishwa uburyo (formule) bugaragara mu Iteka rya Perezida N°31/01 ryavuzwe haruguru, ngo rube rwarabitanzeho umurongo rutyo. Bigaragara ahubwo ko hashingiwe ku kibazo rwasuzumaga muri urwo rubanza, rwasanze rushobora kwifashisha ibikubiye muri iryo teka, ariko ntirwigeze rubicaho iteka ko ar iryo rigomba kwifashishwa mu kubara indishyi zose igihe ntacyo itegeko ryagennye; bityo rero, hakaba nta gitegeka uru Rukiko kurushingiraho.

[43] Ku kibazo cyo kumenya niba Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwaragombaga gushingira ku gitabo gikubiyemo ibipimo ngenderwaho by'ubwirinzi mu bucukuzi bwa Mine na Kariyeri mu Rwanda byakozwe n'ikigo gishyinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda cyakorewe i Kigali mu gushyirahamwe 2017, kuko ibikubiye muri icyo gitabo rwabyise

amabwiza, Urukiko rurasanga ari ngombwa gusuzuma niba byafatwa nk'Amabwiriza.

[44] Umuhanga Serge Guinchard avuga ko amabwiriza ari inyandiko yo mu rwegorusange yashyizweho n'inzego zibifitiye ububasha, ko hari amabwiriza aba agamije gushyira mu bikorwa itegeko (*règlement d'application*) n'amabwiriza yihagije (*règlement autonome*)³. Umuhanga Gérard Cornu nawe avuga ko amabwiriza ari inyandiko yo mu rwego rusange yashyizweho n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, agamije gukurikizwa ku bintu bitarebwa n'itegeko cyangwa agamije gushyira mu bikorwa itegeko.⁴ Muri rusange amabwiriza ni inyandiko zo mu rwego rusange zashyizweho umukono n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, zigamije gushyira mu bikorwa itegeko cyangwa zigamije gukurikizwa ku bintu bitarebwa n'itegeko kandi zigatangazwa mu Igaseti ya Leta.

[45] Kuba nta kigaragaza ko iriya nyandiko yashingiweho n'Urukiko Rukuru, Urugerekorwa Nyanza, yujuje ibisabwa, nko kuba hari umuyobozi ubifitiye ububasha wayishyizeho umukono, no kuba yaratangajwe mu Igazeti ya Leta, birumvikana ko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rutagombaga gushingira ku bikubiye muri icyo gitabo rugenera Manirarora Jean de Dieu indishyi yasabaga, kuko nta mbaraga z'itegeko bifite.

³ *Règlement : Acte de portée générale et impersonnelle édicté par les autorités exécutives compétentes. Il y a règlement d'application et règlement autonome, (Serge GUINCHARD, Lexique des termes juridiques 2015-2016, 23^{ème} édition, 2015, Paris, Dalloz, p. 887.)*

⁴ *Règlement : Texte de portée générale émanant de l'autorité exécutive, a pour objet, soit de disposer dans des domaines non réservés au législateur, soit de développer les règles posées par la loi en vue d'en assurer l'application. (Gérard CORNU, Vocabulaire Juridique, 2007-, 8^{ème} édition, Paris, Quadriège/PUF, p. 789.)*

3. Kumenya indishyi zigomba gutangwa, uko zibarwa, n'ugomba kuziryoza

[46] Uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko mu kubara indishyi hashingirwa ku mafaranga 15.000Frw Manirarora Jean de Dieu yatahanaga buri muni. Asobanura ko ubwo Umuyobozi wa Rwanda Rudniki Ltd yabazwaga mu bugenzacyaha, ku kibazo cya 12 yasubije ko abacukura amabuye y'agaciro bahembwa bitewe n'umusaruro, ko kandi badashobora kujya muni ya 12.000Frw/kg, ku kibazo cya 13 abajijwe ibiro umuntu umwe acukura ku muni, asubiza ko ikipe y'abantu 8 ishobora gucukura ibiro 12 ku muni, ko umuntu umwe yatahanaga 15.000Frw ku muni, ko rero ayo mafaranga ariyo agomba gushingirwaho mu kubara indishyi.

[47] Avuga kandi ko ku bijyanye n'indishyi mbangamirabukungu hadakwiye gushingirwa ku mushahara muto ntarengwa wemewe n'itegeko (SMIG) ahubwo hagomba gushingirwa kuri 15.000 Frw ku muni, ko hashingiwe kuri uwo mushahara asanga Manirarora Jean de Dieu yabarirwa indishyi mbangamirabukungu zihwanye na $(15.000 \text{ Frw} \times 12 \times 30 \times 36 \times 40\%) / 1 + (8\% \times 36) = 20.041.237 \text{ Frw}$.

[48] Uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd avuga ko imiterere y'akazi ko gucukura amabuye y'agaciro ari uko uwacukuye yahemberwaga amabuye y'agaciro yacukuye, ko kandi hari igihe uwacukuye yatahaga ntayo yabonye, ko rero igiciro cya 15.000Frw ku muni kidakwiye gushingirwaho kuko nta kigaragaza ko Manirarora Jean de Dieu yashoboraga kubona 15.000Frw ku muni. Abajijwe kuri SMIG ya 3.000Frw yemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko nayo idakwiye gushingirwaho kuko nta kigaragaza ko yashoboraga kubona 3.000Frw ku muni.

[49] Uhagarariye SANLAM AG Plc avuga ko kuba SANLAM AG Plc itarigeze iba umuburanyi mu manza zabanje, n'wareze akaba ntacyo ayisaba, ahubwo akaba asaba Urukiko gutegeka Rwanda Rudniki Ltd kumwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka yagiriye mu kazi, asanga izo ndishyi zitaryozwa SANLAM AG Plc. Avuga kandi ko Urukiko ruramutse rubibonye ukundi rukabona ko hari icyo SANLAM AG PLC yategekwa muri uru rubanza, yategekwa kwishyura amafaranga akubiye mu masezerano yagiranye na Rwanda Rudniki Ltd ahwanye na $1.000.000\text{Frw} \times 40\% = 400.000\text{Frw}$ hatarimo amafaranga y'ibihembo by'avoka.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[50] Ingingo ya 260, igika cya mbere, y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano cyariho mu gihe Manirarora Jean de Dieu yakoraga impanuka mu mwaka wa 2015 iteganya ibikorwa: Umuntu ntaryozwa gusa ibyangiritse kubera ibikorwa bye bwite, ahubwo anaryozwa ibyangijwe n'ibikorwa by'abantu yishingiye cyangwa n'ibintu ashinzwe kurinda.

[51] Dosiye y'urubanza igaragaramo icyemezo cya muganga cyo ku wa 14/05/2016 kigaragaza ko Manirarora Jean de Dieu afite ubumuga buhoraho buri ku gipimo cya 40%. Igaragaramo kandi icyemezo cy'amavuko na kopi y'irangamuntu bya Manirarora Jean de Dieu bigaragaza ko yavuze ku wa 01/01/1986. Harimo inyandikomvugo yo mubugenzacyaha igaragaza ko Manirarora Jean de Dieu yagwiriweho n'ikirombe cya Rwanda Rudniki Ltd ku wa 29/10/2015, ko kandi muri icyo gihe yari afite imyaka 29. Inagaragaramo amasezerano y'ubwishingizi Police: 220/00013216- SG yo ku wa 16/04/2015, yabaye hagati ya Rwanda Rudniki Ltd na CORAR AG Ltd

yahindutse SANLAM AG Ltd agaragaza ko umukozi uzakomerekerwa mu kirombe cya Rwanda Rudniki Ltd akagira ubumuga buhoraho bwa 100% azahabwa indishyi zihwanye na 1.000.000Frw, naho uzakomereka akazagenerwa indishyi hashingiwe ku ngano y'ubumuga yagize.

[52] Nk'uko byagaragajwe haruguru inkiko zombi zibanza zasanze nta tegeko ryihariye riteganywa ibipimo byaherwaho mu kubara indishyi ku mpanuka yabereye mu kirombe ari yo mpamvu Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwazigennye rushingiye ku ngingo ya 260 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano ariko ruzibara rwifashishe uburyo bwo kubara indishyi busa n'ubuteganywa mu Iteka rya Perezida, naho Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rushingira ku gitabo gikubiyemo ibipimo ngenderwaho by'ubwirinzi mu bucukuzi bwa Mine na Kariyeri mu Rwanda byakozwe n'Ikigo gishyinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda.

[53] Urukiko rurasanga nk'uko byavuzwe haruguru nta tegeko ryihariye ririho rirebana n'uburyo indishyi zikomoka ku mpanuka zabereye mu birombe bicukurwamo amabuye y'agaciro zibarwa, kubera iyo mpamvu kandi rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 9 y'Itegeko N° 22/2018 ryibukijwe haruguru rurasanga Manirarora Jean de Dieu agomba kugenerwa indishyi z'akababaro kubera ububabare yatewe n'impanuka yagize, n'indishyi mbonezamusaruro kubera ko impanuka yagiriye mu kirombe cya Rwanda Rudniki Ltd yamuvukije umusaruro yatoraga abona kuko yamusigiye ubumuga buhoraho buri ku gipimo cya 40%.

[54] Urukiko rurasanga Manirarora Jean de Dieu agomba kugenerwa indishyi z'akababaro mu bushishozi bw'Urukiko

nk'uko kugeza ubu byagiye bigenda ku mpanuka zo kwa muganga mu manza zitandukanye zagiye zicibwa n'uru Rukiko, harimo urubanza RCAA00073/2018/CA rwaciwe ku wa 19/07/2019, haburana Nyirabatesi Laurence n'Ibitaro byitiriwe Umwami Fayisali (King Faisal Hospital), mu gika cyarwo cya 37. Uru Rukiko, rumaze kwemeza ko ibyo Bitaro byagize uburangare, rwageneye Nyirabatesi Laurence mu bushishozi bwarwo indishyi z'akababaro zingana na 28.000.000Frw. Ibyo ni nako byagenze mu rubanza RCAA00008/2020/CA rwaciwe ku wa 25/06/2021, haburana Ndizeye Alphonse na Kibungo Medical Center, aho uru Rukiko rwemeje ko indishyi zagenwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, mu bushishozi bwarwo ari zo zikurikije amategeko, akaba ari zo zigomba kugumaho, naho izagenwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana, zatanzwe hashingiwe ku Iteka rya Perezida N° 31/01 ryo ku wa 25/8/2003 zikaba zarashingiye ku Itegeko ritariho kuko iryo Teko ntaho rihuriye n'ikiburanwa, hanyuma rutegeka Kibungo Medical Center guha Ndizeye Alphonse mu izina ry'umwana we Irasubiza Amani indishyi zingana na 35.000.000Frw.⁵

[55] Urukiko rurasanga, kuba Manirarora Jean de Dieu yarakomereye mu kirombe cya Rwanda Rudniki Ltd bikamuviramo ubumuga buhoraho buhwaye 40%, nta gushidikanya byaramuteye akababaro, bityo mu bushishozi rwarwo rukaba rumugeye indishyi z'akababaro zihwanye na 500.000Frw.

[56] Ku bijyanye n'indishyi mbonezamusaruro Manirarora Jean de Dieu agomba guhabwa, Urukiko rurasanga nazo zigomba

⁵ Reba igika cya 36 n'icya 46 by'urubanza No RCAA 00008/2020/CA rwaciwe ku wa 25/06/2021, haburana NDIZEYE Alphonse na KIBUNGO Medical Center na PRIME Insurance Company Plc.

kugenwa mu bushishozi bw'Urukiko ariko mu kuzibara hakitabwa ku ngano y'ubumuga yagize, ku myaka yari asigaje kugira ngo agere ku myaka 65 (imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru), hakanakoreshwa uburyo (formule) Urukiko rw'Ikirega rwakoresheje mu rubanza N° RADA 0054/12/CS, rubarira Kabayijuka Gaspard indishyi mbonezamusaruro kubera ubumuga yatewe n'urushinge yaterewe ku Kigo Nderabuzima cya Nyarubuye, aho Urukiko rw'Ikirenga rwafashe umushahara w'ukwezi ruwukuba n'amezi 12, rukuba n'ingano y'umubuga n'igihe cyo gukora yari asigaje, rubigabanya ku ijana.⁶

[57] Urukiko rurasanga mu kubara indishyi mbonezamusaruro Manirarora Jean de Dieu agomba guhabwa rutashigira ku mafaranga 15.000 Frw uhagarariye Manirarora Jean de Dieu avuga ko ari yo yatahanaga buri muni abishingiye kumvugo z'Umuyobozi wa Rwanda Rudniki Ltd ubwo yabazwaga mu Bugenzacyaha, kuko Umuyobozi wa Rwanda Rudniki Ltd yavuze ko umukozi yahemberwaga amabuye y'agaciro yacukuye, byumvikana ko hari igihe yashoboraga kuyabona n'igihe atashoboraga kuyabona, haba rero hatakwemezwa ko yabonaga 15.000 Frw ku muni cyane ko nawe nta kimenyetso atanga cyerekana ko ari yo yatahanaga buri muni, akaba ariyo mpamvu rusanga hagomba gushingirwa ku mushahara muto ntarengwa wemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCAA0049/14/CS, haburana SORAS AG Ltd N'umuhoza Pacifique n'abandi⁷. Bityo rushyize mu gaciro rurasanga

⁶Reba igika cya 31 cy'urubanza No RADA 0054/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/12/2014, haburana KABAYIJUKA Gaspard na Leta y'u Rwanda (Minisanté).

⁷Reba igika cya 28 cy'urubanza No RCAA 0049/14/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 25/11/2016, haburana SORAS AG Ltd n'UMUHOZA Pacifique n'abandi

hatakwemezwa ko Manirarora Jean de Dieu yakoraga buri muni, ariko kuba yari afite icyo akora, akaba yarafite umuryago atunze nk'uko bigaragara muri dosiye ko mu gihe yakoraga impanuka yari afite abana babiri, rurasanga yarashoboraga gukora byibuze iminsi itatu (3) mu cyumweru, ni ukuvuga iminsi cumi n'ibiri (12) mu kwezi.

[58] Kubera izo mpamvu, Urukiko rugeneye Manirarora Jean de Dieu indishyi mbonezamusaruro zibazwe mu buryo bukurikira: 3.000 Frw (umushahara muto ntarengwa) x 12 (iminsi yashoboraga gukora mu kwezi) x 12 (amezi y'umwaka) x 40 (igipimo cy'ubumuga) x 36 (igihe cyo gukora yari asigaje kugira ngo agire imyaka 65): 100 = 6.220.800 Frw

[59] Ku bijyanye n'amafaranga Manirarora Jean de Dieu yakoresheje yivuzwa, Urukiko rurasanga ayo yagenewe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza ahwanyeye na 100.000Frw ari mu gaciro, cyane ko ari nayo ari mu masezerano yo ku wa 16/04/2015, Rwanda Rudniki Ltd yagiranye na SANLAM AG Ltd (yahoze ari CORAR AG Ltd)⁸, akaba rero ariyo Manirarora Jean de Dieu agomba kugenerwa muri uru rubanza.

[60] Urukiko rurasanga indishyi zose Manirarora Jean de Dieu agenewe zigomba kwishyurwa na Rwanda Rudniki Ltd ifatanyije n'umwishingizi wayo SANLAM AG Ltd (yahoze ari CORAR AG Ltd) ku kigero yishingiye kingana na 1.000.000Frw ku mukozi wagize ubumuga buhoraho bwa 100%, no ku ngano y'ubumuga ku mukozi wagize ubumuga buhoraho butageze ku 100% nk'uko bikubiye mu masezerano y'ubwishingizi Police:

⁸ Reba amasezerano y'ubwishingizi Police: 220/00013216-SG yo ku wa 16/04/2015, yabaye hagati ya RWANDA RUDNIKI Ltd na SANLAM AG Ltd, muri Tableaux, ahanditse: Frais médicaux.

220/00013216- SG yo ku wa 16/04/2015, impande zombi zagiranye⁹. Rurasanga Manirarora Jean de Dieu yaragize ubumuga buri ku gipimo cya 40%, SANLAM AG Ltd ikaba igomba kwishyura 1.000.000 Frw x40: 100 = 400.000 Frw, ikanishyura 100.000 Frw yo kwivuzwa nk'uko impande zombi zabyumvikanyeho muri ayo masezerano. Ibi ni nako uru Rukiko rwabibonye mu rubanza RCAA 00008/2020/CA rwavuzwe haruguru, aho rwemeje ko Kibungo Medical Center, ihagarariwe na Dr Kanimba Pierre Celestin, igomba kwishyura indishyi yategetswe ifatanyije n'umwishingizi wayo Prime Insurance Company Plc nk'uko babyumvikanyeho mu masezerano y'ubwishingizi N° 413/00021583- SG Police impande zombi zagiranye ku wa 24/06/2016, no ku kigero kitarenze icyo impande zombi zumvikanyeho muri ayo masezerano y'ubwishingizi.¹⁰

4. Kumenya niba amafaranga y'ibyagiye ku rubanza asabwa muri uru rubanza afite ishingiro

[61] Uhagarariye Manirarora Jean de Dieu ashingiyeye ku ngingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, asaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka Rwanda Rudniki Ltd guha Manirarora Jean de Dieu 2.500.000Frw y'igihembo cya Avoka na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza mu nzego zose kuko yifashishije abavoka ndetse ko yanakoresheje abahesha b'inkiko mu mirimo itandukanye. Avuga kandi ko basaba gusubizwa amagarama bishyuye muri uru Rukiko ndetse na 75.000Frw y'amagarama

⁹ Reba amasezerano yavuzwe haruguru muri Tableaux, ahanditse : Invalidité suite Accident. Urebe n'igika cyanditsemo aya magambo : En cas d'invalidité permanente partielle (I.P.P), l'indemnité de l'invalidité permanente totale est réductible dans les proportions prévues à l'article 18 des conditions générales.

¹⁰ Reba igika cya 36 cy'urubanza RCAA 00008/2020/CA.

bishyuye mu Rukiko Rukuru basubirishamo urubanza ingingo nshya.

[62] Uhagarariye SANLAM AG Plc avuga ko kuba Rwanda Rudniki Ltd izi neza ko SANLAM AG Plc itigeze iba umuburanyi mu manza zabanje ariko igahitamo kuyihamagaza kuri uru rwego, ko isaba urukiko gutegeka Rwanda Rudniki Ltd kuyiha 500.000Frw y'igihembo cya Avoka.

[63] Uhagarariye Rwanda Rudniki Ltd avuga ko Manirarora Jean de Dieu nta ndishyi na nke akwiye guhabwa, kuko ari we wareze nabi. Ko n'amafaranga Sanlam AG Plc isaba nta shingiro afite kuko ari umwishingizi kuri iriya mpanuka.

[64] Avuga kandi ko Rwanda Rudniki Ltd isaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka Manirarora Jean de Dieu kuyiha 2.000.000Frw y'igihembo cya Avoka mu Rukiko rw'Ubujurire na 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka yo mu nzego ebyiri zabanje, ndetse na 2.500.000Frw yo gukurikirana urubanza ku nzego zose.

[65] Uhagarariye Manirarora Jean de Dieu yiregura ku ndishyi Rwanda RudnikiLtd isaba avuga ko ntazo yahabwa, kubera ko kuva imanza zatangira, impamvu yazo ari impanuka yatewe n'ikirombe cyayo kubera ko itashize uburyo bw'ubwirinzi ku kirombe cyayo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[66] Ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryibukijwe haruguru iteganya ibikurikira: "Ikirego cy'amafaranga y'ikurikirana rubanza ni ikirego gishamikiye ku

kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza. Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo, gishobora kandi kwakirwa kikaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe".

[67] Ingingo ya 26, igika cya mbere, y'Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'abavoka iteganya ibikurikira: "Avoka w'urega wateguye dosiye n'inyandiko ashobora gusaba igihembo fatizo kiri hagati y'amafaranga 500.000 n'amafaranga 5.000.000, cyongerwaho, iyo hari imyenda yagarujwe nawe ubwe cyangwa n'intumwa ye, igihembo cyinyongera cyo kwishyuza, kibarwa hakurikijwe ijanisha riteganywa mu gace ka II k'ingingo ya 23".

[68] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza Manirarora Jean de Dieu asaba afite ishingiro, ariko ayo asaba nta kigaragazako ari yo yatanze, bityo mu bushishozi bw'Urukiko rumugeneye 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka ku nzego zose na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'amagarama, ku nzego zose, yose hamwe akaba 1.500.000Frw, agomba kwishyurwa na Rwanda Rudniki Ltd.

[69] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza Rwanda Rudniki Ltd isaba nta shingiro afite kuko imyiregurire yayo nta shingiro ifite.

[70] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cya Avoka SANLAM AG Plc isaba Rwanda Rudniki Ltd kuko yayizanye muri uru rubanza nta shingiro afite, kuko nk'uko byagaragajwe haruguru SANLAM AG Plc yishingiye Rwanda Rudniki Ltd,

bityo kuba yarayiza muri uru rubanza nk'umwishingizi nta kosa yakoze.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[71] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Manirarora Jean de Dieu gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 10/07/2018, gifite ishingiro kuri bimwe.

[72] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCA00104/2017/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza ku wa 10/07/2018, gihindutse mu ngingo zayo zose.

[73] Rutegetse Rwanda Rudniki Ltd guha Manirarora Jean de Dieu 6.220.800Frw y'indishyi mbonezamusaruro, 500.000Frw y'indishyi z'akababaro na 100.000Frw yo kwivuza, yose hamwe akaba 6.820.800Frw, SANLAM AG Plc ikishyuramo 400.000Frw y'indishyi na 100.000Frw yo kwivuza akubiye mu masezerano y'ubwishingizi CORAR AG Ltd yahindutse SANLAM AG Plc yari ifitanye na Rwanda Rudniki Ltd nk'uko byasobanuwe haruguru. Bivuze ko Rwanda Rudniki Ltd izishyura 6.320.800Frw, naho SANLAM AG Plc ikishyura 500.000Frw.

[74] Rutegetse Rwanda Rudniki Ltd guha Manirarora Jean de Dieu 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'amagarama, ku nzego zose, yose hamwe akaba 1.500.000Frw.

[75] Ruvuze ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

URUBANZA RW'UMURIMO

MUTWARE v GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RSOC
00002/2022/SC – (Cyanzayire, P.J., Nyirinkwaya na
Karimunda, J.) 21 Ukwakira 2022]

Amategeko agenga imanza z'umurimo – Umushahara w'umukozi – Kureshyeshya abakozi mu bijyanye n'umushahara – Iyo umukozi yagaragaje ko adahembwa nk'abandi bakora umurimo umwe, ni inshingano z'umukoresha gutanga ibimenyetso bivuguruza ibitangwa n'umukozi cyangwa bigaragaza ko kutabahemba kimwe bishingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Izo mpamvu zemezwa n'Urukiko mu bushishozi bwarwo.

Amategeko agenga imanza z'umurimo – Umushahara w'umukozi – Kureshyeshya abakozi mu bijyanye n'umushahara – Iyo umukozi ahamya ko ikimenyetso cy'uko adahembwa nk'abandi bakozi bari ku rwego rumwe nawe kandi bakora imirimo nk'iyе gifitwe n'umukoresha, ashobora gusaba Urukiko gutegeka ko uregwa akigaragaza, cyaba kitagaragajwe, Urukiko rukabyaza ingaruka uko kwifata cyangwa kwanga gutanga icyo kimenyetso ku ruhande ruregwa.

Amategeko agenga imanza z'umurimo – Amasezerano y'umurimo – Iseswa ry'amasezerano y'umurimo – Iyo Urukiko rwemeje ko umukozi wasezerewe mu buryo bunyuranyije n'amategeko agira imishahara ahabwa, iyo mishahara ihwanye n'umushahara atahana mu ntoki (salaire net) aho kuba umushahara mbumbe.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangijwe na Mutware avuga ko yari umukozi wa GT Bank Rwanda Plc, akora ku mwanya wa *cashier*, ariko aza kuzamurwa mu ntera agirwa *Cash Management Officer*, umwanya yamazeho amezi 20. Yasobanuye ko ku bw'impamvu zidafatika kandi zitumvikana, umukoresha yakomeje kumuhemba umushahara wa *cashier*, asaba guhembwa ikinyuranyo cy'imishahara atahawe, ndetse umushahara wa *Cash Management Officer* ukaba ariwo ubarirwaho amafaranga y'integuza n'ay'imperekeza.

Kuri iyo ngingo, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwasanze ikirego cye gifite ishingiro. GT Bank Rwanda Plc yajuririye Urukiko Rukuru. Nyuma yo gusuzuma ubujurire bwayo, Urukiko Rukuru rwasanze Urega adatanga ibimenyetso bihamya ko Uregwa yari ifite inshingano zo kumuhembera umwanya wa *Cash Management Officer*. Ibi nibyo byatumye Urega asubirishamo urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku mpamvu z'akarengane.

Muri uru rubanza habanje gusuzumwa ikibazo cyo kumenya niba Uregwa yaragombaga kongeza Urega umushahara kuko avuga ko yamaze amezi 20 azamuwe mu ntera ku mwanya wa *Cash Management Officer* atawuhemberwa ahubwo akomeza guhabwa umushahara w'umwanya yakoragaho mbere wa *cashier*. Akomeza avuga ko yandikiye Ubuyobozi bwa Banki asaba guhemberwa intera yazamuweho, aho kubibona nko guharanira uburenganzira bwe, banki ibifata nk'imyitwarire mibi, imutumiza ubutitsa muri Komisiyo y'Imyitwarire kugeza yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Bityo, akaba asaba Urukiko kumugenera ikinyuranyo cy'umushahara wa *Cash Management Officer* atahembwe muri icyo gihe.

Uregwa asobanura ko ikimenyetso Urega aburanisha ashaka kugaragaza umushahara wahabwaga uwo yasimbuye ku mwanya

wa *Cash Management Officer* yagitanze bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga bityo kikaba kidakwiye gushingirwaho hemezwa ko yarenganye. Akomeza avuga ko kuba Urega hari uwo yarasimbuye kuri uwo mwanya ataribyo byatuma byanze bikunze bahembwa kimwe, kuko abakozi bari ku mwanya umwe bashobora guhembwa umushahara utandukanye biturutse ku mpamvu nyinshi harimo n'iz'uburambe mu kazi.

Ku kibazo cyo kumenya niba amafaranga y'integuza n'ay'imperekeza yagenewe Urega yarabazwe mu buryo butari bwo, uyu avuga ko Uregwa yagombaga kumwishyura amafaranga y'integuza angana n'umushahara w'ukwezi kumwe, n'amafaranga y'imperekeza ahwanye n'umushahara we w'amezi abiri, bityo akaba asaba uru Rukiko kumutegeka kumuha ikinyuranyo cy'ayo yagombaga kumuha.

Uregwa avuga ko inyandiko yitwa *final pay* igaragaza ko Urega yishyuye amafaranga y'integuza y'ukwezi kumwe n'amezi abiri y'imperekeza. Asobanura ko mu kumwishyura yahawe umushahara atahana mu ntoki, bityo ko ibyo ari gusaba ko akwiye kwishyurwa integuza n'imperekeza by'umushahara mbumbe ari ugushaka indonke zidafite ibisobanuro.

Incamake y'icyemezo: 1. Ihame ni uko abantu bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose.

2. Iyo umukozi yagaragaje ko adahembwa nk'abandi bakora umurimo umwe, ni inshingano z'umukoresha gutanga ibimenyetso bivuguruza ibitangwa n'umukozi cyangwa bigaragaza ko kutabahemba kimwe bishingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Izo mpamvu zemezwa n'Urukiko mu bushishozi bwarwo.

3. Iyo umukozi ahamya ko ikimenyetso cy'uko adahembwa nk'abandi bakozi bari ku rwego rumwe nawe kandi bakora imirimo nk'iyе gifitwe n'umukoresha, ashobora gusaba Urukiko gutegeka ko uregwa akigaragaza, cyaba kitagaragajwe, Urukiko rukabyaza ingaruka uko kwifata cyangwa kwanga gutanga icyo kimenyetso ku ruhande ruregwa.

4. Iyo Urukiko rwemeje ko umukozi wasezerewe mu buryo bunyuranyije n'amategeko agira imishahara ahabwa, iyo mishahara ihwanye n'umushahara atahana mu ntoki (*salaire net*) aho kuba umushahara mbumbe.

Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru, gifite ishingiro.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 30.

Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948, ingingo ya 23.

Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturageyashyizweho umukono ku wa 11/11/1981 yemezwa n'Itegeko N° 10/1983 ryo ku wa 17/05/1983, ingingo ya 15.

Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 9 n'iya 40.

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 12 n'iya 111.

Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, ingingo ya 75 n'iya 140.

Imanza zifashishijwe:

RS/INJUST/RSOC 00001/2022/SC rwaciwe n’Urukiko
rw’Ikirenga ku wa 08/07/2022, ibika bya 19 na 20.

RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC rwaciwe n’Urukiko
rw’Ikirenga ku wa 31/01/2019.

Imanza zo mu mahanga zifashishijwe:

Pinkas and Others v. Bosnia and Herzegovina, (Application
number. 8701/21), 04/10/2022, para 63.

Cour de cassation, civile, Chambre sociale, 12 juin 2013, 11-
14.458.

Galina Meister contre Speech Design Carrier Systems GmbH,
numero C-415/10, Cour de Justice de l’Union
Européene, 12 janvier 2012, para 47.

Cour de cassation, Chambre sociale, numero 08-43.088, 17
Mars 2010.

Cour de cassation, Chambre sociale, numero 04- 40.169, 25 Mai
2005.

Cour de Cassation, Chambre sociale, numero 00-41.63326
Novembre 2002.

Urubanza

I. IMITERERE Y’URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Mutware Jean de Dieu avuga ko yari umukozi wa GT Bank Rwanda Plc hanyuma asezererwa ku kazi mu buryo bunyuranyije n’amategeko. Avuga ko ku wa 15/07/2017 no ku wa 04/09/2017 yandikiye Intumwa z’Abakozi muri banki kugira ngo bamukurikiranire ikibazo ariko ntiyasubizwa bituma atanga

ikirego asaba Urukiko gutegeka GT Bank Rwanda Plc kumwishyura imperekeza, integuza, insimbura kiruhuko, amasaha y'ikirenga, ibirarane by'imishahara, imisanzu yo muri SORAS n'indishyi z'akababaro. GT Bank Rwanda Plc yavuze ko Mutware Jean de Dieu yagombaga gutegereza igisubizo cy'Intumwa y'Abakozi, isaba ko ikirego kitakirwa.

[2] Mu rubanza RSOC 00468/2017/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 14/03/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwasanze Mutware Jean de Dieu yarasezerewe ku wa 21/09/2017, naho Intumwa y'Abakozi muri banki yarandikiwe ku wa 15/07/2017 no ku wa 04/09/2017, bivuze ko byakozwe mbere y'uko asezererwa nyamara gusezererwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko aribyo byaregewe inkiko, rwanzura ko ikirego kitakiriwe kuko cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko hashingiwe ku kuba hatarubahirijwe umuhango uteganywa n'ingingo ya 140 y'Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda.¹

[3] Ku wa 11/05/2018 Mutware Jean de Dieu yatanze ikindi kirego muri urwo Rukiko, avuga ko yirukanwe azira kuba yarasabye guhembwa umushahara uri ku ntera yari yazamuweho, ko kandi yageretsweho, ku bw'akarengane, gusiba 32.726 Frw kuri konti y'Ikigo cy'Imisoro n'Amahôro, asaba guhabwa imperekeza, integuza, insimbura kiruhuko, amasaha y'ikirenga,

¹ Iyo ngingo yateganyaga ko iyo havutse impaka zihariye ku kazi hagati y'umukozi n'umukoresha, uruhande bireba rubanza gusaba uhagarariye abakozi iyo ahari, gukemura ayo makimbirane ku bwumvikane. Iyo intumwa z'abakozi zidashoboye gukemura ayo makimbirane, uruhande bireba rubimenyeshya Umugenzuzi w'Umurimo rusaba ko yakemurwa ku bwumvikane. Iyo kumvikana bidashobotse, ikirego gishobora gushyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha. Iyo kunyura mu nzego zivugwa muri iyi ngingo bitubahirijwe, urukiko rushobora gufata icyemezo cyo kutakira ikirego.

ibirarane by'imishahara, imisanzu yo muri SORAS n'indishyi z'akababaro. GT Bank Rwanda Plc yireguye ivuga ko Mutware Jean de Dieu yaranzwe n'imyitwarire idahwitse, ko yihanangirijwe kenshi ku makosa ubundi atihanganirwa ariko ntiyikosore, isaba Urukiko kubona ko yirukanwe ku bw'impamvu zumvikana.

[4] Mu rubanza RSOC 00184/2018/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 10/01/2019, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwasanze:

- Kuba Mutware Jean de Dieu yarandikiye ubuyobozi bwa banki asaba guhemberwa intera yazamuweho, kuba yaritabye Komisiyo y'Imyitwarire inshuro eshatu cyangwa kuba atarishyuye inguzanyo yahawe na banki ubwabyo bitafatwa nk'imyitwarire mibi yari gutuma asezererwa ku kazi kuko Mutware Jean de Dieu nta tegeko yishe aharanira uburenganzira bwe ku mushahara ukwiriye, ndetse na GT Bank Rwanda Plc ikaba iterekana ko nyuma y'amakosa Mutware Jean de Dieu yahaniwe hari andi yakoze cyangwa ngo igaragaze isano riri hagati y'amasezerano y'umurimo n'amasezerano y'inguzanyo;
- Mutware Jean de Dieu yarasabwe ibisobanuro ku bijyanye na 32.727 Frw yasibwe kuri konti y'Ikigo cy'Imisoro n'Amahôro, arabitanga ariko ntibyakirwa neza, arabihanirwa, avanwa ku mwanya yariho yimurirwa i Muhanga, bityo bikaba batari kuba impamvu yumvikana yari gutuma yirukanwa;
- Mutware Jean de Dieu adakwiye guhabwa amafaranga y'insimburakiruhuko n'ay'amasaha

y'ikirenga kuko atagaragaza ko atafashe ikiruhuko cyangwa se ko hari amasaha y'ikirenga yakoze;

- Mutware Jean de Dieu yarakoraga ku mwanya wa *Cash Management Officer* ariko agahemberwa umwanya wa *cashier*, bityo akaba agomba guhabwa ikinyuranyo cy'amafaranga atahembwe mu gihe cy'amezi 20 angana na 5.540.180 Frw, kandi agahabwa n'imisanzu ye yo muri SORAS GT Bank Rwanda Plc yafatiriye.

[5] Urukiko rwanzuye ko Mutware Jean de Dieu yirukanywe nta mpamvu yumvikana, rutegeka GT Bank Rwanda Plc kumuha 331.825 Frw y'integuza, 663.650 Frw y'imperekeza, 995.475 Frw y'indishyi z'akababaro, 5.540.180 Frw y'imishahara atahembwe, 1.200.000 Frw y'imisanzu yafatiriwe na 800.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

[6] GT Bank Rwanda Plc yajuririye Urukiko Rukuru irusaba gusuzumana ubushishozi impamvu zatumye Mutware Jean de Dieu asezererwa ku kazi, rukemeza ko zumvikana, rukanatesha agaciro indishyi zose yahawe kuko atari azikwiriye. Mutware Jean de Dieu yatanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba indishyi atahawe ku rwego rwa mbere.

[7] Mu rubanza RSOCA 00033/2019/HC/KIG rwaciwe ku wa 12/09/2019, Urukiko Rukuru rwasanze:

- Nta kosa Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwakoze rwemeza ko Mutware Jean de Dieu yirukanwe nta mpamvu zumvikana ndetse rumugenera indishyi z'akababaro kuko kuba atarishyuye inguzanyo y'ukwezi kwa Nyakanga 2017

atari impamvu yumvikana yari gutuma asezererwa ku kazi;

- Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rutaragombaga guha Mutware Jean de Dieu 331.825 Frw y'integuza na 663.650 Frw y'imperekeza kuko inyandiko yiswe *final pay* ndetse n'inyandikomvugo yo kutumvikana yakozwe n'Umugenzuzi w'Umurimo zigaragaza ko yayahawe, bityo akaba avanweho;
- Mutware Jean de Dieu atarigeze yandikira GT Bank Rwanda Plc asaba guhemberwa umwanya yari yazamuweho ahubwo ko yasabaga kongererwa umushahara kubera ikibazo cy'imibereho (*an increase of at least a certain percentage in my annual pay, as the cost of live increased within years*), bityo Urukiko rukaba rutari kumugenera ikinyuranyo cy'imishahara atahembwe kandi nta kimenyetso yagaragaje gihamya ko yagombaga kujya ahembwa 548.160 Frw;
- GT Bank Rwanda Plc itari yemerewe gufatira imisanzu y'ubwishingizi ya Mutware Jean de Dieu muri SORAS kuko amasezerano y'umurimo atandukanye n'ay'inguzanyo, bityo banki ikaba igomba kuyasubiza;
- Mutware Jean de Dieu nta zindi ndishyi z'akababaro akwiriye kuko indishyi zihwanye n'umushahara w'amezi atatu yagenewe ziri mu rugero ruteganywa n'itegeko, indishyi nsimburakiruhuko akaba ntazo akwiye kuko nta kimenyetso yatanze kigaragaza ko atafashe ikiruhuko mu myaka ya 2015, 2016 na 2017.

[8] Urukiko rwanzuye ko ubujurire bwa GT Bank Rwanda Plc bufite ishingiro kuri bimwe, naho ubwuririye ku bundi bwatanzwe na Mutware Jean de Dieu nta shingiro bufite, rwemeza ko 331.825 Frw y'integuza, 663.650 Frw y'imperekeza na 5.540.180 Frw y'ikinyuranyo cy'umushahara, Mutware Jean de Dieu yari yagenewe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge avanweho.

[9] Mutware Jean de Dieu yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, asaba ko urubanza RSOCA 00033/2019/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 12/09/2019 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire amaze gusuzuma ubwo busabe, yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo. Mu cyemezo nimeru 015/CJ/2022 cyo ku wa 26/01/2022, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ruzongere ruburanishwe.

[10] Iburanisha ryabereye mu ruhamu ku wa 13/09/2022, Mutware Jean de Dieu yunganiwe na Me Nyirasuku Jeanne naho GT Bank Rwanda Plc iburanirwa na Me Safari Jean Bosco, hasuzumwa ibibazo byo kumenya niba GT Bank Rwanda Plc yaragombaga kongeza Mutware Jean de Dieu umushahara, niba amafaranga y'integuza n'ay'imperekeza yarabazwe mu buryo butaribwo n'ibijyanye n'igihembo cya Avoka n'amafaranga y'ikurikiranarubanza bisabwa muri uru rubanza.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N’ISESENGURWA RYABYO

1. Kumenya niba GT Bank Rwanda Plc yari ifite inshingano zo kongeza umushahara Mutware Jean de Dieu

[11] Mutware Jean de Dieu na Me Nyirasuku Jeanne, umwunganira, bavuga ko Mutware Jean de Dieu yari umukozi wa GT Bank Rwanda Plc akora ku mwanya wa *Cashier*, ahembwa 331.825 Frw, ku wa 04/02/2016 azamurwa mu ntera agirwa *Cash Management Officer* asimbuye uwitwa Uwantege Yvonne wahembwaga 548.160 Frw. Basobanura ko Mutware Jean de Dieu yamaze amezi 20 ku mwanya wa *Cash Management Officer* ari no ku ntera (*grade*) imwe n’iya Uwantege Yvonne yasimbuye, ariko akomeza guhembwa umushahara wa *Cashier*. Bavuga ko ku wa 06/08/2017, hatarashira imyaka ibiri ari kuri uwo mwanya, Mutware Jean de Dieu yandikiye *email* ubuyobozi bwa GT Bank Rwanda Plc, asaba guhemberwa intera yazamuweho, aho kubibona nko guharanira uburenganzira bwe, banki ibifata nk’imyitwarire mibi, imutumiza ubutitsa muri Komisiyo y’Imyitwarire kugeza yirukanwe mu buryo bunyuranyije n’amategako ku wa 21/09/2017.

[12] Bavuga ko hejuru y’iyo *email* Mutware Jean de Dieu yandikiye ubuyobozi bwa banki ikaba intandaro yo kwitirirwa imyitwarire mibi, GT Bank Rwanda Plc yamureze kuba atarishyuye neza inguzanyo yahawe, bakibaza isano riri hagati y’amasezerano y’inguzanyo n’ay’umurimo ku buryo kutishyura neza inguzanyo byari gutuma umukozi yirukanwa mu kazi. Basaba uru Rukiko gushimangira ihame ry’uko umushahara ari ikiguzi cy’umurimo wakozwe, rugashingira ku biteganywa n’ingingo ya 75 y’Itegeko N° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009

rigenga umurimo mu Rwanda² rukemeza ko Mutware Jean de Dieu akwiye guhabwa ikinyuranyo cy'imishahara atahembwe ku mwanya wa *Cash Management Officer*, ahwanyane na 558.160 Frw—331.825 Frw x 20 = 5.540.180 Frw.

[13] Me Safari Jean Bosco, uburanira GT Bank Rwanda Plc, avuga ko ikimenyetso Mutware Jean de Dieu aburanisha ashaka kugaragaza ko Uwantege Yvonne yahembwaga 558.160 Frw yagitanze bwa mbere mu Rukiko rw'Ikirenga bityo kikaba kidakwiye gushingirwaho hemezwa ko yarenganye. Asobanura ko icyo kimenyetso kigaragaza ko Uwantege Yvonne yashyizwe ku mwanya wa *Cash Management Officer* ku wa 14/04/2014, ariko Mutware Jean de Dieu akirengagiza ko ku wa 17/12/2014, GT Bank Rwanda Plc yavuguruye imishahara ndetse ishira uburyo bushya bw'imihembere aho buri mukozi yatangiye guhemberwa grade ariho, kandi ko ku wa 15/06/2016, Mutware Jean de Dieu yamenyeshejwe ko ari kuri *grade ya Operation Officer One*, inyandiko yitwa *Grading Harmonization and Salary Structure* yo ku wa 17/12/2014 ikaba igaragaza ko umukozi wari kuri iyo *grade* yatahanaga umushahara ungana na 278.094 Frw.

[14] Ku kibazo cyo kumenya impamvu inyandiko yitwa *Grading Harmonization and Salary Structure* ntaho igaragara muri dosiye zabanje n'icyo kumenya niba haricyo iyi nyandiko yahinduye ku mushahara wa Uwantege Yvonne ubwo yari akiri ku mwanya wa *Cash Management Officer*, asubiza ko atabonye umwanya wo kubisuzuma, ariko ko kuba Mutware Jean de Dieu yarasimbuye Uwantege Yvonne ku mwanya wa *Cash Management Officer* ataribyoye byatuma byanze bikunze

² Ingingo ya 75 iteganya ko umushahara ni ikiguzi cy'umurimo wakoze. Uretse ubwumvikane hagati y'abagiranye amasezerano y'akazi cyangwa mu bihe byateganyijwe n'iri tegeko, udakoze nta mushahara abona.

bahembwa kimwe, kuko abakozi bari ku mwanya umwe bashobora guhembwa umushahara utandukanye biturutse ku mpamvu nyinshi harimo n'iz'uburambe mu kazi.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Ingingo ya 30, igika cya 2, y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ivuga ko abantu bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose.

[16] Urukiko rurasanga iby'uko abakozi bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe, ari intego u Rwanda rwiyejeje guhera ku wa 18 Nzeri 1962,³ ubwo rwemeraga kugendera ku mahame y'uburenganzira bwa muntu akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948,⁴ aho mu ngingo ryaryo ya 23, igika cya 2, rigira riti buri wese, nta vangura iryo ariryo ryose, afite uburenganzira bwo guhembwa umushahara ungana n'uwo abandi bakora imirimo nk'iyе bakora. (*Tous ont droit, sans aucune discrimination, à un salaire égal pour un travail égal.* Iyi ntego u Rwanda rwongeye kuyishimangira ubwo rwashyiraga umukono ku Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage,⁵ nayo avuga mu ngingo yayo ya 15 ko buri muntu afite uburenganzira bwo gukora, agafatwa neza,

³ Reba *Déclaration du Président de la République relative au respect des accords et traités conclus par la Belgique*, in *Codes et Lois du Rwanda, Vol I*, p. 50.

⁴ Reba *Déclaration Universelle des Droits de l'Homme du 10 décembre 1948*, in *Codes et Lois du Rwanda, Vol I*, p. 66.

⁵ Yashyizweho umukono ku wa 11/11/1981 yemezwa n'Itegeko N° 10/1983 ryo ku wa 17/05/1983.

akareshyeshywa n'abandi kandi agahembwa umushahara ungana n'uwo abandi bakora umurimo nk'uwe bahembwa.⁶

[17] Ubwo burenganzira bwo gufata kimwe abakozi bari ku rwego rumwe kandi bakora imirimo imeze kimwe, nibwo bwibukijwe mu ngingo ya 30, igika cya 2, y'Itegeko Nshinga nk'uko yagaragajwe haruguru. Mu rwego rwo gushimangira iryo hame no kugira ngo ryubahirizwe uko bikwiye n'abakoresha bose, Umushingamategeko yarigarutseho mu ngingo ya 9, igika cya 3⁷, ndetse n'iya 40, agace ka 2,⁸ z'Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda rikoresha ubu aho izo ngingo zivuga ko umukozi afite burenganzira bwo guhembwa umushahara ungana n'uw'abandi bakora imirimo y'agaciro kangana n'iyi akora.

[18] Ubwo mu rubanza Rugina Jason yaburanaga na SONARWA Life Insurance Company Plc uru Rukiko rwasesenguraga ikibazo cy'ishyirwa mu bikorwa ry'iryo hame ryo kureshyeshya abakozi mu by'umushahara iyo bakora imirimo imwe,⁹ uru Rukiko rwashyizeho imirongo migari ikurikira:

- Abakozi bakora imirimo imwe, banganya ubumenyi, uburambe n'ubushobozi bagomba guhembwa kimwe, iyo bitabaye ibyo haba habayeho ivangura;

⁶ «*Toute personne a le droit de travailler dans des conditions équitables et satisfaisantes et de percevoir un salaire égal pour un travail égal.*»

⁷ Iyo ngingo iteganya ko [...] Umukoresha wese agomba guhamba umushahara ungana abakozi bakora imirimo y'agaciro kangana nta vangura iryo ari ryo ryose.

⁸ Iyo ngingo iteganya ko 2^o guhembwa umushahara ungana n'uw'abandi iyo bakora imirimo y'agaciro kangana.

⁹ Reba urubanza RS/INJUST/RSOC 00001/2022/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 08/07/2022, ibika bya 19 na 20.

- Umukozi unganya na bagenzi be ubumenyi, uburambe n'ubushobozi, udahembwa kimwe n'abo bari ku rwego rumwe, afite uburenganzira bwo guharanira guhembwa kimwe na bagenzi be cyangwa bwo gusaba ko ahembwa umushahara ukwiye;
- Nubwo nta kibuzwa umukoresha kuba yagera bamwe mu bakozi ishimwe, iyo iryo shimwe rishyizwe ku mushahara, rihabwa abakozi bese;
- Umukozi wazamuwe mu ntera ariko kuva yazamurwa mu ntera ntahembwe umushahara ungana n'uwo bagenzi be bari ku mwanya nk'uwe bahembwaga, akwiye guhembwa ikinyuranyo cy'imishahara yose atahembwe;
- icyatuma imishahara y'abakozi bari ku rwego rumwe itandukana ni igihe umukoresha abashije kugaragariza Urukiko mu buryo bufatika (objectivement/objectively) ko abakozi bahembwaga umushahara uri hejuru bafite ubumenyi budasanzwe kandi bwihariye bufitiye akamaro umurimo bakora, ibyo kandi byemezwa n'Urukiko mu bushishozi bwarwo.

[19] Ku birebana n'ugomba gutanga ibimenyetso igihe haregewe ivangura, Urukiko rusanga ihame rusange ryibukijwe mu ingingo ya 12 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ari uko urega afite inshingano zo kugaragaza ishingiro ry'ibyo aregera, yabibura uwarezwe agatsinda. Na none ariko, uvuga ko nta nshingano afite zo gukora ibyo yari ategetswe gukora agomba kugaragaza

icyazimukuyeho, yabiburira ibimenyetso, uwo baburana akamutsinda.

[20] Mu rubanza *Pinkas and Others* baburanaga na Leta ya Bosnia na Herzegovina imbere y'Urukiko rw'Uburayi rushinzwe uburenganzira bwa muntu, ikirego cyari gishingiye ku kuba abanditsi n'abacamanza bo mu nkiko za *State Courts* bataragenewe amafaranga y'ingendo, ay'amafunguro n'ayo kuba kure y'imiryango yabo. icyo kirego cyaje gusuzumwa n'inkiko ebyiri zitandukanye. Urwasuzumye ikirego cy'abacamanza rwemeza ko bayahabwa guhera mbere ya Mutarama 2013 naho urwasuzumye ikirego cy'abanditsi rwemeza ko bayahabwa guhera muri Mutarama 2013.¹⁰ Urukiko rw'Uburayi rushinzwe uburenganzira bwa muntu rwasanze kuba abo bakozi batarafashwe kimwe kandi ikirego cyari cyatanzwe hashingiwe ku ngingo zimwe z'amategeko ari ivangura ridashingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Urukiko rwemeje ko iyo urega yagaragaje ko adafashwe kimwe n'abo bagomba gufatwa kimwe, uregwa ari we ugomba kugaragaza ko kutabafata kimwe bishingiye ku mpamvu zifatika kandi zumvikana. Iyo bitagaragajwe nta wundi mwanzuro Urukiko rwageraho uretse

¹⁰ “The special feature of the instant case is that the judges and the judicial clerks at the State Court brought a joint civil action relying on the same legal provisions, that the civil courts then severed their case into two cases on the grounds of their status (...) and reached opposite conclusions regarding one of the key legal issues raised in those cases. As a result of that special set of circumstances, all of the judicial clerks at the State Court were granted meal, travel and family separation allowances in respect of the period after January 2013 only, whereas all of the judges were granted those benefits also for the period before January 2013”. Reba urubanza *Pinkas and Others v. Bosnia and Herzegovina*, (Application no. 8701/21), 04/10/2022, para 63.

uwo kwemeza ko impamvu zashingiweho abo bantu batandukanywa zidafatika kandi zitumvikana.¹¹

[21] Urukiko rurasanga nanone Urukiko rw'Ubutabera rw'Ubumwe bw'Uburayi (*Cour de Justice de l'Union Européenne*) rwarasanze kudatanga amakuru ku ruhande ruregwa ari imwe mu mpamvu zishobora guherwaho hemezwa ko hashobora kuba harabayeho ivangura mu buryo buziguye cyangwa butaziguye. Rwongereyeho ko icyo gihe ari inshingano z'Urukiko rwajuririwe guhera kubyabaye byose mu rubanza rwohererejwe, rugasuzuma niba koko harabayeho ivangura.¹²

[22] Naho ku bireba ivangura mu by'umushahara, Urukiko Rusesa Imanza mu Bufaransa rusanga nubwo ari inshingano z'umukozi kugaragaza ibimenyetso by'uko adahembwa kimwe n'abakora imirimo imeze nk'iyi akora, iyo umukozi ahamya ko icyo kimenyetso gifitwe n'uwo baburana, ashobora gusaba Urukiko gutegeka ko uregwa akigaragaza. Iyo uregwa

¹¹ “...the Court reiterates that once the applicant has shown a difference in treatment, it is for the Government to show that it was justified (...). The Government did not offer any justification for this difference in treatment (see paragraph 56 above). The same is true in respect of the domestic courts (...). That being the case, the Court cannot but conclude that this difference in treatment had no objective and reasonable justification.” Reba urubanza Pinkas and Others v. Bosnia and Herzegovina, (Application number. 8701/21), 04/10/2022, para 65.

¹² “(...) il ne saurait être exclu qu'un refus de tout accès à l'information de la part d'une partie défenderesse peut constituer l'un des éléments à prendre en compte dans le cadre de l'établissement des faits qui permettent de présumer l'existence d'une discrimination directe ou indirecte. Il incombe à la juridiction de renvoi, en prenant en considération toutes les circonstances du litige dont elle est saisie, de vérifier si tel est le cas dans l'affaire au principal. » Reba, Galina Meister contre Speech Design Carrier Systems GmbH, n° C-415/10, Cour de Justice de l'Union Européenne, 12 janvier 2012, para 47.

atakigaragaje, Urukiko rubyaza ingaruka uko kwifata cyangwa kwanga gutanga icyo kimenyetso ku ruhande ruregwa.¹³

[23] Urwo Rukiko rwasanze kandi mu gihe umukozi yagaragaje ko yahembwaga umushahara muke ugereranyije n'uw'abandi bakozi bari ku rwego rumwe kandi bakora imirimo imwe nawe, umukoresha ntiyagarukira gusa ku kuvuga ko uwo mukozi adatanga umusaruro ushimishije. Umukoresha agomba ahubwo gutanga ibimenyetso byerekana ko iryo vangura rishingiye ku mpamvu zumvikana kandi zifatika zari gutuma umushahara w'uwo mukozi utandukanywa n'uw'abandi bari ku rwego rumwe.¹⁴ Imwe mu mpamvu ifatika kandi yumvikana ni

¹³ “(...) Mais attendu qu'il appartient au salarié qui invoque une atteinte au principe "à travail égal, salaire égal" de soumettre au juge des éléments de fait susceptibles de caractériser une inégalité de rémunération ; que lorsque le salarié soutient que la preuve de tels faits se trouve entre les mains d'une autre partie, il lui appartient de demander au juge d'en ordonner la production; que ce dernier peut ensuite tirer toute conséquence de droit en cas d'abstention ou de refus de l'autre partie de déférer à une décision ordonnant la production de ces pièces;...” Reba urubanza Cour de cassation, civile, Chambre sociale, 12 juin 2013, 11-14.458.

¹⁴ “Mais attendu que la cour d'appel, qui a constaté que depuis de nombreuses années le salarié, employé en qualité de câbleur au niveau 2, coefficient 185 de la convention collective, percevait une rémunération inférieure à celles de ses collègues n'ayant pas plus d'ancienneté que lui, occupant strictement le même poste et exerçant les mêmes fonctions, avec les mêmes niveau et coefficient, a retenu que l'employeur qui ne contestait pas cette situation de fait ne fournissait comme seule explication que la prétendue médiocre qualité du travail accompli par l'intéressé ; qu'elle a ainsi fait ressortir, abstraction faite du motif surabondant critiqué par la première branche du moyen, que l'employeur ne rapportait pas la preuve que l'inégalité de traitement dont le salarié a été la victime, reposait sur un critère objectif tenant à la différence du travail fourni ; que le moyen n'est pas fondé ...” Reba urubanza Cour de Cassation, Chambre sociale, numero 00-41.63326 novembre 2002. Reba kandi Cour de cassation, Chambre sociale, n° 04- 40.169, 25 mai 2005.

nko kuba umukozi uhembwa amafaranga menshi Arusha urega impamyabushobozi ituma mu kazi atanga umusaruro uruta utangwa n'uw'umukozi urega.¹⁵

[24] Urukiko rurasanga ibyavuzwe haruguru iyo bihujwe n'ihame ry'uko abakozi bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe, byumvikanisha ko inshingano y'umukozi ari ukwerekana ko akora umurimo nk'uw'abandi bari ku rwego rumwe nawe kandi ko umukoresha atamuhemba nk'uko ahemba abandi bakozi bari ku rwego rwe. icyo gihe, umukoresha afite inshingano zo gutanga ibimenyetso bivuguruza ibitangwa n'umukozi. Igihe umukozi avuga ko ibimenyetso bifitwe n'umukoresha, agomba gusaba Urukiko kumutegeka kubitanga, atabitanga Urukiko rugasuzumana ubushishozi ibyo rwashikirijwe n'umukozi hagamijwe gukumira ivangura ku isoko ry'umurimo.

[25] Urukiko rurasanga ku bijyanye n'uru rubanza, ikimenyetso Mutware Jean de Dieu yatanze agaragaza ishingiro ry'ibyo aregera, ari ibaruwa yo ku wa 14/04/2014 ishyira Uwantege Yvonne ku mwanya wa *Cash Management Officer* kandi imumenyesha ko azajya ahembwa 548.160 Frw. Ku kibazo cyo kumenya niba ari ubwa mbere Mutware Jean de Dieu ashyira muri dosiye icyo kimenyetso, bityo kikaba kitashingirwaho

¹⁵ “*Mais attendu qu'ayant constaté que Mme X... avait obtenu un BTS "expression visuelle" ayant nécessité deux années d'études et que le salarié auquel elle se comparait était titulaire d'un diplôme d'études supérieures spécialisées en ingénierie multimédia obtenu après cinq années de formation, la cour d'appel a pu en déduire que ces diplômes utiles à l'exercice des fonctions occupées, sanctionnant des formations professionnelles de niveaux et durées inégales, constituaient une raison objective et pertinente justifiant la différence de rémunération ; que le moyen n'est pas fondé...*” Reba urubanza Cour de cassation, Chambre sociale, numero 08-43.088, 17 mars 2010.

hasuzumwa akarengane avuga ko yagiriwe, Urukiko rurasanga muri dosiye y'urubanza RSOC 00468/2017/TGI/NYGE rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 14/03/2018, icyo kimenyetso kiri kuri nimero ya kane ku rutonde rw'ibyo yaburanishaga.

[26] Urukiko rurasanga GT Bank Rwanda Plc, nk'umuburanyi muri urwo rubanza, yari ihagarariwe, bivuze ko icyo kimenyetso isanzwe ikizi cyane cyane ko ari nayo yacyikoreye, bityo ibyo iburanisha ko Mutware Jean de Dieu atagishingiraho akarengane ke bikaba nta shingiro bifite, kuko nubwo icyo kimenyetso kitagiye cyimurirwa muri dosiye ya buri Rukiko, bigaragara ko cyatanze mu ntangiriro z'urubanza.

[27] Ku kibazo cyo kumenya niba Mutware Jean de Dieu yari ku mwanya umwe na Uwantege Yvonne, wahoze ari *Cash Management Officer*, Urukiko rurasanga dosiye y'urubanza irimo ibaruwa yo ku wa 04/02/2016, GT Bank Rwanda Plc yandikiye Mutware Jean de Dieu imumenyesha ko guhera ku itariki ya 05/02/2016 ashyizwe ku mwanya wa *Cash Management Officer*. Ibyo bishimangirwa kandi n'icyemezo cy'umurimo (*employment certificate*) cyo ku wa 21/09/2017, kigaragaza ko Mutware Jean de Dieu yakozwe imirimo ijyanye na *Cash Management Officer* kuva ku itariki ya 05/02/2016 kugera ku itariki ya 25/06/2017, bivuze ko kugeza ku wa 26/06/2017, ubwo MUTWARE Jean de Dieu yashyirwaga ku mwanya wa *Teller* muri GT Bank Rwanda Plc, Ishami rya Muhanga, yari amaze igihe kingana hafi n'amezi cumi n'arindwi (17) ari ku mwanya wa *Cash Management Officer*.

[28] Ku kibazo cyo kumenya niba muri icyo gihe Mutware Jean de Dieu yamaze ari *Cash Management Officer* yaragombaga guhembwa 548.160 Frw nk'uko byari bimeze kuri UWANTEGE

Yvonne, Urukiko rurasanga urwandiko rwo ku wa 04/02/2016 rushyira Mutware Jean de Dieu mu mwanya wa *Cash Management Officer* ntaho ruvuga umushahara na *grade* bya nk'uko bimeze kuri Uwantege Yvonne wari washyizwe kuri *grade* ya 13, ahembwa umushahara mbumbe ungana na 548.160 Frw. Ku wa 15/06/2016, hashize amezi ane n'iminsi icumi Mutware Jean de Dieu ari mu mwanya mushya nibwo yamenyeshejwe ko ari kuri *grade* ya *Operation Officer One* hakurikijwe imiterere mishya y'imirimo muri banki, ariko nabwo ntaho banki igaragaza ko uwo mwanya ariwo uhwanyeye n'uwa *Cash Management Officer* yariho. Nyamara kandi GT Bank Rwanda Plc yivugira ko *grades* nshya zatangiye gukurikizwa guhera ku wa 17/12/2014, bivuze ko arizo zakoreshejwe no kuri Uwantege Yvonne kuva kuri iyo tariki kugeza avuye ku mwanya wa *Cash Management Officer* ariko banki ntigaragaza ko Uwantege Yvonne, wari *Cash Management Officer* yahinduriwe *grade* kugirango agirwe *Operation Officer One* ndetse ashirwe ku mushahara wa 331.825 Frw nk'uko bimeze kuri Mutware Jean de Dieu.

[29] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rurasanga mu gihe Mutware Jean de Dieu yari umukozi wa GT Bank Rwanda Plc ku mwanya wa *Cash Management Officer* kuva ku wa 04/02/2016 kugeza ku wa 26/06/2017, kandi umukozi uri muri uwo mwanya yarahembwaga umushahara mbumbe ungana na 548.160 Frw, uwo mushahara ari wo Mutware Jean de Dieu yagombaga guhembwa mu gihe kingana n'amezi 17, bityo akaba agomba guhabwa ikinyuranyo cy'uwo mushahara atahembwe n'umushahara ungana na 331.825 Frw yahembwe. icyakora, hashingiwe ku murongo watanze n'uru Rukiko mu rubanza Niwemugeni Jeannette yaburanaga na KCB Bank Rwanda Plc, w'uko umukozi usezerewe mu kazi adahabwa umushahara

mbumbe ahubwo ahabwa umushahara atahana mu ntoki (*salaire net*),¹⁶ Mutware Jean de Dieu agomba guhabwa umushahara utahanwa mu ntoki, ubariwe ku kinyuranyo cy'umushahara mbumbe kibazwe mu buryo bukurikira : $548.160 \text{ Frw} - 331.825 \text{ Frw} \times \text{amezi } 17 = 3.677.695 \text{ Frw}$. Ibi kandi byumvikanisha ko umusoro ku musaruro n'umusanzu w'ubwiteganyirize bw'abakozi bizishyurwa n'Umukoresha hakurikijwe ibiteganywa n'amategako.

2. Kumenya niba amafaranga y'integuza n'ay'imperekeza yagenewe Mutware Jean de Dieu yarabazwe mu buryo butari bwo

[30] Mutware Jean de Dieu n'umwunganira bavuga ko GT Bank Rwanda Plc yagombaga kumwishyura amafaranga y'integuza angana na 331.825 Frw , n'amafaranga y'imperekeza ahwanye n'umushahara we w'amezi abiri, ni ukuvuga $331.825 \text{ Frw} \times 2 = 663.650 \text{ Frw}$, yose hamwe akaba 995.475 Frw , ariko ko GT Bank yamwishyuye 587.803 Frw , bityo akaba asaba uru Rukiko kuyitegeka kumuha ikinyuranyo kingana na 407.672 Frw .

[31] Me Safari Jean Bosco, uburanira GT Bank Rwanda Plc, avuga ko inyangiko yitwa *final pay* igaragaza ko Mutware Jean de Dieu yishyurwe amafaranga y'integuza y'ukwezi kumwe n'amezi abiri y'imperekeza. Asobanura ko mu kumwishyura yahawe umushahara atahana mu ntoki, bityo ko ibyo ari gusaba ko akwiye kwishyurwa integuza n'imperekeza by'umushahara mbumbe ari ugushaka indonke zidafite ibisobanuro.

¹⁶ Reba urubanza RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2019, igika cya 36.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[32] Ingingo ya 12, igika cya mbere, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko urega ari we ufite inshingano zo kugaragaza ishingiro ry'ibyo aregera, yabura ibimenyetso uwarezwe agatsinda.

[33] Dosiye y'urubanza irimo inyandiko yitwa *Final Pay (Notice & Leave Days & Dismissal Allowance)* yakozwe na GT Bank Rwanda Plc ku wa 21/09/2017, igaragaza ko umushahara mbumbe wa Mutware Jean de Dieu ungana na 331.825 Frw, bityo ko agenewe 331.825 Frw y'integuza na 663.650 Frw y'imperekeza, bihwanye na 995.475 Frw. Nyuma yo kvanamo 30% y'imisoro, ni ukuvuga 298.843 Frw, ubwiteganyirize bw'abakozi buhwanye na 59.928 Frw na 36.034 Frw y'iminsi itanu y'ikiruhuko yari yarahawe, hasigaye 587.803 Frw.

[34] Urukiko rurasanga hashingiwe ku murongo rwatanze mu rubanza Niwemugeni Jeannette yaburanaga na KCB Bank Ltd wibukijwe haruguru, amafaranga umukozi wazezerewe ahabwa ari ahwanye n'umushahara atahana mu ntoki (*salaire net*) aho kuba umushahara mbumbe.¹⁷ Ni ukuvuga ko mu mushahara mbumbe hagomba kubanza kvanwamo imisoro, ubwiteganyirize bw'abakozi cyangwa izindi nshingano umukozi afite kubw'Itegeko cyangwa amasezerano yakoranye n'umukoresha, bityo uretse ku bijyanye n'ingano y'umushahara mbumbe wabariweho, hakaba nta makosa GT Bank Rwanda Plc yakoze mu kwishyura Mutware Jean de Dieu amafaranga

¹⁷ Reba urubanza RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 31/01/2019, igikacya 36.

y'integuza n'imperekeza ahwanye n'umushahara yatahanaga mu ntoki.

[35] Urukiko rurasanga icyakora mu kubara integuza n'imperekeza, GT Bank Rwanda Plc yarashingiye ku mushahara mbumbe ungana na 331.825 Frw, aho gushingira ku mushahara mbumbe w'umukozi wari ku mwanya wa *Cash Management Officer* ungana na 548.160 Frw, bityo ayo makosa akaba ariyo agomba gukosorwa, integuza n'imperekeza bikabwirwa ku mushahara mbumbe ungana na 548.160 Frw nk'uko byasobanuwe haruguru, nyuma yo kuvanamo imisoro n'umusanzu w'ubwitateganyirize bw'abakozi, Mutware Jean de Dieu agahabwa umushahara utahanwa ubariye ku kinyuranyo cy'umushahara mbumbe kibazwe mu buryo bukurikira: $(548.160 \text{ Frw} \times 3) - (331.825 \times 3) = 645.475 \text{ Frw}$.

3. Kumenya niba hari amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza yatangwa muri uru rubanza

[36] Mutware Jean de Dieu avuga ko GT Bank Rwanda yakomeje kumusiragiza mu nkiko, bityo akaba asaba uru Rukiko kuyitegeka kwishyura 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka yiyongera kuyo yagenewe n'inkiko zabanje.

[37] GT Bank Rwanda Plc ivuga ko Mutware Jean de Dieu yazanye ikirego kidafite ishingiro kuko asaba ibyo yahawe, akaba asanga GT Bank Rwanda Plc ariyo ikwiye kugenerwa 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza kubwo gushorwa mu manza nta mpamvu.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[38] Ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, igira iti: ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyura ibyakoreshejwe mu rubanza. Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyi ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe.

[39] Urukiko rurasanga 500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka Mutware Jean de Dieu asaba ayakwiriye kandi ari mu rugero, naho indishyi zose zisabwa na GT Bank Rwanda Plc ntazo ikwiye kuko ntacyo itsindiye muri uru rubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[40] Rwemeje ko ikirego cya Mutware Jean de Dieu gisaba gusubirishamo urubanza RSOCA 00033/2019/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, ku wa 12/09/2019 gifite ishingiro.

[41] Rutegetse GT Bank Rwanda Plc kwishyura Mutware Jean de Dieu umushara utahanwa ubariye ku mushahara mbumbe ungana na 3.677.695 Frw.

[42] Rutegetse GT Bank Rwanda Plc kwishyura Mutware Jean de Dieu umushahara utahanwa ku nteguza y'ukwezi kumwe n'imperekeza y'amezi abiri ubariye ku mushahara mbumbe ungana na 645.475 Frw.

[43] Rutegetse GT Bank Rwanda Plc guha Mutware Jean de Dieu 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka kuri uru rwego.

IMANZA Z'UBUCURUZI

MAFAM LTD v. IKIGO CY'IMISORO N'AMAHORO (RRA)

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA
00030/2022/CA (Ngagi, P.J.,) 20 Nyakanga 2022]

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Kwandikisha ubucuruzi – Ubucuruzi bw'ubwikorezi – Uburenganzira bwo gukora ubwikorezi – Kwandikisha ubucuruzi burimo n'ubwikorezi bitandukanye no guhabwa uburenganzira bwo gukora ubwikorezi.

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Umusoro – Umusoro ku nyongeragaciro (TVA) – Ubucuruzi bw'ubwikorezi – Umusoro ku Nyongeragaciro (TVA) ku birebena n'ubwikorezi – serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababihereye uruhushya zisonewe umusoro ku nyongeragaciro – Itegeko N° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016, ingingo ya 2, rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro yahinduye ingingo ya 6.

Incamake y'ikibazo: Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyakoreye igenzura sosiyete MAFAM Ltd ku binyobwa bya BRALIRWA icuruzwa ikabitwarira abakiriya bayo, maze iyica umusoro ku nyongeragaciro ungana na 132.112.680 Frw, harimo n'ibihano byo gutubya umusoro n'ibyo gutinda kwishyura umusoro, ishingiye ku kuba kuri buri biciro MAFAM Ltd yagurishagaho ibinyobwa yaragendaga ifataho amafaranga runaka kuri fagitire ikora, ikayita ko asonewe TVA ngo kuko ajyanye n'ubwikorezi (*transport*) bw'ibicuruzwa yaranguye muri BRALIRWA, ubwikorezi ntibutangire TVA kandi butayisonewe, itagaragaje

uruhushya yahawe n'urwego rubishinzwe (RURA) rwo gukora ubwikorezi.

MAFAM Ltd yajuririye uwo musoro kwa Komiseri Mukuru wa RRA isaba ko ukurwaho kuko yawuciwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ivuga ko ubwikorezi bw'ibintu ku butaka busonewe TVA, bityo ko itagomba gucibwa TVA kubera ko ubwikorezi ikora buyisonewe, bituma irega RRA mu Rukiko rw'Ubucuruzi irusaba gukuraho umusoro ku nyongeragaciro ungana na 132.112.680 Frw yaciwe kuri serivisi y'ubwikorezi kandi iwusonewe.

Urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cya MAFAM Ltd nta shingiro gifite, rwemeza ko umusoro ku nyongeragaciro n'ibihano biwushamikiyeho bingana na 132.112.680 Frw RRA yaciye MAFAM Ltd ukurikije amategeko, bityo ko ugumyeho.

MAFAM Ltd ntiyishimiye iyo mikirize y'urubanza, maze iyijuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rwashingiye icyemezo cyarwo ku kuba MAFAM Ltd idafite icyangombwa kiyemerera gukora serivisi y'ubwikorezi, kandi atari yo mpamvu Komiseri Mukuru yashingiyeho afata icyemezo, ko kandi itagombaga gucibwa umusoro ku nyongeragaciro kuri serivisi y'ubwikorezi yakoze kuko iwusonewe, bityo ko itabaraga nabi umusoro yagombaga gusora, isaba kugenerwa indishyi zitandukanye.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza, rwemeza ko ubujurire bwa MAFAM Ltd nta shingiro bufite, bityo ko y'urubanza rujuririrwa igumyeho.

MAFAM Ltd yajuririye na none mu Rukiko rw'Ubujurire, ivuga ko itagombaga gucibwa umusoro ku nyongeragaciro kuri serivisi y'ubwikorezi kuko iwusonewe n'amategeko.

RRA ivuga ko uru rubanza rutandukanye n'imanza zabanje, ko muri izo manza abaciwe imisoro bagaragazaga ibyangombwa bibemerera gukora ubwikorezi bahawe na RURA. Ko kuba rero MAFAM Ltd nta burenganzira bwo gukora ubwikorezi yahawe n'Urwego rubishinzwe ntaho yahera ivuga ko ikora ubwikorezi. Akomeza avuga ko mu manza zabanje nubwo batagaragazaga ko bakoze ubwikorezi, ariko bari bafite ibyangombwa byerekana ko bakora ubwikorezi, ariko MAFAM Ltd itagaragaza ibimenyetso byerekana ko ikora ubwikorezi, ikaba idafite n'uruhushya yahawe na RURA bwo gukora ubwikorezi, avuga kandi ko MAFAM Ltd ubwayo yiyemerera ko yakoze serivisi y'ubwikorezi itabifitiye uburenganzira, nyamara kuva mu mwaka wa 2011 hari amabwiriza agaragaza ko ukora serivisi y'ubwikorezi agomba kuba abifitiye uburenganzira ahabwa na RURA nubwo ubucuruza buba bwandikishijwe muri RDB, bityo ko umusoro ku nyongeragaciro MAFAM Ltd yaciwe ukwiye kugumaho.

Incamake y'icyemezo: 1. Ku byerekeranye n'umusoro wa nyuma yo ku wa 15/10/2016, Urukiko rurasanga ari ngombwa kureba niba MAFAM Ltd yarakoze ubwikorezi ibifitiye uburenganzira. Urukiko rurasanga ikimenyetso kigaragara muri dosiye cyerekana ko MAFAM Ltd yari ifite uburenganzira ari icyo ku wa 16/10/2019, bivuze nyuma y'igihe umusoro uburwanwa waciriwe. Urukiko rurasanga kuba MAFAM Ltd idashoboye kugaragaza ko nyuma yo ku wa 15/10/2016, yakoze ubwikorezi ibifitiye uburenganzira butangwa na RURA, umusoro ku nyongeragaciro yaciwe guhera ku wa 15/10/2016, ubwo Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuza itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 9/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ryashyirwaho yawuciwe mu buryo bukurikije amategeko, ukaba ugomba kugumaho.

2. Urukiko rurasanga na none ibyo MAFAM Ltd ivuga ko na nyuma y'aho Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuza itegeko n°37/2012 ryo ku wa 9/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro rigiriyeho, umusoro ku nyongeragaciro yakwishyura ari uwo yaciwe hagati yo ku wa 15/10/2016 kugeza ku wa 19/07/2017, ubwo yandikishaga ibikorwa by'ubwikorezi muri RDB nta shingiro byahabwa, kuko nk'uko byasobanuwe haruguru, MAFAM Ltd yagombaga kuba ifite uburenganzira yahawe na RURA, bityo n'umusoro yaciwe nyuma yo ku wa 19/07/2017 kugeza aho iboneye uburenganzira bwa RURA nawo yagombaga kuwucibwa, bityo nawo ukaba ugomba kugumaho.

3. Ubwikorezi bw'ibicuruzwa busonewe gucibwa umusoro ku nyongeragaciro (TVA) iyo umwikorezi yabihereye uburenganzira na RURA.

**Ubujurire bufite ishingiro kuri bmwe;
Amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyarukozwemo.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016, ingingo ya 2,
rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa
09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro
yahinduye ingingo ya 6,

Imanza zifashishijwe:

Urubanza RRA v SODAR LTD; RCOMAA 00034/2020/CA
rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/02/2021.
Urubanza RRA v SRDS LTD RCOMAA 00001/2022/CA;
rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwaciwe ku wa
25/03/2022.

Urubanza RRA v SUGIRA LTD; RCOMAA 00057/2021/CA
n'Urukiko rw'Ubujurire rwaciwe ku wa 25/03/2022.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Rwanda Revenue Authority (Ikigo Cy'Imisoro n'Amahoro) cyakoreye igenzura MAFAM Ltd ku binyobwa bya BRALIRWA icuruza ikabitwarira abakiriya bayo, maze iyica umusoro ku nyongeragaciro ungana na 132.112.680 Frw, harimo n'ibihano byo gutubya umusoro n'ibyo gutinda kwishyura umusoro, ishingiyeye ku kuba kuri buri biciro MAFAM Ltd yagurishagaho ibinyobwa yaragendaga ifataho amafaranga runaka kuri fagitire ikora, ikayita ko asonewe TVA ngo kuko ajyanye n'ubwikorezi (*transport*) bw'ibicuruzwa yaranguye muri BRALIRWA, ubwikorezi ntibutangire TVA kandi butayisonewe, itagaragaje uruhushya yahawe n'urwego rubishinzwe (RURA) rwo gukora ubwikorezi.

[2] MAFAM Ltd yajuririye uwo musoro kwa Komiseri Mukuru wa RRA isaba ko ukurwaho kuko yawuciwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kuko ubwikorezi bw'ibintu ku butaka busonewe TVA, hashingiye ku ngingo ya 6.5 d) y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, no kuba ifite uruhushya rwo gukora umurimo w'ubwikorezi, bityo ko itagomba gucibwa TVA kubera ko ubwikorezi ikora buyisonewe kandi ko ntayo yakiriye, ndetse ko ari na ko BRALIRWA ibikora iyo igemuriye MAFAM Ltd ibinyobwa. Komiseri Mukuru yafashe icyemezo ko umusoro MAFAM Ltd yaciwe harimo

n'ibihano byo gutubya umusoro n'ibyo gutinda kwishyura umusoro byose hamwe bingana na 132.112.680 Frw bigumaho kuko ukurikije amategeko. MAFAM Ltd ntiyanyuzwe n'icyo cyemezo, bituma irega RRA mu Rukiko rw'Ubucuruzi irusaba gukuraho umusoro ku nyongeragaciro ungana na 132.112.680 Frw yaciwe kuri serivisi y'ubwikorezi kandi iwusonewe.

[3] Mu rubanza RCOM 01431/2020/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 08/12/2020, urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cya MAFAM Ltd nta shingiro gifite, rwemeza ko umusoro ku nyongeragaciro n'ibihano biwushamikiyeho bingana na 132.112.680 Frw, RRA yaciye MAFAM Ltd ukurikije amategeko, ko ugumyeho; rutegeka MAFAM Ltd guha RRA 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

[4] MAFAM Ltd ntiyishimiye iyo mikirize y'urubanza, maze ku wa 07/01/2021, iyijuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rwashingiye icyemezo cyarwo ku kuba MAFAM Ltd idafite icyangombwa kiyemerera gukora serivisi y'ubwikorezi, kandi atari yo mpamvu Komiseri Mukuru yashingiyeho afata icyemezo, ko kandi itagombaga gucibwa umusoro ku nyongeragaciro kuri serivisi y'ubwikorezi yakoze kuko iwusonewe, bityo ko itabaraga nabi umusoro yagombaga gusora, isaba kugenerwa indishyi zitandukanye.

[5] Ku wa 24/12/2021, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza RCOMA 00020/2021/HCC rwemeza ko ubujurire bwa MAFAM Ltd nta shingiro bufite, rwemeza ko MAFAM Ltd igomba guha RRA 400.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza; rutegeka ko hagumyeho imikirize y'urubanza rujuririrwa, ko 40.000 Frw MAFAM Ltd yatanzeho ingwate y'amagarama ijurira, ahwanye n'ibyakozwe byose mu rubanza.

[6] MAFAM Ltd yajuririye na none uru Rukiko, ivuga ko itagombaga gucibwa umusoro ku nyongeragaciro kuri serivisi y'ubwikorezi kuko iwusonewe n'amategeko, inasaba gusubizwa amafaranga y'igihembo cya Avoka, ubujurire bwayo bwandikwa kuri RCOMAA 00030/2022/CA.

[7] Iburanisha ryabaye mu ruhame ku wa 06/07/2022, MAFAM Ltd ihagarariwe na Me Twiringiyemungu Joseph, naho RRA ihagarariwe na Me Twahirwa Jean Baptiste.

[8] Muri rusange, mu iburanisha impaka hagati y'ababuranyi zibanze ku byerekeranye no kumenya niba umusoro ku nyongeragaciro n'ibihano biwushamikiyeho bingana na 132.112.680 Frw, MAFAM Ltd yaciwe bikurikije amategeko.

II. IBIBAZO BIGIZE IBURANISHA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba umusoro ku nyongeragaciro MAFAM Ltd yaciwe na RRA kuri serivisi y'ubwikorezi ugomba gukurwaho kuko iwusonewe n'amategeko

[9] Uhagarariye MAFAM Ltd avuga ko nyuma yuko MAFAM Ltd iciwe umusoro ku nyongeragaciro yawujuririye kwa Komseri Mukuru ku mpamvu zuko ubwikorezi bw'ibintu ku butaka busonewe TVA hashingiwe ku ngingo ya 6.5 d) y'itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, kandi MAFAM Ltd ifite uruhushya yandikishije ubwikorezi nk'umurimo yemerewe gukora, bityo ko MAFAM Ltd itagomba gucibwa TVA kubera ko ubwikorezi ikora buyisonewe kandi ntayo na yo yakiriye, kandi ko ari na ko BRALIRWA ibikora iyo

igemuriye MAFAM Ltd ibinyobwa, ndetse ko Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kitayica TVA ku bwikorezi iba yagaragaje kuri fagitire yayo, agatanga n'urugero kuri fagitire ya BRALIRWA.

[10] Avuga ko hagenzuwe kuva muri Gashyantare 2015 kugeza mu Kuboza 2015, hagenzurwa umwaka wa 2016 n'uwa 2017 no kuva muri Nyakanga kugeza Ukuboza by'umwaka wa 2018. Avuga ko kuva muri Gashyantare 2015 kugeza mu kwezi kwa cumi 2016, ubwo Itegeko ryahindukaga, Itegeko ryariho ryavugaga ko serivisi z'ubwikorezi zisonewe, ko muri icyo gihe nta burenganzira bwasabwagwa. Akomeza avuga ko kuba ukora serivisi y'ubwikorezi agomba kuba yabiherewe uburenganzira biteganywa mu Itegeko ryo mu mwaka wa 2016. Avuga ko MAFAM Ltd yandikishije ibikorwa byayo muri RDB ku wa 19/07/2017, kandi muri ibyo bikorwa harimo na serivisi y'ubwikorezi, ko kandi yemera ko hagati y'igihe Itegeko ryagiriye mu mwaka wa 2016 n'igihe MAFAM Ltd yaboneye icyangombwa kiyemerera gukora serivisi y'ubwikorezi yahawe na RDB, icyo igihe cyonyine ari cyo MAFAM Ltd kigomba gusoreshwa TVA.

[11] Avuga kandi mu gisubizo cye, Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro atigeze anenga izo ngingo MAFAM Ltd yatanze, ahubwo yavuze ko MAFAM Ltd yafashe igice cy'ikiguzi cy'ibinyobwa bya BRALIRWA bikwirakwizwa na MAFAM Ltd ngo iragisonera. Ko ibivugwa na Komiseri Mukuru ari na byo byemejwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, aho mu gika cya 34 cy'urubanza rujurirwa Urukiko rwagize ruti: « ubwikorezi yita ko busonewe si bwo yakiriye amafaranga yabyo ahubwo yayakiriye ku bicuruzwa hanyuma akagabanya ikiguzi cyabwo acyita icy'ubwikorezi». Asobanura ko ibyo atari ukuri, kuko MAFAM Ltd igemura ibinyobwa bya BRALIRWA mu

duce yagenewe ikoresheje imodoka zayo zishinzwe gukora ako kazi, nk'uko yashoboraga gukoresha n'izindi z'abandi bantu bakora ako kazi kandi iyo serivisi batanze igasonerwa. Ko igurisha ibinyobwa ukwabyo, ikanarishya serivisi y'ubwikorezi ukwayo, iyi serivisi y'ubwikorezi akaba ari yo isonewe umusoro ku nyongeragaciro, kandi ubusonerwe bushyirwaho bukanakurwaho n'itegeko, nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 164 y'Itegeko Nshinga rya Repubukika y'u Rwanda. Avuga ko Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kitigeze gihakana ko iyo serivisi y'ubwikorezi MAFAM Ltd itayitanga cyangwa ko itemerewe kuyitanga, ndetse ko amategeko ateganya ko isonewe ku musoro ku nyongeragaciro, bityo ko nta mpamvu yo kutemera ubwo busonerwe mu gihe icyo bushingiyeho kidashidikanywaho mu buryo ubwo ari bwo bwose.

[12] Asobanura ko gukora inyemezabuguzi mu buryo butandukanya serivisi y'ubwikorezi n'ikiguzi cy'ibinyobwa ubwacyo bitabangamiye amategeko, kandi ko atari MAFAM Ltd ibikora yonyine, kuko na BRALIRWA igurisha ibinyobwa idaca TVA ku bwikorezi iba yakoreye MAFAM Ltd bujyanye no kuyigereza kuri *dépôt principal* ibinyobwa byayo. Ko rero ihame ryo kuresheshya abasoreshwa (*principe d'équité fiscale*) riba rigomba gukurikizwa kuko abasoreshwa bose bareshya imbere y'amategeko.

[13] Asobanura kandi ko mu myiregurire ya RRA, yavuze ko MAFAM Ltd ikata kuri buri kiguzi cy'ikaziye imwe amafaranga 300 iyita ay'ubwikorezi (transport), Urukiko rukabyemera rutyo ariko ko rwakoze imibare rugendeye kuri fagitire imwe yatanzwe nk'ikimenyetso mu Rukiko kandi n'izindi zose ari ko zikoze, rusanga ibivugwa na RRA ko ikata 300 Frw kuri buri kaziye atari byo, ariko rukabirengaho rukemeza ko koko MAFAM Ltd ikata

300 Frw kuri buri kaziye, naho andi asigara y'ikinyuranyo hagati y'ibiciro bya BRALIRWA n'igiciro MAFAM yagurishirijeho rutazi ibijyanye na yo.

[14] Avuga ko Urukiko rwabivuze muri aya magambo: « Ikigaragara ahubwo ni uko mu nyemezabuguzi yagaragajwe haruguru, yafataga igiciro yumvikanyeho na BRALIRWA igakuraho 300 Frw yita ay'ubwikorezi n'andi 100 Frw adatangirwa igisobanuro kandi yose akishyurwa n'umukiriya. Ibyo bigaragazwa n'uko Mutzig (33 cl) yayitanze kuri 9.910 Frw kandi ari 10.310 Frw, TURBO (50 cl) kuri 9.600 Frw kandi ari 10.000 Frw, TURBO (33 cl) kuri 7600 Frw kandi ari 8.000 Frw, AMSTEL (33 cl) kuri 11.700 Frw kandi ari 12.1000 Frw. Avuga ko ibyo byerekana ko amafaranga yishyurwaga n'umukiriya ari ay'ikiguzi cy'ibicuruzwa bya BRALIRWA, ariko yose atishyurirwaga umusoro wa TVA wuzuye, kuko hari ayo MAFAM Ltd yakuragaho 300 Frw iyita ay'ubwikorezi andi 100 Frw ntigaragaze impamvu yayo » nk'uko bigaragara mu gace ka 33 k'urubanza rujuririrwa.

[15] Asobanura ko Urukiko rwashatse guha agaciro imyiregurire ya RRA kandi rubona neza ko ibyo ivuga ko MAFAM Ltd ikata buri gihe 300 Frw kuri buri kaziye atari byo, rudasobanuye impamvu hagati y'igiciro MAFAM Ltd yagurishijeho n'icyo rwemeje ko cyashyizweho na BRALIRWA mu buryo budahinduka hazamo ikinyuranyo, ahubwo rukavuga ko « andi 100 Frw atagaragarizwa impamvu yayo », rwirengagije ingingo MAFAM Ltd yaburanishaga yuko gukurikiza ibiciro byashyizweho na BRALIRWA atari ihame, ahubwo ko ari ibyo BRALIRWA yifuzaga (recommended retail price : Rwf/bottle), mu gihe ingingo ya mbere (1) y'amasezerano zagiranye yateganyaga ko «umurunguzi (i.e. MAFAM Ltd) azakwirakwiza

ibinyobwa yubahiriza amategeko y'u Rwanda (...) harimo n'Itegeko rigenga ihiganwa mu bucuruzi», kandi ko iryo tegeko ryemera ko ibiciro bishyirwaho mu bwisanzure bw'ugura n'ugurisha, ndetse ko akenshi bishyirwaho n'ugurisha, bikaba bivuze ko ntawe utegeka uwo ari wese kugurisha ku giciro iki n'iki. Avuga ko kuba MAFAM Ltd yagabanyiriza ibiciro abo igurishije ibinyobwa ikabibatwarira, ariko ikabaca ikiguzi cy'uko kubibatwarira itabibujijwe, kuko yaba amasezerano yagiranye na BRALIRWA yaba n'amategeko agenga ubucuruzi muri rusange bitayibuzaga kubikora.

[16] Akomeza avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwirengagije ibijyanye no kwivuguruza kugaragazwa na RRA kuri icyo kibazo, aho cyari gisanzwe gikorera MAFAM Ltd igenzura ry'umu musoro, kigasanga uburyo yakoresheye bwo gutandukanya serivisi y'ubwikorezi n'agaciro k'ibinyobwa igurisha bihuye n'ibiteganywa n'amategeko, nk'uko bigaragazwa n'igenzura cyayikoreye mu mwaka wa 2014 no mu wa 2018. Ko kandi iyo gikoze igenzura, kiba kigamije gukosora no kwigisha, kuko iyo gisanze uburyo umusoresheye amenyekanisha umusoro buhuye n'ibyo amategeko ateganywa, bubimushimira bukamusaba kubikomeza atyo. Bityo ko kuba mu magenzura Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyakoze cyarasanze MAFAM Ltd imenyekanisha umusoro mu buryo bukurikije amategeko nta cyari gutuma idakomeza kubikora, ahubwo ko ari cyo kinyuranya n'ukuri mu guhindura ibyo cyari gisanzwe kizi kandi cyemera gishiraho indi mpamvu inyuranye n'ukuri kandi cyari cyarayishimye uburyo imenyekanishamo TVA mu bucuruzi ikora.

[17] Avuga na none ko mu gika cya 35 cy'urubanza RCOMA 00020/2021/HCC Urukiko rwavuze ko « bitatuma umusoro

iregera uteshwa agaciro kuko kuba iwubara mu buryo budahuye na serivisi y'ubwikorezi ikora, ahubwo ari ugufata ikiguzi cyishyuye ibicuruzwa ikakigabanya igice kimwe kikitwa ubwikorezi, bidahuye n'ibyo itegeko riteganywa, ahubwo ko ari uburyo bwo gutubya umusoro wa TVA iba igomba kwishyurwa watanzwe n'abakiriya bayo». Avuga kandi ko Amabwiriza ya RURA, RRA ishingiraho atashingirwaho kuko icyo ashirirwaho ari ukuzuzwa itegeko, ariko adashobora guteganywa ibyo itegeko ritavuze. Asoza asaba Urukiko gutegeka ko umusoro waciwe MAFAM Ltd kuri serivisi y'ubwikorezi iwusonewe uvanweho.

[18] Abajijwe umwihariko w'uru rubanza rugereranijwe n'ianza zabanje zaciwe n'inkiko harimo n'uru Rukiko ku bijyanye n'umusoro ku nyongeragaciro ucibwa abashyinzwe gutanga ibinyobwa bya BRALIRWA (*distributeurs*), avuga ko nta mwihariko uhari kuri iki kibazo kuko ikibazo kirimo gisa n'ibibazo byakemuwe n'uru Rukiko mu manza yashyize muri sisiteme ya IECMS.

[19] Uhagarariye RRA avuga ko uru rubanza rutandukanye n'ianza zabanje, ko muri izo manza abaciwe imisoro bagaragazaga ibyangombwa bibemerera gukora ubwikorezi bahawe na RURA. Ko kuba rero MAFAM Ltd nta burenganzira bwo gukora ubwikorezi yahawe n'Urwego rubishinzwe ntaho yahera ivuga ko ikora ubwikorezi. Akomeza avuga ko mu manza zabanje nubwo batagaragazaga ko bakoze ubwikorezi, ariko bari bafite ibyangombwa byerekana ko bakora ubwikorezi, ariko MAFAM Ltd itagaragaza ibimenyetso byerekana ko ikora ubwikorezi, ikaba idafite n'uruhushya yahawe na RURA bwo gukora ubwikorezi.

[20] Asobanura ko kuba ingingo ya 2 y'Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko n°37/2012 ryo

ku wa 09/11/2012 rishyiraho Umusoro ku nyongeragaciro, iteganya ko serivisi z'ubwikorezi zisonewe ari “serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababiherewe uruhushya”, ariko ko MAFAM Ltd itagaragaza uruhushya yahawe n'urwego rubishinzwe (RURA) rwo gukora ubwikorezi, kandi n'iyi iza kuba yarakoze ubwo bwikorezi budasonewe uwo musoro, ko MAFAM Ltd igaragaza icyemezo cya RURA gifite agaciro kuva ku wa 16/10/2019 kugeza ku wa 16/10/2020 kandi igenzura (*audit*) yakorewe rirebana n'imyaka ya 2015, 2016, 2017 na 2018; ko ibyo bivuze ko icyo cyangombwa igaragaza ntacyo cyafasha muri uru rubanza, akaba ari na byo Urukiko rw'Ubucuruzi rwashingiyeho ruvuga ko MAFAM Ltd yakoze amakosa ku buryo itasonerwa TVA.

[21] Akomeza avuga ko MAFAM Ltd ubwayo yiyemerera ko yakoze serivisi y'ubwikorezi itabifitiye uburenganzira, nyamara kuva mu mwaka wa 2011 hari amabwiriza agaragaza ko ukora serivisi y'ubwikorezi agomba kuba abifitiye uburenganzira ahabwa na RURA nubwo ubucuruzi buba bwandikishijwe muri RDB, bityo ko umusoro ku nyongeragaciro MAFAM Ltd yaciwe ukwiye kugumaho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 6,5^o,d, y'Itegeko N^o 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro iteganya ko serivisi y'ubwikorezi bwo gutwara ibintu mu nzira y'ubutaka isonewe umusoro ku nyongeragaciro

[23] Ingingo ya 2 y'Itegeko n^o 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko N^o 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro yahinduye

ingingo ya 6 yavuzwe haruguru iteganya ko serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababiherewe uruhushya zisonewe umusoro ku nyongeragaciro.

[24] Isesengura ry'izi ngingo zavuzwe haruguru rigaragaza ko ingingo ya 6,5^o,d, y'Itegeko N^o 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro yashyize ho ihame ko serivisi y'ubwikorezi isonewe umusoro ku nyongeragaciro. Bivuze ko uwakoraga serivisi y'ubwikorezi yari asonewe umusoro ku nyongeragaciro. Iyi ngingo yarahinduwe mu mwaka wa 2016 hongerwamo ikigombero (*condition*) cyo kugira ngo serivisi y'ubwikorezi isonerwe umusoro ku nyongeragaciro, ukora ubwo bwikorezi agomba kuba yarabiherewe uruhushya n'Urwego rubishinzwe. Mu yandi magambo, bivuze ko mbere y'uko ingingo ya 6, 5^o,d, y'Itegeko N^o 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ihinduka, icyasabwaga kwari ukugaragaza ko umuntu cyangwa ikigo runaka bikora ubwikorezi bitabaye ngombwa ko aba yabiherewe uburenganzira.

[25] Muri urubanza, hagomba gusuzumwa niba MAFAM Ltd yarakoze ubwikorezi, no kumenya niba igihe yakoraga ubwo bwikorezi yari isonewe umusoro ku nyongeragaciro hitabwa ku kubyo ingingo z'amategeko zavuzwe haruguru ziteganya no ku gihe umusoro uburwa waciriwe.

[26] Dosiye igaragaramo amasezerano y'imikoranire yo kurangura, MAFAM Ltd yakoranye na BRALIRWA ku wa 01/02/2015. Muri dosiye harimo na none fagitire yo ku wa 25/02/2016 igaragaza ko MAFAM Ltd yakoze ubwikorezi kandi inagaragaza amafaranga y'ubwikorezi MAFAM Ltd ivuga ko asonewe umusoro ku nyongeragaciro.

[27] Ku kibazo cyo kumenya niba MAFAM Ltd yarakoze ubwikorezi bw'ibinyobwa bya BRALIRWA, Urukiko rushingiye ku bimenyetso byibikijwe haruguru rurasanga nta gushindikanya ko MAFAM Ltd yakoze ubwikorezi bw'ibinyobwa bya BRALIRWA. Hashingiwe ku ngingo ya Ingingo ya 6,5°,d, y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, uko yubahirizwaga mbere yuko ihindurwa n'ingingo ya 2 y'Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, iyo ngingo ikaba yarateganyaga ko serivisi y'ubwikorezi bwo gutwara ibintu mu nzira y'ubutaka isonewe umusoro ku nyongeragaciro, kandi MAFAM Ltd ikaba yarakoze iyo serivisi y'ubwikorezi nk'uko bigaragazwa n'amasezerano ifitanye na BRALIRWA na fagitire yatanze, rurasanga MAFAM Ltd yari isonewe umusoro ku nyongeragaciro yaciwe mbere yo ku wa 15/10/2016, kuko ari bwo Itegeko ryongereyeho ko ukora iyo serivisi y'ubwikorezi agomba kuba yarabihereye uburenganzira.

[28] Urukiko rurasanga ibyo RRA ivuga ko Amabwiriza ya RURA yo mwaka wa 2011 yasabaga ko ukora ubwikorezi aba abifitiye uburenganzira ku buryo agomba kubahirizwa, bityo ko n'umusoro MAFAM Ltd yaciwe mbere ya 15/10/2016 wari wubahirije amategeko, nta shingiro byahabwa, kuko usibye ko ayo Mabwiriza yabayeho mbere y'Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ryateganyaga ko serivisi y'ubwikorezi isonewe nta kindi kigombero (*condition*), nta nubwo amabwiriza avuguruza itegeko, ahubwo icyo aba agamije ni ugushyira mu bikorwa itegeko no kurushaho kuryumvikanisha¹.

¹ Reba urubanza RCOMAA 00034/2020/CA rwaciwe ku wa 19/02/2021, haburana RRA na SODAR Ltd

[29] Ku byerekeranye n'umusoro wa nyuma yo ku wa 15/10/2016, Urukiko rurasanga ari ngombwa kureba niba MAFAM Ltd yakoze ubwikorezi ibifitiye uburenganzira. Urukiko rurasanga ikimenyetso kigaragara muri dosiye cyerekana ko MAFAM Ltd yari ifite uburenganzira ari icyo ku wa 16/10/2019², bivuze nyuma y'igihe umusoro uburwanwa waciriwe. Urukiko rurasanga kuba MAFAM Ltd idashoboye kugaragaza ko nyuma yo ku wa 15/10/2016, yakoze ubwikorezi ibifitiye uburenganzira butangwa na RURA, umusoro ku nyongeragaciro yaciwe guhera ku wa 15/10/2016, ubwo Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 9/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ryashyirwaho yawuciwe mu buryo bukurikije amategeko, ukaba ugomba kugumaho.

[30] Urukiko rurasanga ibyo uburanira MAFAM Ltd avuga ko yabonye uburenganzira bwo gukora serivisi y'ubwikorezi yahawe na RDB, kuko ku wa 19/07/2017 yandikishije ibikorwa byayo birimo na serivisi y'ubwikorezi muri RDB, nta shingiro byahabwa kuko kwandikisha ubucuruzi burimo n'ubwikorezi bitandukanye no guhabwa uburenganzira bwo gukora ubwikorezi. Urukiko rurasanga nk'uko byagiye bigaragazwa mu zindi manza zaciwe n'uru Rukiko³, nta na hamwe RDB itanga icyemezo cyo gukora serivisi y'ubwikorezi, ahubwo ubwo burenganzira butangwa na RURA, bivuze rero ko MAFAM Ltd yakoze serivisi y'ubwikorezi itabifitiye uburenganzira, bityo yagombaga gucibwa uwo musoro guhera ku wa 15/10/2016.

² Authorization for transport of goods) cyanzwe na RURA gifite agaciro guhera ku wa 16/10/2019 kugera ku wa 16/10/2020 ku modoka RAC 765 I

³ Reba urubanza RCOMAA 00001/2022/CA, rwaciwe ku wa 25/03/2022, haburana RRA na SRDS Ltd; urubanza RCOMAA 00057/2021/CA rwaciwe ku wa 25/03/2022, haburana RRA na SUGIRA Ltd

[31] Urukiko rurasanga na none ibyo MAFAM Ltd ivuga ko na nyuma y'aho Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuza itegeko n°37/2012 ryo ku wa 9/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro rigiriyeho, umusoro ku nyongeragaciro yakwishyura ari uwo yaciwe hagati yo ku wa 15/10/2016 kugeza ku wa 19/07/2017, ubwo yandikishaga ibikorwa by'ubwikorezi muri RDB nta shingiro byahabwa, kuko nk'uko byasobanuwe haruguru, MAFAM Ltd yagombaga kuba ifite uburenganzira yahawe na RURA, bityo n'umusoro yaciwe nyuma yo ku wa 19/07/2017 kugeza aho iboneye uburenganzira bwa RURA nawo yagombaga kuwucibwa, bityo nawo ukaba ugomba kugumaho.

[32] Ku bijyanye n'ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na RRA bwo kumenya niba MAFAM Ltd yaragaragaje icyangombwa cyo gukora ubwikorezi yahawe na RURA, no kumenya ibihe byasonerwaga umusoro wa TVA birebwa n'Itegeko n° 40/2016 ryo ku wa 15/10/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 37/2012 ryo ku wa 9/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, Urukiko rurasanga bwashubijwe mu bujurire bwa MAFAM Ltd bumaze gusuzumwa.

2. Kumenya niba amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka asabwa muri uru rubanza afite ishingiro

[33] Uhagarariye MAFAM Ltd ashingiye ku mabwiriza agena ibihembo mbonera by'abavoka, asaba Urukiko gutegeka RRA guha MAFAM Ltd 2.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

[34] Uhagarariye RRA yiregura ku mafaranga y'igihembo cya Avoka MAFAM Ltd isaba avuga ko idakwiye kuyahabwa kubera ko ari yo yishoye mu manza zidafite aho zishingiye, ko

ahubwo RRA ari yo igomba kuyahabwa. Ashingiye ku biteganywa n'ingingo ya 111 y'itegeko N°22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu asaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka MAFAM Ltd guha RRA 2.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ibyatanzwe kuri uru rubanza kuva rutangiye, kubera kuyishora mu manza zidafite ishingiro.

[35] Uhagarariye MAFAM Ltd yiregura ku mafaranga y'igihembo cya Avoka RRA isaba avuga ko nta shingiro afite, kuko ari ingaruka y'imigendekere y'urubanza, Urukiko rukaba ruyagenera uwo rwasanze afite ukuri mu rubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[36] Urukiko rurasanga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza asabwa muri uru rubanza adakwiye gutangwa kuko bigaragaye ko hari umusoro ku nyongeragaciro MAFAM Ltd yaciwe mu buryo bukurikije amategeko ariko hakaba hari n'uwo RRA yayiciye kandi yari uwosonewe.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[37] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na MAFAM Ltd bufite ishingiro kuri bimwe.

[38] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 00020/2021/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 24/12/2021 ihindutse kuri bimwe.

[39] Rwemeje ko MAFAM Ltd isonewe kwishyura umusoro ku nyongeragaciro (TVA) yaciwe wo kuva muri Gashyantare 2015 kugeza ku wa 15/10/2016.

[40] Rwemeje ko umusoro ku nyongeragaciro (TVA) MAFAM Ltd yaciwe guhera ku wa 15/10/2016 yawuciwe mu buryo bukurikije amategeko.

[41] Rutegetse MAFAM kwishyura umusoro ku nyongeragaciro (TVA) yaciwe guhera ku wa 15/10/2016, kuko yawuciwe mu buryo bukurikije amategeko.

[42] Ruvuze ko ingwate y'amagarama yatanzwe ihwanye n'ibyakoze mu rubanza.

**NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD
(NKTF LTD) N’UNDI v KIGALI LAW
CHAMBERS (KLC)**

[Rwanda URUKIKO RW’UBUJURIRE – RCOMAA
00003/2022/CA (Rukundakuvuga, PJ, Kanyange na Ngagi, J.)
17 Kamena 2022]

Amategeko agenga imanza z’ubucuruzi – Umwuga w’ubw’avoka – Ibihembo by’umwavoka – Ibihembo by’umwavoka n’igihembo cyose gishingiye ku masezerano Avoka agirana n’umugana mu rwego rwo kugira ngo agire icyo amufasha mu rwego rw’umwuga we nk’Avoka. – Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by’Abavoka, ingingo ya 40.

Amategeko agenga imanza z’ubucuruzi– Ibihembo by’umwavoka – Impaka zijyanye n’ibihembo by’avoka – Ikirego kirebana n’ibihembo by’Avoka – icyiciro cy’ubwumvikane gikorera mu Rugaga rw’Abavoka – Iyo impande zombi zirebana n’impaka zijyane n’ibihembo by’Avoka zananiwe kumvikana, bakagana inkiko, ibyabaye mu cyiciro cy’ubwumvikane mu Rugaga rw’Abavoka biba birangiye, nta zindi ngaruka bishobora kugira ku bireba ikirego cyaregewe urukiko, uretse kugenzura ko uwo muhango wabayeho cyangwa utabayeho gusa – Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by’Abavoka, ingingo ya 40.

Amategeko agenga imanza z’ubucuruzi – Amasezerano – Kumenya isesa ry’amasezerano mu buryo buteruye – Mu masezerano ashirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakanyongeraho igihe kiringaniye n’ubusanzwe umuntu ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyurwa ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko

rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano.

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Amasezerano – Iseswa ry'amasezerano mu buryo buteruye – Mu masezerano ashirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakanyongeraho igihe kiringaniye n'ubusanzwe umuntu ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyura ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano.

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Sosiyete – Imikorere y'amasosiyete – Indoor management rule – Amasezerano akozwe n'uhagarariye sosiyete agira agaciro mu maso y'uwo bayagiranye hatitawe ku makosa yaba yakoze mu micungire yayo.

Incamake y'ikibazo: KIGALI LAW CHAMBERS Ltd (KLC Ltd yari isanzwe yunganira mu mategeko NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd (NKTF Ltd) iri kumwe na NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd (NKTP Ltd) ku giciro cya 200.000 Frw buri kwezi zikishyura n'ubukode bw'aho KLC Ltd ikorera. Ku wa 01/02/2018 yagiranye amasezerano mashya na Nicholas WATSON wari Umuyobozi wazo; bumvikana ko azajya yishyurwa noneho 4.000 USD buri kwezi mu gihe cy'imyaka ibiri, uherye ku wa 01/01/2019. Inama y'Ubutegetsu nshya y'izo sosiyete yarateranye, ifata imyanzuro itandukanye, irimo no guhagarika ya masezerano KLC Ltd yari imaze gusinya, ariko ntiyayimenyesha ko yahagaritswe. Umuyobozi wa KLC Ltd yanditse ibaruwa yise integuza ya nyuma asaba kwishyurwa. Iyo baruwa ntiyasubijwe, bityo KLC Ltd iregera Urukiko rw'Ubucuruzi, maze rwanzura ko icyo kirego kidashobora

kwakirwa kuko KLC Ltd itanbanje kwiyambaza Urugaga rw'Abavoka

KLC Ltd yandikiye Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka amusaba gukemura icyo kibazo ariko ntirwashobora kugera ku mwanzuro impande zombi zumvikanyeho. Ubwo yongeye kuregera Urukiko rw'Ubucuruzi; uwo Rukiko rwemeza ko ikirego cyatanzwe na KIGALI LAW CHAMBERS Ltd gifite ishingiro, ruyigenera 96.000 USD, 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka, 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 20.000 Frw y'igarama. NKTF Ltd na NKTP Ltd ntizishimiye imikirize y'urubanza ziyijuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi maze narwo rwemeza ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse. NKTF Ltd na NKTP Ltd, zajuririye Urukiko rw'Ubujurire.

Incamake y'icyemezo: 1. Ibihembo by'umwavoka n'igihembo cyose gishingiye ku masezerano Avoka agirana n'umugana mu rwego rwo kugira ngo agire icyo amufasha mu rwego rw'umwuga we nk'Avoka.

2. Iyo impande zombi zirebana n'impaka zijyane n'ibihembo by'Avoka zananiwe kumvikana, bakagana inkiko, ibyabaye mu cyiciro cy'ubwumvikane mu Rugaga rw'Abavoka biba birangiye, nta zindi ngaruka bishobora kugira ku bireba ikirego cyaregewe urukiko, uretse kugenzura ko uwo muhango wabayeho cyangwa utabayeho gusa.

3. Amasezerano akozwe n'uhagarariye sosiyete agira agaciro mu maso y'uwo bayagiranye hatitawe ku makosa yaba yakoze mu micungire yayo.

4. Mu masezerano ashirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe ndetse hakanyongeraho igihe kiringaniye n'ubusanzwe umuntu

ashobora kwihanganira ko umubereyemo umwenda yibwiriza, kandi uruhande rwishyuza ntirukurikirane ubwishyu, bifatwa ko rwamenye mu buryo buteruye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano.

**Ubujurire bwa bufite ishingiro kuri bimwe.
Ubujurire bwuririye ku bundi nta shingiro bufite.
Imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse gusa ku
bijyanye n'amadorari abajuriye bagomba kwishyura
uregwa.**

**Abajuriye baomba gufatanya kwishyura uregwa amadorari
ibihumbi umunani (8.000 USD).**

Amagarama yatanzwe ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko n° 83/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, ingingo ya 27 na 64

Itegeko N°17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 142 na 151

Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya ya 88 na 89.

Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'Abavoka, ingingo ya 2 na 40.

Imanza zifashishijwe:

Urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00004/2020/SC; NEW KIGALI BUSINESS SERVICES Ltd v KASESE DISTILLERS Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/11/2021.

Inyandiko z'abahanga:

JT Pretorius; PA Delpont, Michelle Havenga & Maria Vermaas, South African Company Law through Cases, JUTA & CO, Ltd; 6th ed. 1999, p 346.

Véronique Wester-Ouisse, "Le préjudice moral des personnes morales: quand "la perversion de la cité commence par la fraude des mots", JCP, G n° 39,24 Septembre 2012.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] KIGALI LAW CHAMBERS Ltd ni "Law firm" ikora akazi ko kugira abantu inama mu mategeko no kuburanira abagana inkiko, ikuriwe na Me BANDORA Alfred. Mu mwaka wa 2014 yagiranye amasezerano y'igihe kizwi ashobora no kongerwa na NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd (NKTF Ltd) iri kumwe na NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd (NKTP Ltd) y'ubufasha mu by'amategeko no kuyibera umwanditsi, ku gihembo kingana na 200.000 Frw, no kwishyura inzu KIGALI LAW CHAMBERS Ltd ikoreramo. Ku wa 01/02/2018, habayeho guhinduka kw'amasezerano, KIGALI LAW CHAMBERS Ltd (KLC Ltd) isinyana amasezerano na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi wa NKTF Ltd na NKTP Ltd, Nicholas WATSON, ko igihembo ari 4.000 USD ku kwezi. Ku wa 01/12/2018, ku mpamvu zuko Nicholas WATSON atakundaga kuboneka yagiranye andi masezerano na KLC Ltd y'imyaka 2 yagomba gutangira 01 Mutarama 2019 akarangirana n'ukwezi ku Ukuboza 2020.

[2] Ku wa 19/01/2019 habaye inama y'Inama y'Ubutegetsi ya NKTf Ltd, yitabiriwe na MURENZI Jean na BANGANINKA Jacqueline, naho Nicholas WATSON atitabye, umwanditsi ari Me GASHAGAZA Philbert yemeza ko amafaranga yahabwaga Me BANDORA Alfred ahita ahagarikwa kuko nta rwego rwa sosiyete rwamushyizeho, ko na 4.000 USD yahabwaga mu buryo budasobanutse hashakishwa uburyo yagaruzwa. Ku wa 18/06/2019, KLC Ltd ihagarariwe n'umuyobozi wayo Me BANDORA Alfred yandikiye Umuyobozi wa NKTf Ltd na NKTP Ltd, amumenyesha ko amuhaye integuza ya nyuma yo kwishyurwa ibikubiye mu masezerano bagiranye ku wa 01/12/2018. Nyuma yo kudasubizwa KLC Ltd yareze NKTf Ltd na NKTP Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi ivuga ko zishe amasezerano bagiranye, isaba kwishyurwa 96.000 USD bumvikanye n'indishyi zitandukanye.

[3] Mu rubanza N° RCOM 01870/2019/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 27/12/2019, urwo Rukiko rushingiye ku ngingo 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'Abavoka rwemeje ko ikirego cya KLC Ltd kitakiriwe kuko itabanje gushyikiriza ikibazo Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka. Ku wa 09/01/2020, KLC Ltd ihagarariwe na Me BANDORA Alfred yandikiye Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka amusaba gukemura ikibazo ifitanye na NKTf Ltd na NKTP Ltd. Ku wa 28/07/2020, nyuma yo gusuzuma ibyo impande zombi zivuga, Umukuru w'Urugaga yandikiwe Me BANDORA Alfred ibaruwa amuha uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego. Ku wa 05/08/2020, KLC Ltd yareze NKTf Ltd na NKTP Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi ivuga ko zitashoboye kubahiriza amasezerano, kuko akazi KLC Ltd yakoraga zagahaye abandi hatabayeho gusesa amasezerano bari bafitanye, isaba ko ziyishyura 96.000 USD ahwanye n'imirimo

yakoze mu gihe cy'amezi 24 nk'uko bigaragara mu masezerano zagiranye, inasaba kugenerwa indishyi zitandukanye.

[4] Ababuranira NKTF Ltd na NKTP Ltd mu kwiregura ku ngingo zigize urubanza bavuze ko ibyo KLC Ltd isaba nta gaciro byahabwa, kuko amasezerano ishingiraho yakozwe mu buryo budakurikije amategeko, aho uwahoze ari Perezida w'Inama y'Ubutegetsi Nicholas WATSON yafashe icyemezo cyo kuzamura ibihembo igomba guhabwa, akabivana kuri 200.000 Frw akabigeza kuri 4.000 USD, bitabanje kwemezwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi; bityo ko indishyi KLC Ltd isaba idakwiye kuzihabwa.

[5] Mbere yo kwinjira mu mizi y'urubanza ababuranira NKTF Ltd na NKTP Ltd batanze inzitizi yo kutakira icyo kirego, bashingiye ku kuba Urukiko rw'Ubucuruzi rudafite ububasha bwo kukiburanisha kuko kitari mu rwego rw'ubucuruzi, n'indizitizi yuko ikibazo kitashyikirijwe Urugaga rw'Abavoka mu bihe biteganywa n'amategeko. Ku wa 08/12/2020, mu rubanza rubanziriza urundi, Urukiko rw'Ubucuruzi rwafashe icyemezo ko inzitizi zazamuwe na NKTF Ltd na NKTP Ltd nta shingiro zifite kubera ko amasezerano yakozwe mu nyungu z'ubucuruzi bwa NKTF Ltd na NKTP Ltd; no kuba amafaranga yishyuzwa azwi akaba nta mpaka ziri mu kuyagena.

[6] Mu iburanisha ryo ku wa 29/12/2020, ababuranira NKTF Ltd na NKTP Ltd basabye Urukiko kuba ruhagaritse iburanisha ku mpamvu z'uko hari ikirego cy'inshinjabyaha barega Me BANDORA Alfred, Nicholas WATSON na KLC Ltd kigukurikiranwa, banasaba ko Nicholas WATSON wahoze ari Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya NKTF Ltd na NKTP Ltd hamwe na Me BANDORA Alfred bagobokeshwa, maze Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeza ko iburanisha ry'urubanza rikomeza

kuko nta kirego cy'inshinjabyaha cyari mu nkiko, runasanga Nicholas WATSON na Me BANDORA Alfred batagobokeshwa kuko batashoboraga gutambamira imikirize y'urubanza.

[7] Mu rubanza N° RCOM 01250/2020/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 18/02/2021, urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cyatanzwe na KIGALI LAW CHAMBERS Ltd gifite ishingiro, ko NKTF Ltd na NKTP Ltd batubahirije amasezerano bagiranye na KLC Ltd, ko NKTF Ltd na NKTP Ltd bagomba kwishyura KLC Ltd 96.000 USD, 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka, 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 20.000 Frw y'igarama; rwemeza kandi ko nta rangizarubanza ry'agateganyo rizaba.

[8] NKTF Ltd na NKTP Ltd ntizishimiye imikirize y'urubanza ziyijuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zisaba urwo Rukiko gusuzuma niba icyo kirego cyaragombaga kwakirwa kandi kitarabanje gushyikirizwa Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu gihe cy'amezi abiri (2), niba Urukiko rw'Ubucuruzi rwari rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza, niba Urukiko rw'Ubucuruzi rwarafashe icyemezo rwirengagije amategeko shingiro ya sosiyete ziregwa, no gusuzuma niba Nicholas WATSON na BANDORA Alfred baragombaga kugobokeshwa ku rwego rwa mbere. KLC Ltd yireguye ivuga ko ubujurire bwa NKTF Ltd na NKTP Ltd nta shingiro bufite, itanga ubujurire bwuririye ku bundi, isaba Urukiko gusuzuma niba hakwiye gutegekwa irangizarubanza ry'agateganyo kuri 96.000 USD, inasaba indishyi z'akababaro, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[9] Ku wa 29/09/2021, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza N° RCOMA 00208/2021/HCC, rwemeza ko ubujurire bwatanzwe na NKTP Ltd na NKTF Ltd nta shingiro

bufite, ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na KLC Ltd nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza N° RCOM 01250/2020/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 18/02/2021 idahindutse, rutegeka ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

[10] NKTF Ltd na NKTP Ltd, zajuririye na none uru Rukiko, zivuga ko icyo KIGALI LAW CHAMBERS Ltd yaregeye ari igihembo cya Avoka, ko rero yagombaga kubanza kugeza icyo kibazo ku Mukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu gihe cy'amezi abiri (2) kuva aho impaka zivukiye nk'uko biteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka ko kandi amasezerano yo ku wa 01/2018 atagombaga gushingirwaho kuko atigeze yemezwa n'Inama y'Ubutegetsiki kandi ari yo iyobora izo sosiyete; ubujurire bwazo bwandikwa kuri N° RCOMAA 00003/2022/CA.

[11] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 04/05/2022, NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd & NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd zihagarariwe na Me NYILIDANDI Assiel afatanyije na Me HABINEZA Gasore Gilbert, naho KIGALI LAW CHAMBERS ihagarariwe na Me BANDORA Alfred.

[12] Muri rusange, mu iburanisha impaka z'impane zombi zibanze ku byerekeranye n'iyakirwa ry'ikirego cya KLC Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi NKTF Ltd na NKTP Ltd zivuga ko kitagombaga kwakirwa kuko imihango iteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka igomba gukorerwa mu Rugaga rw'Abavoka mbere y'uko ikirego nk'iki kiregerwa urukiko itubahirijwe, hamwe no kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaremeje ko KLC Ltd yishyurwa amafaranga iburana rushingiye ku masezerano yo ku wa

01/12/2018 yakozwe n'umuntu utabifitiye ububasha. KLC Ltd yo yakomeje kwemeza ko ibyo nta shingiro bifite, isaba ko hagumaho imikirize y'urubanza N° RCOMA 00208/2021/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Impande zombie kandi zasabye amafaranga y'ikurikiranarubanza n'indishyi zinyuranye.

[13] Urukiko, rushingiye kuri izo mpaka, rusanga hakwiye gusuzumwa ibibazo bikurikira:

- a. Kumenya niba ikibazo kiri hagati ya NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd & NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd na KIGALI LAW CHAMBERS Ltd kirebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka
- b. Kumenya niba hari ikosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze gushingira ku masezerano yo ku wa 01/12/2018.
- c. Ibyerekeye indishyi n'amafaranga y'ikurikiranarubanza.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba ikibazo kiri hagati ya NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd & NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd na KIGALI LAW CHAMBERS Ltd kirebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka.

[14] Abahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd banenga kuba mu mu gika cya 16 cy'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaravuze ko urubanza rwose rushingiye ku kuba haravutse ikibazo giturutse ku mikoranire kuko KLC Ltd yavugaga ko imirimo bakoraga yahawe abandi kandi hatarabayeho gusesa amasezerano, ko rero kuba byararegewe mu Rukiko hatitawe ku bihe biteganywa mu ngingo 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka mu Rwanda nta tegeko ryishwe, ibyo rukabikora rwirengagije ko icyari cyaregewe ari ukutubahiriza amasezerano no kwishyura igihembo kingana na 96.000 USD, bityo ayo madolari akaba agomba gufatwa nk'igihembo cya Avoka.

[15] Basobanura ko KLC Ltd yarengeje ibihe byo kugeza ikibazo ku Mukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, kuko ibaruwa ya nyuma KLC Ltd yandikiye NKTP Ltd na NKTF Ltd yayanditse ku wa 18/06/2019, akaba ari yo igombaga guherwaho habarwa ibihe byo kugeza ikibazo ku rugaga rw'Abavoka mu Rwanda. Basobanura ko KLC Ltd aho kubanza gushyikiriza ikibazo Urugaga rw'Abavoka, yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi mu rubanza N° RCOM 01870/2019/TC, ku wa 27/12/2019, Urukiko rwemeza ko icyo kirego kitakiriwe, kuko imihango iteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka mu Rwanda itubahirijwe; hanyuma ku wa 09/01/2020, KLC Ltd ishshyikiriza ikibazo Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, ubwumvikane ntibwagerwaho, Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka atanga uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego. Bityo rero, bavuga ko iyo urebye igihe ibaruwa ya nyuma yishyuzwa yatangiwe n'igihe ikibazo cyashyikirijwe Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, usanga ibihe by'amezi 2 biteganywa

n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza yavuzwe haruguru bitarubahirijwe.

[16] Uhagarariye KLC Ltd yiregura avuga ko ikibazo kiri hagati ya KLC Ltd na NKTP Ltd hamwe na NKTF Ltd kitarebwa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka kuko ikiregerwa ari ukutubahiriza amasezerano no kuyica, ko kandi nta mpaka zihari ku bijyanye n'igihembo kuko cyumvikanweho n'impande zombi muri ayo masezerano, ko ari nabyo inkiko zombi zemeje. Asobanura ko mu gika cya 14 cy'urubanza N° RCOM 01250/2020/TC, Urukiko rw'Ubucuruzi rwasobanuye neza impamvu inzitizi yatanzwe nta shingiro ifite kuko nta mpaka zabayeho ku bijyanye n'igihembo kingana na 96.000 USD yishyuzwa, kuko icyaregewe ari ukutubahiriza no kwica amasezerano y'akazi KLC Ltd yagiranye na NKTP Ltd na NKTF Ltd, ko kandi byashimangiwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi mu gika cya 16 cy'urubanza N° RCOMA 00208/2021/HCC, kuko nyuma y'isesengura rwakoze rwemeje ko icyaregewe ari ukutubahiriza amasezerano yagengaga imikoranire y'impande zayagiranye kandi akaba atarasheshwe. Bityo ko ingingo ya 40 y'Amabwiriza ntaho ihuriye n'urubanza kuko igihembo cyishyuzwa kitagibwaho impaka.

[17] Avuga kandi ko kuba KLC Ltd yarashyikirije iki kibazo Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka byari mu rwego rwo gukora ibyo Urukiko rwabasabye mu rubanza N° RCOM 01870/2019/TC ariko bo batemeranwaga n'icyo cyemezo kuko bagaragaje ko iki kibazo kitarebwa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka, ko kandi ari nabyo byemejwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi mu rubanza rujuririrwa. Avuga kandi ko Urukiko rw'Ubujuje rwasuzuma niba amezi abiri (2) ateganywa mu Mabwiriza

agenga ibihembo mbonera by'Abavoka ari indemyagihugu (*d'ordre public*) ku buryo kutayubahiriza byatuma ikirego kitakirwa mu Rukiko. Asoza asaba Urukiko rw'Ubujurire kudaha ishingiro iyi mpamvu y'ubujurire nk'uko n'inkiko zabanje zabyemeje.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[18] Nk'uko byagaragajwe haruguru, ikibazo ababuranyi bifuzako Urukiko rusuzuma kuri iyi ngingo y'ubujurire n'icyo kumenya niba ikibazo KLC Ltd ifitanye na NKTF hamwe na NKTP Ltd kirebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'Abavoka. Urukiko ruributsa ko muri iyi ngingo ya 40 havugwamo ibintu bibiri, aribyo: gushyikiriza Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka impaka zijyanye n'ibihembo bya Avoka, no kubikora mu gihe cy'amezi abiri uherye igihe izo mpaka zavukiye.

a Ku byerekeye gushyikiriza Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka impaka zijyanye no kugena no kwishyura ibihembo by'Avoka

[19] Ingingo ya 64, igika cya 2, y'Itegeko n° 83/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo iteganya ko: *“Impaka zijyanye n'ubwishyu zimenyeshwa Umukuru w'Urugaga kugira ngo yumvikanishe impande zombi.”*

[20] Ingingo ya 27, agace ka 3, y'Itegeko n° 83/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ivuga ko *“Inama y'Urugaga ifite inshingano zo gushyiraho amabwiriza agamije guteza imbere umwuga w'ubwavoka”*.

[21] Ingingo ya 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'Abavoka isobanura uko izo mpaka zerekeranye n'ibyo bihembo zikemurwa, muri aya magambo: *“Impaka zose zijyanye no kugena no kwishyura ibihembo by'Avoka zishyikirizwa Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu mezi abiri uhereye igihe izo mpaka zavukiye. Ikirego gitangwa n'uruhande rufite inyungu, yaba umukiriya utemera ibihembo byose cyangwa igice asabwa kwishyura, yaba avoka usaba kwishyurwa ibihembo bye. Inyandiko itanga ikirego igomba guherekezwa n'ibimenyetso.”* Naho ingingo ya 2, agace 1, y'ayo Mabwiriza isobanura icyo igihembo cy'Avoka ari cyo mu buryo bukurikira: *“Ibihembo by'Avoka ni igihembo cyangwa ikiguzi Avoka ahabwa n'umugana kubera imirimo yo mu rwego rusanze, iy'ubwenge n'iyogucunga dosiye aba yamukoreye, haba imirimo yo kumugira inama, yo gusuzuma ibimenyetso, yo kujya mu nama, kumushakira ibikenewe (harimo igihe cyo gutegereza n'ingendo), kumugira inama mu nyandiko, ibiganiro kuri telefone, kumutegurira amabaruwa n'izindi nyandiko zijyanye n'ianza, kumwunganira no kumuburanira, kumutangira ikirego, igihe amara mw'iburanisha, kumukurikiranira irangizwa ry'ianza n'ibindi bikorwa, harimo no gucunga dosiye”*. Iyo ngingo, mu gace kayo ka 2, inasobanura uko Amasezerano ahoraho avoka agirana n'umugana agomba kumvikana: *“amasezerano Avoka agirana n'umukiriya, uyu akiyemeza: gushinga Avoka dosiye ze zirebana n'ibibazo by'amategeko, zose cyangwa igice cyazo; kumwishyura, akenshi ku kwezi, igihembo kidahinduka hatitawe ku gaciro ka dosiye amushinze, cyangwa igihembo kidahinduka hiyongereyeho umubare w'amafaranga ushobora guhinduka hakurikijwe imirimo yakozwe, icyagezweho, cyangwa ikindi cyose cyashingirwaho cyumvikanyweho n'impande zombi.”*

[22] Izi ngingo zose zisomewe hamwe, zumvikanisha ko ibihembo by'Avoka ari ikiguzi Avoka ahabwa n'umugana kubera imirimo itandukanye yamukoreye, ko icyo gihembo gishobora gutangwa rimwe cyangwa kikaba icya buri kwezi bitewe n'amasezerano Avoka afitanye n'Umukiriya, ko kandi impaka zose zijyanye no kugena ibyo bihembo cyangwa kubyishyura zigomba kubanza gushyikirizwa Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka. Mu yandi magambo, bikwiye kumvikana ko igihembo cyose gishingiye ku masezerano Avoka agirana n'umugana mu rwego rwo kugira ngo agire icyo amufasha mu rwego rw'umwuga we nk'Avoka, afatwa nk'igihembo kirebwa n'iyi ngingo.

[23] Imikirize y'urubanza rujuririrwa N° RCOMA 00208/2021/HCC igaragaza ko ikibazo kiri muri uru rubanza ari ikibazo giturutse ku mikoranire kuko KLC Ltd ivuga ko imirimo yakoraga yahawe abandi kandi hatabayeho gusesa amasezerano inabisabira indishyi, ko rero nk'uko Urukiko rw'Ubucuruzi rwabyemeje mu rubanza N° RCOM 01870/2019/TC bitareba ibivugwa mu ngingo ya 40 y'Amabwiriza agena ibihembo by'Abavoka, bityo ko kuba byararegewe Urukiko hatitawe ku bihe biteganywa mu ngingo ya 40 y'amabwiriza agenga ibihembo mbonera by'abavoka, nta mategeko yishwe.

[24] Dosiye y'urubanza igaragaza amasezerano KLC Ltd ihagarariwe na Me BANDORA Alfred yagiranye n'Umuyobozi wa NKTP Ltd na NKTF Ltd Nicholas WATSON yashyizweho umukono ku wa 01/12/2018. Ayo masezerano agaragaza imirimo itandukanye KLC Ltd yagombaga gukora nk'Avoka, arimo kujya itanga inama mu by'amategeko, gutegura amasezerano y'ubucuruzi n'izindi nyandiko za ngombwa, no guhagararira

NKTF Ltd na NKTP Ltd mu nkiko, izi nazo ziyemeza kuja zishyura KLC Ltd 4000 USD buri kwezi.

[25] Dosiye y'urubanza igaragaramo kandi urubanza N° RCOM 01870/2019/TC rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 27/12/2019, aho KLC Ltd yaregaga NKTF Ltd na NKTP Ltd, ikiburanwa ari: *“Kwica amasezerano y'akazi no gusaba ko yacibwa indishyi z'akababaro za \$ 20,000 USD - Gutegeka uregwa kwishyura amezi 24 twari twemeranyije angana na \$ 96,000 USD - Gutegeka uregwa kwishyura indishyi”*. Muri urwo rubanza, Urukiko rw'Ubucuruzi rushingiye ku ngingo ya 64, igika cya 2, y'Itegeko n° 83/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka no ku ngingo 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 agena ibihembo mbonera by'Abavoka rwemeje ko ikirego cya KLC Ltd kitakiriwe kuko itabanje gushyikiriza ikibazo Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka.

[26] Dosiye y'urubanza igaragaramo ibaruwa yo ku wa 18/06/2019, KLC Ltd ihagarariwe n'umuyobozi wayo Me BANDORA Alfred yandikiye Umuyobozi wa NKTP Ltd na NKTF Ltd amuha integuza ya nyuma yo kwishyurwa ibikubiye mu masezerano bagiranye yashyizweho umukono ku wa 01/12/2018. Igaragaramo ibaruwa yo ku wa 09/01/2020, KLC Ltd ihagarariwe n'umuyobozi wayo Me BANDORA Alfred yandikiye Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka amusaba gukemura ikibazo KLC Ltd ifitanye na NKTF Ltd hamwe na NKTP Ltd cyo kuba izo kampani (companies) zitarubahirije amasezerano bagiranye. Igaragaramo kandi ibaruwa yo ku wa 28/07/2020, Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka yandikiye Me BANDORA Alfred amuha uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego kuko nta bwumvikane bwagezweho.

[27] Urukiko rurasanga ibyo Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko amasezerano KLC Ltd yagiranye na NKTF Ltd na NKTP Ltd ari amasezerano asanzwe ko nta mpaka ziyarimo, bityo ko atarebwa n'ingingo ya 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 yavuzwe haruguru nta shingiro bifite, ku mpamvu zikurikira:

- a. Nk'uko byasobanuwe mu bika bibanziriza iki, KLC Ltd yagiranye na NKTF Ltd na NKTP Ltd amasezerano kugira ngo izihe serivisi zavuzwe haruguru hanyuma nazo ziyemeza ko zizajya ziyihemba 4.000 USD ku kwezi, ziza kutumvikana ku iyishyurwa ry'icyo gihembo kiyavugwamo, nk'uko rero byasobanuwe by'umwihariko mu gika cya 23 cy'urubanza, igihembo cyose gishingiye ku masezerano Avoka agirana n'umugana mu rwego rwo kugira ngo agire icyo amufasha mu rwego rw'umwuga we nk'Avoka, ayo masezerano aba ashingiye ku gihembo kirebwa n'iyi ngingo.
- b. Nk'uko kandi byagaragajwe haruguru, hari urubanza N° RCOM 01870/2019/TC rwaciye n'Urukiko rw'Ubucuruzi ku wa 27/12/2019, aho urwo Rukiko rwemeje ko ikibazo cya KLC Ltd cyagombaga kubanza gushyikirizwaga Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka, kandi urwo rubanza ntirwajuririwe. Kuba rero rutarajuririwe kandi KLC Ltd ihagarariwe na Me BANDORA Alfred ikaba yarahisemo kubahiriza ibyemejwe muri urwo rubanza, kuko ku wa 09/01/2020 yashyikirije icyo kibazo Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka, ku wa 28/07/2020 ibaha

uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego kuko batabashije kumvikana, bigaragaza ko nawe yemeraga ko uwo muhango ugomba kubanza gukorwa mbere yo kuregera Urukiko, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 yavuzwe haruguru.

[28] Kubera izo mpamvu zose, uru Rukiko rurasanga nta mpaka zikiriho ku bijyanye no kumenya niba ikibazo cyerekeranye n'ibihembo by'Avoka byari ngombwa ko gishyikirizwa Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mbere yo kuregera Urukiko. Rurasanga ahubwo ikibazo kigomba gusuzumwa ari icyo kumenya niba kuba KLC Ltd yarashyikirije izo mpaka Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka nyuma y'amezi abiri (2) byaba impamvu ituma ikirego cyayo kitaragombaga kwakirwa mu Rukiko.

b. Kumenya niba kuba KLC Ltd yarashyikirije Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka impaka zijyanye n'ibihembo bya Avoka nyuma y'amezi abiri byaba impamvu ituma ikirego kitakirwa mu Rukiko

[29] Ingingo ya 40, igika cya 1, y'Amabwiriza N° 01/2014 yibukijwe haruguru iteganya ibikurikira: “Impaka zose zijyanye no kugena no kwishyura ibihembo by'Avoka zishyikirizwa Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu mezi abiri (2) uhereye igihe izo mpaka zavukiye. Ikirego gitangwa n'uruhande rufite inyungu, yaba umukiriya utemera ibihembo byose cyangwa igice asabwa kwishyura, yaba avoka usaba kwishyurwa ibihembo bye. Inyandiko itanga ikirego igomba guherekezwa n'ibimenyetso.” Igika cya 2 cy'iyi ngingo kikavuga ko “Umukuru w'Urugaga yakira ibirego akabyohereza Komisiyo y'Urugaga ishinzwe

ibihembo by'Abavoka na yo igahita itumiza impande zombi kugira ngo izumve; Komisiyo ishyikiriza raporo Umukuru w'Urugaga, na we agafata umwanzuro mu gihe ntarengwa cy'amezi abiri (2) uhereye igihe yashyikirijwe ikirego". Naho igika cya 8 cyayo kikongeraho ko "iyu Umukuru w'Urugaga amaze gufata umwanzuro akanawushyiraho umukono, awumenyesha impande zombi, zifite igihe cy'ukwezi kumwe (1) cyo kujuririra urukiko rubifitiye ububasha (ubujurire bw'ibanze kimwe n'ubujurire bwuririye ku bundi)".

[30] Nk'uko bigaragara ingingo ya 40 y'aya Mabwiriza mu duce twavuzwe mu gika kbanziriza iki, iteganya ibyiciro bibiri byo gukemuramo impaka zirebana n'ibihembo by'abavoka. Ni ukuvuga mu bwumvikane imbere y'Urugaga rw'Abavoka no mu Rukiko. Ibyo byiciro byombi bitegetswe kuba muri gahunda (*ordre*) ivugwa muri iyi ngingo, ariko buri cyose kigira amategeko yihariye n'imihango n'ibihe byubahiriza, buri cyose ku bikireba. Ni muri urwo rwego kuregera Urugaga bikorwa mu gihe kitarenze amezi abiri (2), mu gihe kuregera urukiko bikorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe. icyiciro cyo kuregera urukiko kiba ari uko icy'ubwumvikane cyananiranye, kurangira kw'icyo cyiciro bikagaragazwa n'uko Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka amenyesheje impande zombi umwanzuro wagezweho. Ibyo bivuze ko ibyabaye muri icyo cyiciro biba birangiye bikaba nta zindi ngaruka biba bigishobora kugira ku bireba ikirego cyaregewe urukiko, uretse kugenzura ko uwo muhango wabayeho cyangwa utabayeho gusa. Ibireba uburyo wakoze ntibiba bireba urukiko uretse igihe ibyo ari byo byaregewe. Ibyo bivuze ko umuburanyi ufite impamvu zituma atemera ko uwo muhango w'ubwumvikane ukorwa kubera kutubahirizwa kw'ibihe, aba agomba kwanga kuwujyamo, bityo ntunakorwe.

Naho iyo yemeye ko ukorwa, ntaba acyemerewe kwitwaza uburyo wakozwemo mu kwiregura (*en tant que défendeur*).

[31] Dosiye y'urubanza igaragaramo ibaruwa yo ku wa 18/06/2019, KLC Ltd ihagarariwe n'umuyobozi wayo Me BANDORA Alfred yandikiye Umuyobozi wa NKTP Ltd na NKTF Ltd amuha integuza ya nyuma yo kwishyurwa ibikubiye mu masezerano bagiranye yashyizweho umukono ku wa 01/12/2018. Iyi baruwa Umuhesha w'inkiko yagaragaje ko yayohereje Nicholas WATSON kuri e-mail ye.

[32] Dosiye igaragaramo ibaruwa yo ku wa 09/01/2020, KLC Ltd ihagarariwe n'umuyobozi wayo Me BANDORA Alfred yandikiye Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka amusaba gukemura ikibazo KLC Ltd ifitanye na NKTF Ltd na NKTP Ltd cyo kuba izo sosiyete zitarubahirije amasezerano bagiranye, no kuba zitarayishyuye ibihembo bya Avoka bihwaye na 96.000 USD nk'uko byumvikanyweho mu masezerano.

[33] Dosiye igaragaramo ibaruwa yo ku wa 28/07/2020, Umukuru w'Urugaga yandikiye Me BANDORA Alfred amuha uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego. Muri iyo baruwa Umukuru w'Urugaga agaragaza ko ashingiye ko impande zombi zandikiwe zisabwa ibisobanuro kuri iki kibazo ndetse zigasubiza, ko ashingiye kandi ko impande zombi zahamagawe mu muhango wo kubumvikanisha (mediation) wo ku wa 26/05/2020 ariko ntizibashe kumvikana, ko abahaye uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzego akaba arizo zibakemurira ikibazo.

[34] Urukiko rurasanga mu gihe impande zombi zemeye ko Urugaga rw'Abavoka ruzihuza ntihagire ubigiraho ikibazo, no ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'ibihe kuri urwo rwego NKTF Ltd na NKTP Ltd ntizigaragaze ko zibifiteho ikibazo ahubwo zikareka

umuhango ukaba ukarangira, ntizinabiregere ngo zivuge ko uwo muhango wabaye mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ntaho zahera zivuga ko igikorwa cy'ubwunzi ku rwego rw'Urugaga rw'Abavoka kitubahirije igihe giteganywa n'ingingo ya 40 y'Amabwiriza yavuzwe haruguru.

[35] Kubera izo mpamvu zose, Urukiko rurasanga ibivugwa n'abahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd ko ikirego cya KLC Ltd kitagombaga kwakirwa kuko igihe cy'amezi (2) cyo kugeza ikibazo ku Mukuru w'Urugaga rw'Abavoka kitubahijwe, nta shingiro bifite kubera impamvu zasobanuwe haruguru; bityo iyi mpamvu y'ubujurire ikaba nta shingiro ifite.

2. Kumenya niba hari ikosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze mu gushingira ku masezerano yo ku wa 01/12/2018

[36] Abahagarariye NKTP Ltd na NKTF Ltd ntibishimiye ko ku rupapuro rwa 12 mu gika cya 27 cy'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi mu gufata icyemezo rwashimangiye ibyemejwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi ko KLC Ltd itari ifite inshingano zo kumenya niba ibikubiye mu masezerano yo ku wa 01/12/2018 abagize Inama y'Ubutegetsi bari babanje kubyemeza, ko ngo icy'ingenzi ari uko ayo masezerano yashyizweho umukono na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi w'izo sosiyeti zombi. Bavuga ko ibyo binyuranyije n'amategeko, yaba amategeko yagengaga amasosiyete mu Rwanda yari ariho icyo gihe ndetse n'amategeko shingiro y'izo sosiyete kuko zose zari ziyobowe n'Inama y'Ubutegetsi (ngo binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 145 n'ya 147 z'Itegeko rigenga amasosiyete, n'ingingo ya 15 y'Amategeko shingiro ya sosiyete) kandi ikaba ari nayo yabanzaga kwiga ku myanzuro yose ireba izo sosiyete, nyamara hakaba nta nama n'imwe yigeze iterana, yaba

iy'abanyamigabane yaba iy'abagize inama y'ubutegetsu ngo ibyigeho ibifateho icyemezo. Bavuga ko Nicholas WATSON nta bubasha yari afite bwo gukorana amasezerano na KLC Ltd bitemejwe n'Inama y'Ubutegetsu y'izo sosiyete zombi kuko kuba uwasinnye yari Perezida w'Inama y'Ubutegetsu bitamuhaga uburenganzira bwo gukora ibitemejwe n'Inama y'Ubutegetsu; ko ahubwo ibyo yakoze yabikoze agamije guhombya izo sosiyete.

[37] Bakomeza bavuga ko ibyo uhagarariye KLC Ltd avuga ko bemera amasezerano yo ku wa 01/02/2018 atari byo kuko batayemera, ko n'ayo ku wa 01/12/2018 ari nayo aregerwa muri uru rubanza batayemera, kandi ko Inama y'Ubutegetsu y'izo sosiyete zombi yateranye ku wa 19/01/2019 yashyizeho ubuyobozi bushya, WATSON Nicholas akaba atakiri we Perezida w'Inama y'Ubutegetsu ndetse inama ya nyuma yayoboye akaba ari nayo KLC Ltd aheruka kwitabira, ari iyabaye ku wa 14/03/2017.

[38] Uhagarariye KLC Ltd avuga ko Nicholas WATSON yasinye nka Perezida w'Inama y'Ubutegetsu ya NKTF Ltd na NKTP Ltd, akaba yari afite ububasha bwo gusinya amasezerano, kandi akaba atari gusinywa n'abagize Inama y'Ubutegetsu bose. Avuga kandi ko nta n'ikigaragaza ko Inama y'Ubutegetsu itateranye, ko nta kuntu KLC Ltd yari kumenya niba Inama y'Ubutegetsu y'izo sosiyete zombi yarateranye cyangwa niba itateranye kuko ibyo bimenywa na ba nyiri imigabane b'izo sosiyete. Asobanura ko icyaregwe ari ubwishyu bushingiye ku masezerano yagiranye n'ubifitiye ububasha ari we Perezida w'Inama y'Ubutegetsu wa sosiyete zombi wayashyizeho umukono, kandi ko NKTF Ltd na NKTP Ltd zidahakana ayo masezerano, ko iyo ziza kuba zitayemera zari kuyaregera zisaba ko aseswa, aho gutegereza kuregwa ko zanze kwishyura. Avuga

kandi ko amasezerano yo ku wa 01/02/2018, agaragaza ko KLC Ltd igomba guhembwa 4 000 USD buri kwezi nayo yasinywe na Nicholas WATSON nka Perezida w'Inama y'Ubutegetsi kuko yashyizweho muri Kamena 2018, ko kandi ayo masezerano yo bayishyuye, akibaza impamvu bemera ayo, hanyuma bagahakana ayo ku wa 01/12/2018 aburanwa muri uru rubanza kandi yose yarasinywe na Nicholas WATSON nka Perezida w'Inama y'Ubutegetsi w'izo sosiyete zombi.

[39] Akomeza avuga ko ayo masezerano yo ku wa 01/12/2018 nta nenge afite kuko uwayasinye n'ubwo atari mu Rwanda ariko yabihamije neza muri "AFFIDAVIT" yakoze iriho n'umukono wa Noteri w'iwabo, akayohereza kuri *e-mail* kubera icyorezo cya COVID 19 cyariho, akaba atarabashaga gukora ingendo kubera izabukuru. Avuga kandi ko *Registration certificate* ya BARCO Trading Ltd igaragaza ko Nicholas WATSON n'abana be aribo ba nyiri iyo company yo mu mahanga yaje no kugura imigabane muri NKTF Ltd na NKTF Ltd, ko BARCO Trading Ltd ya Nicholas WATSON ifite imigabane irenga 92% muri izo sosiyete zombi, ko ibyo ubihuje n'ibiteganywa n'Itegeko rigenga amasosiyete ryakoreshwaga muri 2018, uhita ubona ko nyiri BARCO Trading Ltd yari afite uburenganzira busesuye bwo gusinya mu mwanya w'Inama y'Ubutegetsi kuko ari we ufitemo imigabane myinshi. Avuga na none ko Nicholas WATSON ari we ukiri Perezida w'Inama y'Ubutegetsi, ko hari indi nama yitabiriye ku wa 11/06/2018 yashyizweho umukono na Noteri.

[40] Abajijwe niba KLC Ltd yarahembwaga 4.000 USD ari uko ikoze cyangwa niba yarayahembwaga akazi kahaba cyangwa katahaba, asubiza ko ku kwezi KLC Ltd yagombaga guhembwa 4.000 USD nk'uko bikubiye mu ngingo ya 2 y'amasezerano yo ku wa 01/12/2018, ko kandi hari igihe akazi

kabaga ari kenshi ubundi kakaba ari gake, ko akazi KLC Ltd yagombaga gukora kari kavugwa muri ayo masezerano. Ku byerekeye kumenya niba yakoraze koko imirimo ikubiye muri ayo masezerano, yavuze ko bayikoze; abajijwe uwo bahaga raporo kuva ku wa 01/01/2019, asubiza ko uko bakoraga mbere ariko bakomeje gukora, ko bamubwiraga icyo agomba gukora akagikora, ko bajyaga Nshili kureba ko nta bibazo izo sosiyete zifite kuko Umuyobozi Mukuru yari amaze kugenda, kandi ko raporo yayitangaga *online*. Asoza avuga ko asaba Urukiko kudaha ishingiro iyi mpamvu y'ubujurire, no gutegeka NKTF Ltd na NKTP Ltd kwihutira kwishyura KLC Ltd.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[41] Urukiko rusanga impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba amasezerano KLC Ltd ishingiraho yishyura igihembo yarasinywe n'ubifitiye ububasha kimwe no kumenya niba igomba kwishyurwa amafaranga yose ateganywa n'ayo masezerano.

a. Kumenya niba amasezerano KLC Ltd ishingiraho yishyura yarasinywe n'ubifitiye ububasha

[42] NKTF Ltd na NKTP Ltd zivuga ko Nicholas WATSON wasinye amasezerano nka Perezida w'Inama y'Ubutegetsi yabikoze nta burenganzira abifitiye kuko nta Nama y'Ubutegetsi yateranye ngo ibimwemerere; mu gihe KLC Ltd yo ivuga ko atari ubwa mbere Nicholas WATSON amusinyira amasezerano nk'ayo, kandi akaba yarayishyuye nta kibazo. Mu gukemura izi mpaka, Urukiko ruragenzura uburyo ibyemezo byo gusinya amasezerano nk'aya muri NKTF Ltd na NKTP Ltd byafatwaga.

[43] Ingingo ya 151, igika cya 2, y'Itegeko N°17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ryakoreshwaga igihe amasezerano yashyirwagaho umukono iteganya ibikurikira: “Abagize Inama y'Ubutegetsu bakorera hamwe bafatanyije mu buyobozi kandi bagomba kuba bangana n'umubare uteganyijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kugira ngo inama iterane.”

[44] Ingingo ya 142, igika cya 1, y'Itegeko N°17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 ryavuzwe haruguru iteganya ibikurikira: “Imirimo n'ibikorwa by'isosiyete biyoborwa cyangwa bikarebererwa n'Inama y'Ubutegetsu yayo ifite ububasha bwose bukenewe muri ubwo buyobozi, keretse mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa iri tegeko biha ubwo bubasha abanyamigabane cyangwa undi muntu”

[45] Ingingo ya 15 y'amategeko agenga NKTF Ltd na NKTP Ltd havugwamo ko imicungire ya sosiyete ikurikiranwa n'Inama y'Ubutegetsu; ko ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsu ya sosiyete bifatwa ku buryo bwemewe iyo hari umubare wa ngombwa w'abaje mu nama n'igihe buri cyemezo cyabonye ubwiganze bw'amajwi keretse haramutse hari izindi ngingo zigenwa n'amategeko zikurikizwa icyo gihe.

[46] Izi ngingo zisomewe hamwe, zigaragaza ko Inama y'Ubutegetsu ari yo ifite ububasha bwo kugirana amasezerano n'abandi bantu. icyakora itegeko ntirigaragaza uko bigenda iyo umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsu afashe icyemezo kitemerwa n'abagize Inama y'Ubutegetsu. Ibi ariko byagiye bihabwa igisubizo kimaze gusa n'icyemerwa mu mahame agenga imicungire y'amasosiyete. Muri rusange, icyemezo cy'umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsu gifatwa nk'aho cyafashwe n'abagize Inama y'Ubutegetsu mu buryo bwemewe n'amategeko

mu maso y'abagiranye amasezerano n'iyo sosiyete¹. Mu yandi magambo, sosiyete ntishobora kutishyura abo yagiranye nabo amasezerano yitwaje ko umuyobozi wayo hari ibyo atubahirije. Ahubwo, iyo ikibazo nk'icyo kivutse, ingaruka zabyo ziryoze uwo muyobozi w'Inama y'Ubutegetsi ku giti cye ariko nabwo bigaragaye ko yarengereye ububasha bwe.

[47] Dosiye y'urubanza igaragararamo amasezerano yo ku wa 01/12/2018, NKTF Ltd na NKTP Ltd zihagarariwe na Nicholas WATSON zagiranye na KLC Ltd ihagarariwe n'Umuyozozi Mukuru wayo BANDORA Alfred. Muri ayo masezerano izo sosiyeti zombi zemeranyijwe na KLC Ltd ko ari yo izajya ibafasha mu bijyanye na serivisi zijyanye n'amategeko nk'uko bikubiye mu ngingo ya mbere y'ayo masezerano, ko kandi KLC Ltd izajya ihembwa 4 000 USD ku kwezi nk'uko ingingo ya kabiri y'ayo masezerano ibiteganyaga; akaba kandi yaragombaga gutangira gukurikizwa ku wa 01/01/2019, akamara igihe cy'imyaka ibiri ariko gishobora kongerwa, ni ukuvuga ko yari kurangira ku wa 31/12/2020.²

¹ Ibi bishingira ku ihame bise “**Indoor management rule**”. This rule allows persons dealing with a company, namely through the managing director, to assume that all matters concerning internal management and procedure have been complied with. See JT Pretorius; PA Delpont, Michelle Havenga & Maria Vermaas, *South African Company Law through Cases*, JUTA & CO, Ltd; 6th ed.1999, p 346.

² *Art. 1: The duties of the Law firm shall be to provide the client with legal counsel, draft business agreements and prepare such other legal documents as the situation may necessitate, represent the client in the courts of law in Rwanda and perform such other judicial duties where the client has interests. Art. 2: The Law Firm shall be entitled to a consolidated payment of \$ 4000 US (Four Thousand American Dollars) as monthly retainer fees for the services as stipulated in the Article 1 of this contract. Art. 3: This agreement commences on 1st January 2019 and is valid for a period of two years (24 months) renewable upon agreement writing by the client and the Law Firm.*

[48] Muri dosiye hagaragaramo inyandikomvugo y'inama ya NKTF Ltd n'ya NKTP Ltd yo ku wa 14/03/2017 igaragaza ko Nicholas WATSON atorewe kuyobora Inama y'ubutegetsi mu gihe cy'amezi 12.

[49] Dosiye igaragaramo inyandikomvugo y'Inama y'Ubutegetsi ya NKTF Ltd yo ku wa 19/01/2019. Iyo nyandikomvugo igaragaza ko abagize Inama y'Ubutegetsi ari MURENZI Jean, BANGANINKA Jacqueline na Nicholas WATSON (utari witabye). Abitabiriye inama bemeje ko imirimo y'inama iyoborwa na MURENZI Jean, ko Me GASHAGAZA Philbert ayibera Umwanditsi. Muri iyo nama hemejwe ko amafaranga yahabwaga Me BANDORA Alfred ahita ahagarikwa kuko nta rwego rwa sosiyete rwamushyizeho, ko na 4.000 USD yahabwaga mu buryo budasobanutse hashakishwa uburyo yagaruzwa.

[50] Urukiko rurasanga abahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd zagiranye amasezerano na KLC Ltd badahakana ko Nicholas WATSON yari Perezida w'Inama y'Ubutegetsi w'izo sosiyeti zombi mu gihe ayo masezerano yakorwaga, ahubwo bavuga ko amasezerano Nicholas WATSON yagiranye na KLC Ltd yagombaga kuba yemejwe n'Inama y'Ubutegetsi, kuko ari yo iyobora sosiyeti, ko rero kuba itarabyemeje, amasezerano yo ku wa 01/12/2018, nta gaciro agomba guhabwa.

[51] Urukiko rurasanga, kuba abahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd bemera ko ku wa 01/12/2018, ubwo amasezerano yakorwaga Nicholas WATSON yari Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya NKTF Ltd na NKTP Ltd, zidashobora kuyahakana zitwaje ko yasinywe n'umuyobozi wayo atabyemerewe n'Inama y'Ubutegetsi kuko nk'uko byasobanuwe mu gika cya 47 ibikozwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi

bifatwa nk'ibyakozwe na Sosiyete mu maso y'abandi bantu. Byongeye kandi, kuba hari andi masezerano yo ku wa 01/02/2018, Nicholas WATSON ahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd yagiranye na KLC Ltd y'uko iyi izajya ihembwa 4.000 USD ku kwezi, agashyirwa mu bikorwa ndetse abandi bagize Inama y'Ubutegetsi bakaba batarabimuregeye, Urukiko rurasanga bigaragaza ko bemera ko Nicholas WATSON nka Perezida w'Inama y'Ubutegetsi w'izi sosiyete zombi yari yemerewe gukora amasezerano azihagarariye. Bityo, iyi ikaba atari inenge yatuma amasezerano yo ku wa 01/12/2018 adahabwa agaciro.

[52] Ku bivugwa n'abahagarariye NKTF Ltd na NKTP Ltd ko Nicholas WATSON nta bubasha yari afite bwo gukorana amasezerano na KLC Ltd bitemejwe n'Inama y'Ubutegetsi y'izo sosiyete zombi, ko amasezerano yo ku wa 01/02/2018 yakozwe mu buryo butandukanye n'ibiteganywa n'ingingo ya 145 na 147 y'itegeko N°17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyeti y'ubucuruzi ngo kuko Nicholas WATSON yakoresheje ububasha yari afite akayasinya Inama y'Ubutegetsi itateranye ngo ibyemeze, Urukiko rurasanga nta shingiro bifite kuko izo ngingo zitabuza Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi kugira ibyemezo afata mu izina rya Sosiyete; ahubwo nk'uko nabyo byanasobanuwe haruguru, izo ngingo zikaba ntacyo zikemura kuri izi mpaka.

b. Kumenya niba KLC Ltd igomba kwishyurwa amafaranga yose ateganywa masezerano yo ku wa 01/12/2018

[53] NKTF Ltd na NKTP Ltd zivugaga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutagomba gushingira ku masezerano yo ku wa 01/12/2018 ngo ruzitegeke kwishyura KLC Ltd 96.000 USD

kuko ayo masezerano itayemera kuko yasinyawe n'utabifitiye ububasha, ko ntacyo KLC Ltd yigeze ikora iyashingiyeho, kuko yagombaga gushyirwa mu bikorwa kuva ku wa 01/01/2019 agomba kumara igihe cy'imyaka ibiri, ariko akaba yaraje guhagarikwa n'Inama y'Ubutegetsu yateranye ku wa 19/01/2019.

[54] KLC Ltd ivuga ko nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze rushingira ku masezerano yo ku wa 01/12/2018 maze rugategeka NKTF Ltd na NKTP Ltd kwishyura KLC Ltd 96.000 USD, kuko Nicholas WATSON yayasinye akiri Perezida w'Inama y'Ubutegetsu akaba yari afite ububasha bwo gusinya ayo masezerano. Ku byo kuba ntacyo yakoraga avuga ko nta shingiro byahabwa kuko yakomeje gukora nk'uko byari bisanzwe atanga raporo *online*. Naho ku bijyanye n'iseswa ry'amasezerano avuga ko yasheshwe n'abatabifitiye ububasha ko kandi atabimenyeshwe

[55] Mu gukemura izi mpaka, Urukiko rurasuzuma niba amasezerano yo ku wa 01/12/2018 atari gukomeza kubahirizwa mu gihe inama yo ku wa 19/01/2019 yemeje ko asheshwe ariko ntibimenyeshwe KLC Ltd.

[56] Ingingo ya 89 y'Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko "iyu ufite inshingano ahakanye inshingano, uko guhakana inshingano biha urundi ruhande uburenganzira bwo gusaba indishyi zishingiye ku nshingano zose zari zisigaye. ...". icyakora, ingingo ya 91, agace 1, yongeraho ko "Inshingano zo kuriha indishyi z'akababaro zishingiye ku guhakana inshingano zivaho iyo bigaragara ko uruhande rwereganyeye na rwo rutari gukora igisabwa".

[57] Izi ngingo zombi zisomewe hamwe zumvikanisha ko iyo habaye kutubahiriza ibikubiye mu masezerano, ariko urundi

ruhanda narwo rukaba rudakora inshingano zarwo, uruhanda rutayubahirije rufite inshingano yo kwishyura urwo rundi hashingiwe ku bimaze gukorwa. Ibi bishimangirwa mu ihame dusanga mu ngingo ya 84 ivuga ko *“Uruhanda rumwe (rudashobora) gusaba urundi ruhanda kurangiza inshingano zarwo rutabanje gukora ibyo rwasabwaga by’ingenzi mu gihe hari inshingano magirirane”*, hamwe n’ibiteganywa mu ngingo ya 82 aho igira iti *“ Iyo igice cy’ibisabwa ari cyo kigomba kwishyurwa gusa icyarimwe, urundi ruhanda rushobora kwishyura igice cyagereranwa n’inshingano zarangiye, keretse bigaragaye ukundi, hakurikijwe uko ibintu biteye”*.

[58] Ingingo ya 88 y’Itegeko ryavuzwe ikemura impaka ku byerekeranye no kumenya igihe guhakana inshingano byabereye. Ibivuga muri aya magambo: *“Guhakana inshingano bishobora gukorwa mu buryo bukurikira:*

1. 1° inyandiko ufite inshingano ahaye ugenewe inshingano imumenyesha ko atazakora igisabwa;
2. 2° gukora ku bushake igikorwa kigaragaza ko ufite inshingano atazakora igisabwa”.

[59] Bivuze ko uruhanda ruhakana inshingano rushobora kubikora mu buryo bweruye rumenyesha urundi mu nyandiko cyangwa rukabikora mu buryo buteruye rukora igikorwa kigaragaza ko rutazubahiriza inshingano zarwo, nko kwanga kwishyura kandi igihe cyo kwishyura cyageze. Mu yandi magambo, iyo igihe cyo kwishyurwa kigeze, uruhanda rugomba kwishyurwa ntwishyurwe, ruba rufite inshingano yo kubaza impamvu, bityo rukamenya ko nta cyahindutse ku nshingano zo kwishyura, naho ubundi ku muni rwagombaga kwishyurwa, iyo rutishyurwe bifatwa ko rwamenye ko urundi ruhanda rwiya buye inshingano.

[60] Mu magambo make, hashingiwe ku isesengura ry'ingingo zivuzwe mu bika bibanziriza iki, mu masezerano ashwirwa mu bikorwa mu byiciro, iyo igihe cyo kwishyurwa icyiciro kirangiye ntikishyurwe kandi uruhande rwishyurwa ntirukurikirane ubwishyurwa, bifatwa ko rwamenye ko urundi ruhande rwiya mbuye inshingano, bityo rukishyurwa imirimo yakozwe kugeza ubwo.

[61] Nk'uko byagaragajwe, amasezerano KLC Ltd yagiranye na NKTP Ltd na NKTF Ltd ku wa 01/12/2018 yagombaga gutangira gushyirwa mu bikorwa ku wa 01/01/2019. Ayo masezerano agaragaza ko KLC Ltd yagombaga guhembwa buri kwezi 4.000 USD mu gihe cy'imyaka ibiri (2). Bivuze ko ari amasezerano yagombaga kwishyurwa mu byiciro, buri icyiciro kikaba kingana n'ukwezi kumwe, kandi hakishyurwa ibyakozwe muri uko kwezi.

[62] Ku wa 19/01/2019, ubuyobozi bushya bwa NKTP Ltd na NKTF Ltd buhagarariwe na Bwana MURENZI Jean bwakoze inama y'Inama y'Ubutegetsi, ifata ibyemezo bitandukanye birimo no guhagarika amasezerano KLC Ltd yagiranye na NKTP Ltd na NKTF Ltd yavuzwe mu gika kibanziriza iki. Iki cyemezo ariko nticyigeze kimenyeshwa KLC Ltd mu buryo bwemewe, ahubwo ukwezi gushize, ntibigeze bamwishyura nk'uko byari biteganyijwe. icyakora na KLC Ltd, nyuma y'ukwezi, ntishyurwa igihembo cy'ukwezi bari barumvikanye mu masezerano, ahubwo yishyurwa ku wa 18/06/2019. Bivuze ko KLC Ltd yamenye ko NKTP Ltd na NKTF Ltd ziyambuye inshingano zo kwishyurwa mu buryo butemewe ku wa 31/01/2019, ubwo ukwezi kwari gushize, ikabona itishyurwa. Ibyo kuba yarabimenye kare mbere y'uko yishyurwa binashimangirwa n'uko mu ibaruwa ye yo ku wa 18/06/2019 yandikiye Umuyobozi wa NKTP Ltd na NKTF Ltd yamuhaga integuzi ya nyuma yo

kwishyurwa ibikubiye mu masezerano bagiranye yashyizweho umukono ku wa 01/12/2018; gutanga integuza ya nyuma bigaragaza ko yari yabanje kugerageza ubundi buryo busanzwe.

[63] Ikindi kigaragara cyavuzwe n'uruhande rwa NKTP Ltd na NKTF Ltd kandi na KLC Ltd ikaba nta kimenyetso yatanze kibihinyuza, ni uko nta kigaragaza ko kuva amasezerano yaseswa yakomeje gukora.

[64] Urukiko rushingiye kuri ibi bisobanuro byatanzwe no ku mategeko yasobanuwe cyane cyane mu bika bya 61 na 62, rurasanga nyuma yo guhagarika amasezerano, NKTP Ltd na NKTF Ltd zari ziyambuye inshingano zazo, ariko kuko zitabimenyesheje KLC Ltd mu buryo bweruye, bikaba bigomba gufatwa ko KLC Ltd yabimenye mu buryo buteruye, ubwo ukwezi kwashiraga ntiyishyuze. Urukiko rusanga ariko na none mu migenzereze isanzwe cyane cyane ishingiyeye mu muco nyarwanda, bishoboka ko igihe umuntu yagombaga kwishyura kigera ntiyishyuze, ahubwo akiha akanya gato ngo arebe ko ugomba kwishyura yibwiriza. Ibyo ariko na none bikaba bitagomba kurenga ukwezi gukurikiyeho. Ni muri urwo rwego Urukiko rusanga KLC Ltd igomba guhemberwa ukwezi kwa Mutarama 2019 hamwe n'ukwa Gashyantare 2019 hashingiye ku kuba ari icyo gihe ikwiye kuba yaramenyeyeho ko amasezerano yari ifitanye na NKTP Ltd na NKTF Ltd yasheshwe; ibyo bikaba bihwanye n'amadorari y'Amerika ibihumbi bine ku kwezi mu gihe cy'amezi abiri; yose hamwe akaba ari amadolari y'Amerika ibihumbi umunani: $(4.000 \text{ USD} \times 2) = 8.000 \text{ USD}$).

B. UBURIRE BWURIRIYE KU BUNDI BWA KLC Ltd

1. Kumenya niba KLC Ltd yaragombaga kugenerwa indishyi z'akababaro

[65] Abahagarariye KLC Ltd basabye Urukiko gutegeka NKTF Ltd na NKTF Ltd guha KLC Ltd indishyi z'akababaro zingana na 20.000 USD, kubera akarengane gakomeye gashingiye ku cyenewabo, kuko yazikoreye neza imyaka myinshi, zikagera kuri byinshi ku bwayo, ariko ko uwo bita MURENZI Jean waje nyuma yiyita Chairman yashatse kuyambura isoko akariha muramu we, akaba ari na ryo pfundo ry'iki kirego.

[66] Abahagarariye NKTF Ltd na NKTF Ltd biregura ku ndishyi z'akababaro KLC Ltd isaba bavuga ko nta shingiro zikwiye guhabwa kuko sosiyete bahagarariye zigaragaza ko amasezerano ashingirwaho anyuranyije n'amategeko shingiro yazo, hamwe n'ingingo ya 54 y'Itegeko N° 13 bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'Ubunoteri, iteganya uburyo inyangirakose zemejwe n'umunoteri wo mu mahanga zigira agaciro mu Rwanda, ariko ko inzira amasezerano yo ku wa 01/12/2008 yagombaga kunyuramo kugira ngo agire agaciro itubahirijwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[67] Dosiye y'urubanza igaragaza ko KLC Ltd yasabye indishyi z'akababaro zihwanye na 20.000 USD kuva ku rwego rwa mbere mu Rukiko rw'Ubucuruzi ariko urwo Rukiko rusanga nta shingiro zifite kuko n'ubundi amasezerano bagiranye yari afite igihe kizwi yagombaga kumara, ko kandi kuba bavuga ko

nta cyizere cyo kongera gukorana nabo bitatangirwa indishyi. Yongeye kuzisaba mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urwo Rukiko rusanga KLC Ltd ari sosiyete nk'uko babyivugiye, ko rero itari umuntu yagira akababaro, izo ndishyi ikaba ntazo yagenerwa.

[68] Ibyerekeye kuba sosiyete cyangwa ikigo bitahabwa indishyi z'akababa kuko atari umuntu, uwo murongo Urukiko rw'Ikirenga rwarawuhinduye mu rubanza N° RS/INJUST/RCOM 00004/2020/SC rwaciwe ku wa 19/11/2021, NEW KIGALI BUSINESS SERVICES Ltd yaburanye na KASESE DISTILLERS Ltd, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/11/2021, aho mu gika cya 48, rwavuze ibikurikira : “Urukiko rurasanga umurongo Urukiko rw'Ikirenga rwari rwaragendeyeho mu gufata icyemezo mu rubanza Bralirwa Ltd yaburanaga na Kazigaba André na bagenzi be, rwifashishije inyandiko z'abahanga, ari wo inkiko z'ibindi bihugu zasubiyeho, ndetse n'inyandiko nshya z'abahanga mu mategeko mbonezamubano zivuga ko utakijyanye n'igihe. Muri bo hari Véronique Wester Ouisse uvuga ko ntawari ukwiye guhakana ko sosiyete zishobora gusaba indishyi z'akababaro kubera ko nk'uko bimeze ku bantu, icyubahiro cyazo, icyizere zifitiwe n'uburyo zifatwa muri rubanda bishobora kubangamirwa kandi bikagira ingaruka ku mibereho yazo, bityo ko ikibazo kidakwiye kureberwa gusa ku bikorwa by'ubucuruzi. Icyakora, asobanura ko sosiyete yifuza indishyi z'akababaro igomba kubanza kugaragaza icyo yangirijwe”³.

³ “*Au vrai, nul ne disconvient qu'une société commerciale puisse subir un dommage moral, au sens d'une atteinte à la personnalité sociale qu'elle a pu se forger aux yeux du public : la considération, la réputation voire l'honneur ne sont pas propres aux personnes physiques. Mais une société ne devrait pas pouvoir en tirer réparation que si un préjudice en résulte. Or, pour admettre*

[69] Urukiko rw'Ikirenga rwasobanuye ko iby'uko sosiyete z'ubucuruzi cyangwa ibigo bishobora guhabwa indishyi z'akababaro bimaze kuba ihame ry'amategeko agenga uburyozwe. icyakora izo ndishyi ziba zigamije gusa uburyozwe bushingiye ku buryo rubanda rushobora gutakariza icyizere sosiyete cyangwa ikigo (*réputation/reputation*) cyangwa bukaba bushingiye ku kugaruza icyubahiro cya sosiyete cyangwa ikigo kubera ko izina ryacyo ryasebejwe (*honneur/honor*). Ibi byumvikanisha ko ikigo cyangwa sosiyete (k)itasaba indishyi z'akababaro z'uko (c)yatewe agahinda (*angoisse/distress*), (c)yababajwe ku mubiri cyangwa ku mutima (*blesure physique ou mental/ physical or mental hurt*) cyangwa (c)yasuzuguwe (humiliation) kuko ibi ari umwihariko w'abantu (*personne physique*). Byongeye kandi sosiyete ntiyahabwa indishyi z'akababaro itabanje kugaragaza icyo yangirijwe. Rusobanura kandi ko indishyi z'akababaro zihabwa sosiyete cyangwa ikigo ziba zigamije gusa kugaruza agaciro iyo sosiyete cyangwa ikigo byatakaje aho kuba ibyo yahombye (*restauration de l'honneur ou de la réputation/ restoration of the honor or reputation*)⁴.

[70] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa mu bika bibanziriza iki, Urukiko rurasanga 20.000 USD y'indishyi z'akababaro, KLC Ltd isaba nta shingiro zahabwa kuko itigeze itakarizwa icyizere na rubanda (*réputation/reputation*) cyangwa ngo ibe yatakaje icyubahiro kubera ko izina ryayo ryasebejwe (*honneur/honor*), ku

qu'elle puisse subir un préjudice moral, il faudrait reconnaître que son image, son crédit, sa réputation lui servent à autre chose qu'à développer 'activité commerciale qui borne son objet social et donc sa personnalité juridique.' ; Véronique Wester-Ouisse, "Le préjudice moral des personnes morales : quand "la perversion de la cité commence par la fraude des mots", JCP, G n° 39,24 Septembre 2012.

⁴ Reba igika cya 50 n'icya 51 by'urubanza N° RS/INJUST/RCOM 00004/2020/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/11/2021.

buryo yagenerwa indishyi z'akababaro, bityo nta ndishyi z'akababaro igomba guhabwa muri uru rubanza.

Kumenya niba amafaranga y'ibyakoreshejwe mu rubanza asabwa n'impande zombi afite ishingiro

[71] Abahagarariye NKTP Ltd na NKTF Ltd bashingiye ku ngingo ya 34 y'Amabwiriza n°01/2014 agena ibihembo mbonera by'Abavoka, basaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka KLC Ltd kwishyura NKTF na NKTP 5.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza zari zasabye kuva ku rwego rwa mbere kugera mu bujurire na 2.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka kuri uru rwego. Bavuga kandi ko amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka KLC Ltd isaba mu bujurire bwuririye ku bundi nta shingiro akwiye guhabwa.

[72] Uhagarariye KLC Ltd avuga ko ihame ry'amategeko ari uko ntawushingira ku makosa ye ngo ayabyaze inyungu, ko kubera iyo mpamvu nta ndishyi NKTF na NKTP zikwiye guhabwa, kuko ari zo zabaye nyirabayazana w'izi manza, zanga kubahiriza amasezerano yo ku wa 01/12/2018 zagiranye nayo kandi *Chairman* wayasinye ari nawe wasinye ayayabanjirije.

[73] Avuga kandi ko bashingiye ku ngingo ya 152 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, basaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka NKTF Ltd na NKTP Ltd gufatanya gusubiza KLC Ltd 12.000.000 Frw y'ibihembo by'Abavoka, kuko kuva mu Rukiko rw'Ubucuruzi KLC Ltd yaburanirwaga n'abavoka batatu, ibihembo byabo bikaba bigomba kugenwa hitawe ku mubare wabo, ni ukuvuga

4.000.000 Frw kuri buri rwego na 5.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[74] Ku bijyanye n'amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza asabwa n'impende zombi muri uru rubanza, Urukiko rurasanga nta ruhande na rumwe rugomba kuyahabwa kuko buri ruhande rufite ibyo rwatsindiye n'ibyo rwatsindiwe.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[75] Rwemeje ko ubujurire bwa NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd na NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd bufite ishingiro kuri bimwe.

[76] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na KIGALI LAW CHAMBERS nta shingiro bufite.

[77] Rwemeje ko imikirize y'urubanza No RCOMA 00208/2021/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 29/09/2021, ihindutse gusa ku bijyanye n'amadorari NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd na NSHILI KIVU TEA PLANTATION Ltd zigomba kwishyura KIGALI LAW CHAMBERS.

[78] Rutegetse NSHILI KIVU TEA FACTORY Ltd na NSHILI KIVU TEA PLANTATION gufatanya kwishyura KIGALI LAW CHAMBERS amadorari ibihumbi umunani (8.000 USD).

[79] Ruvuze ko amagarama yatanzwe ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

URUBANZA NSHIJYABYAHA

UBUSHINJACYAHA v NZABONIMPA

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPA 00059/2018/CA
(Rugabirwa, P.J., Kaliwabo na Tugireyezu J.) 15 Nyakanga 2019]

Amategeko agenga imanza z'inshinjabyaha – Ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Mu manza nshinjabyaha ibimenyetso byose bishatswe ku buryo buhuje n'amategeko bireemerwa, icyakora imvugo zitangiwe mu zindi nzego zitari iz'ikurikiranacyaha cyangwa mu rukiko, zigomba gushyigikirwa n'ibindi bimenyetso kugira ngo zigire agaciro gahamya ushinjwa icyaha.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye Rukiko Rukuru Uregereko rwa Musanze, uregwa akurikiranywe n'ubushinjacyaha ashinjwa gutera inkunga umutwe wa FDLR, awugemurira ibyo kurya. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rumuhamya icyaha cyo kugira uruhare mu bikorwa by'ishyirahamwe ry'iterabwoba, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 15. Mu gufata icyo cyemezo, urwo Rukiko rwashingiye ku buhamya bwatanze n'uwitwa Makombe no ku mvugo y'uregwa yakoreye imbere y'umusirikare wamwakiriye igihe yavaga muri RDC, no kuba izo mvugo zihuriza ku kuba uregwa yaragemuriraga ibyo kurya abagize umutwe wa FDLR akanabacumbikira, ndetse ngo akaba yarabashyikirizaga amakuru arebana n'ingabo z'u Rwanda.

Uregwa yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ivugururwa ry'ububasha bw'inkiko, urubanza rushyikirizwa Urukiko rw'Ubujurire, yaburanye avuga ko yahamijwe icyaha atakoze, kuko hashingiwe ku buhamya bw'uwitwa Makombe wamumenesheje mu murima we agamije kuwigarurira, ko uwamushinje ari nawe wamushimuse amuvanye mu rugo rwe,

nyamara nta wundi mutangabuhamya umushinja gukorana n'abarwanyari ba FDLR. Yajuriye kandi ahakana imvugo yavugiye imbere y'umusirikare wamwakiriye ngo kuko yayemejwe ku gahato.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko nta nyungu umutangabuhamya yari afite mu gushinja uregwa kandi ibyo amushinja nawe ubwe akaba yarabyemeye imbere y'umusirikare wamwakiriye, kandi ko ubuhamya bwatangiwe imbere y'umusirikare bufite agaciro kuko nawe ari umugenzacyaha wa gisirikare.

Incamake y'icyemezo: 1. Nubwo mu manza nshinjabyaha ibimenyetso byose bishatswe ku buryo buhujwe n'amategeko byemerwa, nyamara agaciro kabyo karutanwa hakurikijwe ubwoko bwabyo n'uburyo byabonetsemo. Niyo mpamvu ubuhamya butangiwe mu zindi nzego zitari iz'iperereza cyangwa mu Rukiko, bugomba gushyigikirwa n'ibindi bimenyetso kugira ngo bugire agaciro gahamya ushinjwa icyaha.

**Ubujurire bufite ishingiro;
Uregwa ni umwere.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165.

Itegeko N° 15/2004 ryo kuwa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Ingingo ya 65.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Nzabonimpa David wabarizwaga muri Groupement ya BUHUMBA muri RDC, yafashwe ashinjwa gutera inkunga umutwe wa FDLR, awugemurira ibyo kurya ndetse no kubaha amakuru arebana na positions z'abasirikare b'u Rwanda. MAKOMBE Deo, umuyobozi wa Groupement ya BUHUMBA yamushyikirije ingabo z'u Rwanda zikorera ku mupaka wa Kabuhanga, ndetse atanga n'ubuhamywa avuga ko NZABONIMPA David asuzugura ubutegetsi bwabo, yitwaje ko akorana n'abarwanyi ba FDLR, akaba abagemurira ibyo kurya, ahitwa i Rugali.

[2] Ku wa 31/12/2019, NZABONIMPA David yabajijwe n'umusirikare wamwakiriye, Sgt RUKUNDO, amwemerera ko afatanyije na MAKOMBE Deo bakusanyije ibyo kurya, hanyuma akabijyana kuri "dépôt" iherereye i Rugali, aho abarwanyi ba FDLR babisanze. Yavuze kandi ko hari n'igihe bamwe mu barwanyi ba FDLR bazaga iwe gutwara ibyo kurya babaguriye, abo yibuka amazina yabo akaba ari KAMURE, CYITATIRE na SIBOMANA.

[3] NZABONIMPA David yashyikirijwe Ubugenzacyaha, abazwa ahakana icyaha, avuga ko yafashwe ku kagambane ka MAKOMBE Deo kuko yashakaga kumwambura isambu ye, kandi ko kubera iyo mpamvu, uyu yamenesheje umugore n'abana be, ko atemera imvugo ye yakoreye mu nzego za gisirikare kuko yayemejwe ku gahato. Iyi myiregurire niyo yakomeje kugeza mu Rukiko Rukuru rwamuciriye urubanza ku rwego rwa mbere.

[4] Uregereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Musanze, rwaciye urubanza n° RP 00002/2017/HC/HC/MUS ku wa 10/04/2018,

rwahamije NZABONIMPA David icyaha cyo kugira uruhare mu bikorwa by'ishyirahamwe ry'iterabwoba, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 15.

[5] Mu gufata icyo cyemezo, urwo Rukiko rwashingiye ku buhamya bwatanzwe na MAKOMBE Deo no ku mvugo ya NZABONIMPA Deo yakoreye imbere y'umusirikare wamwakiriye igihe yavaga muri RDC, no kuba izo mvugo zihuriza ku kuba NZABONIMPA yaragemuriraga ibyo kurya abagize umutwe wa FDLR akanabacumbikira, ndetse ngo akaba yarabashyikirizaga amakuru arebana n'ingabo z'u Rwanda.

[6] NZABONIMPA David yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, ubujurire bwe bwandikwa kuri n° RPA 00015/2018/SC, nyuma y'ivugururwa ry'ububasha bw'inkiko, urubanza rushyikirizwa Urukiko rw'Ubujurire, aho bwanditswe kuri n° RPA 00059/2018/CA, hashingiwe ku ngingo ya 52 n'ya 105 z'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko.

[7] NZABONIMPA David yunganiwe na Me NKUNDIRUMWANA Joseph, yajuriye avuga ko yahamijwe icyaha atakoze, kuko hashingiwe ku buhamya bwa MAKOMBE Deo wamumenesheje mu murima we agamije kuwigarurira, ko uwamushinje ari nawe wamushimuse amuvanye mu rugo rwe, nyamara nta wundi mutangabuhamya umushinja gukorana n'abarwanyari ba FDLR. Yajuriye kandi ahakana imvugo yavugiye imbere y'umusirikare wamwakiriye kuko yayemejwe ku gahato.

[8] Ubushinjacyaha buhagarariwe na RUDATINYA Gaspard, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu, buvuga ko nta nyungu MAKOMBE Deo yari afite mu gushinja NZABONIMPA kandi ibyo amushinja nawe ubwe akaba yarabyemeye imbere y'umusirikare wamwakiriye, bityo ko MAKOMBE Deo yavugiye imbere ya Sgt

RUKUNDO ifite agaciro kayo kuko nawe ari umugenzacyaha wa gisirikare.

[9] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 30/05/2019, NZABONIMPA David yunganiwe na Me NKUNDIRUMWANA Joseph, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na RUDATINYA Gaspard, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

[10] Muri uru rubanza, Urukiko rukaba rugiyeye gusuzuma niba ubuhamya bwa Makombe n'imvugo ya NZABONIMPA David byakorewe imbere ya Sgt RUKUNDO bishobora gufatwa nk'ibimenyetso bihamya ZABONIMPA David icyaha

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

- 1. Kumenya niba inyandiko mvugo yo ku wa 31/12/2016 y'ibazwa rya NZABONIMPA David n'ubuhamya bwa MAKOMBE Deo bishobora gufatwa nk'ibimenyetso bimuhamya icyaha aregwa.**

[11] NZABONIMPA David avuga ko Urukiko Rukuru rwahaye agaciro inyandiko mvugo y'ibazwa rye ryakorewe imbere y'umusirikare wamwakiriye, nyamara ngo ibiyikubiyemo akaba atabyemera kuko yabyemejwe ku bw'ibikorwa bibabaza umubiri yakorewe, kandi ko akigezwa imbere y'Umugenzacyaha yavugurije iyi nyandiko. NZABONIMPA David avuga kandi ko iyo mvugo ye iza gufatwaho ukuri, na MAKOMBE Deo yari gukurikiranwa kuko nawe yamuvuze mu bo bafatanyaga kugemurira abarwanyu ba FDLR.

[12] NZABONIMPA David yasobanuye ko yashimuswe na MAKOMBE Deo wari Chef de Groupement ya BUHUMBA (RDC),

aho nawe yari atuye, amuziza isambu ye kuko yashakaga kuyimwambura, ndetse ko na nyuma yo kumufata, yahise amenyesha umugore n'abana be. Avuga kandi ko, uyu muyobozi yahoraga amwaka amafaranga (ikoro), amubwira ko ni atayatangana azamusubiza iwabo mu Rwanda, ngo uwo mugambi akaba ariwo yashyize mu bikorwa ubwo yamubeshyeraga ko akorana na FDLR, bityo ko atemera ubuhamya bwa MAKOMBE Deo mu gihe ibikorwa amushinja nta wundi mutangabuhamya wigeze abyemeza.

[13] Me NKUNDIRUMWANA Joseph, wunganira NZABONIMPA David, avuga ko uwo yunganiye yagambaniwe na MAKOMBE Deo kubera amakimbirane bari bafitanye kuko uyu yamuhimbiye icyaha kidafitiye ibimenyetso kubera ko ariwe mutangabuhamya rukumbi ubimushinja. Avuga kandi ko NZABONIMPA David yashinjwe icyaha cyo gutanga amakuru arebana n'ingabo z'u Rwanda ariko abamushinja ntibasobanure amakuru yatanze n'uwo yayashyikirije.

[14] Me NKUNDIRUMWANA Joseph avuga kandi ko inyandiko mvugo yakorewe imbere ya Sgt RUKUNDO, umusirikare wakiriye NZABONIMPA David, itagombye kuba ikimenyetso gishinja uwo yunganira kuko byakozwe n'umukozi utabifitiye ububasha, kandi ko ibiyikubiyemo NZABONIMPA David yabivuguruje akigera mu Bugenzacyaha, aho yisobanuye nta gahato ashyizweho n'umusirikare wamubajije.

[15] Ubushinjacyaha buvuga ko bujurire bwa NZABONIMPA David nta gaciro bufite kubera ko ibazwa rye ryakozwe n'umusirikare ufite ububasha bwo gukora iperereza, kandi ko ibyo yabajijwe yabyisobanuyeho mu bwisanzure, ko atashoboraga gushyirwaho agahato ngo ibisobanuro yatanze bihuze neza n'uburyo MAKOMBE Deo, umushinja, abisobanura. Avuga kandi ko NZABONIMPA David yagiye yivuguruza ku birebana n'amakimbirane yari afitanye na

MAKOMBE kuko yatangiye avuga ko uyu yabanje kumenesha umugore n'abana be, ariko ko imbere y'uru Rukiko avuga ko MAKOMBE Deo yabirukanye nyuma y'ifungwa rye. Ubushinjacyaha busoza buvuga ko NZABONIMPA David yashinje MAKOMBE Deo kuba barafatanyije mu kugemurira abarwanyari ba FDLR agamije kumwihimuraho, ariko ko atagomba kwireguza kuko kuba uwo ashinja atarakurikiranwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[16] Ingingo ya 65 y'Itegeko No 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko: “Urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa.”

[17] Urukiko rurasanga, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, mu guhamya icyaha NZABONIMPA David rwashingiye ku kimenyetso kimwe rukumbi kigizwe n'imvugo yavugiye mu nzego za gisirikare ku wa 31/12/2016, akimara gushyikirizwa ingabo z'u Rwanda, aho yemeraga icyaha akanasobanura uburyo yakoranaga na FDRL, maze urwo Rukiko rwemeza ko iyo mvugo isobanura ku buryo burambuye imikorere y'icyaha, ko kandi NZABONIMPA David atashoboye kugaragaza ikimenyetso cy'uko yashyizweho agahato, cyangwa amakimbirane yaba yari afitanye na MAKOMBE Deo wamushinje icyo cyaha.

[18] Urukiko rurasanga MAKOMBE Deo, wari Chef de Groupement de BUHUMBA, akaba yarafashe NZABONIMPA David akanamushyikiriza ingabo z'u Rwanda, ari nawe wenyine umushinja gukorana na FDLR, kandi muri iyo mvugo ye, MAKOMBE Deo

akaba anahamya ko NZABONIMPA David amusuzugura yitwaje ko akorana n'abayobozi ba FDLR.

[19] Urukiko rurasanga, ubuhamya bw'umuntu umwe, wari usanzwe ari n'umuyobozi wa NZABONIMPA David, univugira ko NZABONIMPA David amusuzugura, ndetse agashinjwa n'uwo yafashe ko yamenesheje umugore we n'abana, birutera ugushidikanya ku cyaha amushinja cyo gukorana n'umutwe w'iteraboba wa FDLR.

[20] Urukiko rurasanga, n'ubwo mu manza nshinjabyaha ibimenyetso byose bishatswe ku buryo buhuje n'amategeko byemerwa, nyamara agaciro kabyo karutanwa hakurikijwe ubwoko bwabyo n'uburyo byabonetsemo. Niyo mpamvu ubuhamya butangiwe mu zindi nzego zitari iz'iperereza cyangwa mu Rukiko, bugomba gushyigikirwa n'ibindi bimenyetso kugira ngo bugire agaciro gahamya ushinjwa icyaha.

[21] Urukiko rurasanga imvugo ya NZABONIMPA David yavugiye mu rwego rwa gisirikare ku wa 31/12/2016, ariko akaba yarahise ayivuguruzwa akigera mu Bugenzacyaha, itafatwa nk'ikimenyetso cyihagije kigaragaza ko yakoze icyaha mu gihe iyo mvugo itunganiwe n'ikindi kimenyetso.

[22] Urukiko rurasanga, nta gikorwa na kimwe Ubushinjacyaha bwatanze kigaragaza ko NZABONIMPA yatanze amakuru mu mutwe wa FDLR arebana n'ingabo z'u Rwanda, bityo iki cyaha akaba akwiye kugihanagurwaho kuko yagihamijwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze nta bimenyetso bikimushinja.

[23] Urukiko rurasanga, NZABONIMPA David agomba kugirwa mwere ku byaha akurikiranyweho ku bwo gushidikanya ku bijyanye n'bimenyetso byatanzwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 165 y'Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize

y’ianza z’inshinjabyaha, iteganya ko “Gushidikanya birengera ushinjwa. Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze”

III. ICYEMEZO CY’URUKIKO

[24] Rwemeje ko ubujurire bwa NZABONIMPA David bufite ishingiro ;

[25] Rwemeje ko NZABONIMPA David agizwe umwere ku cyaha cyo gukorana n’umutwe w’iterabwoba ;

[26] Ruvuze ko imikirize y’urubanza n° RP 00002/2017/HC/MUS rwaciye n’Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, ku wa 10/04/2018, ihindutse mu ngingo zarwo zose;

[27] Rutegetse ko NZABONIMPA David ahita afungurwa urubanza rukimara gusomwa ;

[28] Rutegetse ko amagarama y’uru rubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

**RWANDA LAW
REPORTS**

ENGLISH VERSION

TABLE OF CONTENTS

TEAM OF EDITORS.....	iii
I. LAW REPORTING TEAM.....	iii
II. MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE	v
PREFACE	vii
SCOPE OF THE REPORTS	ix
CITATION	ix
LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED.....	xi
LIST OF CASES CONSIDERED.....	xiii
SUBJECT INDEX.....	xv
BANQUE POPULAIRE DU RWANDA ATLAS MARA PLC V. NKUSI.....	1
Re BIZIMANA.....	27
MANIRARORA v. RWANDA RUDNIKI LTD	35
MUTWARE v. GUARANTY TRUST BANK (RWANDA) Ltd	71
MAFAM LTD v. RWANDA REVENUE AUTHORITY (RRA)	99
NSHILI KIVU TEA FACTORY LTD (NKTF LTD) Et al v KIGALI LAW CHAMBERS (KLC)	117
PROSECUTION v NZABONIMPA.....	155

TEAM OF EDITORS

I. LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

UWIMANA Jean Marie Vianney

II. MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : President of the Committee,
Judge of the Court of Appeal
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Vice President of the
Committee,
Lecturer in the School
of Law/UR
- BWIZA N. Blanche** : Secretary of the Committee,
Inspector of Courts
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : President of Court of Appeal
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Judge at Supreme Court
- NDAHAYO Xavier** : President of High Court
- RUTAZANA Angeline** : Inspector General of Courts
- KALIWABO Charles** : Judge of the Court of Appeal
- Dr. SEZIRAHIGA Yves** : Rector of ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE
Bibiane** : Vice-Chairman
of Rwanda Law
Reform Commission
- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Inspector of Courts
- KIBUKA Jean Luc** : Judge at Commercial
High Court

- HABARUREMA Jean Pierre** : Prosecutor at National Level
- BUNYOYE Grace** : Prosecutor at National Level
- KABIBI Specioza** : State Attorney
- MUREREREHE Saouda** : Judge at High Court
- Lt. Col. MADUDU A. Charles** : Judge at Military Court
- Dr. NSHIMIYIMANA Didace** : Peresident of Intermediate Court
- GIRANEZA Clémentine** : Judge of the Intermediate Court
- UMUTESI Vestine** : Judge Commercial Court
- TASHOBYA Benon** : Judge of the Intermediate Court
- BAGABO Faustin** : Advocate at Rwanda Bar Association
- Dr. SHEMA Pierre** : Lecturer at ULK
- KARAKE Canisius** : Lecturer at UNILAK
- Dr HABIMANA Pie** : Advocate at Rwanda Bar Association
- YANKURIJE Dorotheé** : Judge of Primary Court

PREFACE

Dear Readers,

We are pleased to present to you the Law Reports Volume 2 [2023]. As usual, we select cases that solve some of the legal issues you encounter, either in your career or in your daily life.

This volume contains eight (7) cases, which includes; one (1) administrative case, one (1) civil case, one (1) labour case, two (2) commercial cases, one (1) criminal case and one (1) procedural case.

These cases can be accessed on the website of the judiciary: <http://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
President of the Supreme Court and
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court and Court of Appeal.

CITATION

The Reports in this volume are cited as:
[2023] 2 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

a. Current laws

<i>Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 was revised in 2015, article 30.....</i>	<i>74</i>
<i>Universal Declaration of Human Rights of 10/12/1948, article 23.....</i>	<i>74</i>
<i>The African Charter on Human and Peoples' Rights of 27/06/1981 as ratified by Law n° 10/1983 of 01/07/1983, article 15.....</i>	<i>74</i>
<i>Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, articles 9 and 40.....</i>	<i>74</i>
<i>Law N° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdictions of courts,</i>	
<i>articles 63 and 52, paragraph 3.....</i>	<i>4</i>
<i>article 63.....</i>	<i>39</i>
<i>Law N° 22/2018 of 29/04/2018 relating to civil, commercial, labour and administrative procedure,</i>	
<i>article 111.....</i>	<i>4</i>
<i>articles 9, 178 and 241.....</i>	<i>28</i>
<i>articles 9 and 111.....</i>	<i>39</i>
<i>articles 12 and 111.....</i>	<i>74</i>
<i>Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies, articles 142 and 151.....</i>	<i>118</i>
<i>Law N°40/2016 of 15/10/2016, article 2 modifying and complementing Law n°37/2012 of 09/11/2012 establishing the Value Added Tax as modified and complemented to date which modified article 6.....</i>	<i>100</i>

<i>Law n° 83/2013 of 11/09/2013 establishing the Bar Association in Rwanda and determining its organization and functioning, articles 27 and 64.....</i>	<i>118</i>
<i>Law n° 45/2011 of 25/11/2011 governing contracts, articles 88 and 89.....</i>	<i>118</i>
<i>Law n° 15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production, article 65.....</i>	<i>154</i>
<i>Regulation n° 01/2014 fixing the scale of fees for advocates, article 26.....</i>	<i>39</i>
<i>articles 2 and 40.....</i>	<i>118</i>
<i>Rwanda Central Bank regulations no 04/2013 of 27/08/2013 relating to cheques electronic transactions, article 4.....</i>	<i>4</i>
b. Repealed laws	
<i>Law n° 30/2013 of 24/5/2013 relating to the code of criminal procedure, article 165.....</i>	<i>154</i>
<i>Law N° 32/2009 of 18/11/2009 governing negotiable instruments, article 110.....</i>	<i>4</i>
<i>Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, articles 75 and 140.....</i>	<i>74</i>
<i>Law of 30 July 1888 Civil Code book III, articles 258 and 260.....</i>	<i>39</i>

LIST OF CASES CONSIDERED

<i>Cour de cassation, civile, Chambre sociale, 12 juin 2013, 11-14.458</i>	75
<i>Cour de cassation, Chambre sociale, numero 08-43.088, 17 Mars 2010</i>	75
<i>Cour de cassation, Chambre sociale, numero 04- 40.169, 25 Mai 2005</i>	75
<i>Cour de Cassation, Chambre sociale, numero 00-41.63326 Novembre 2002</i>	75
<i>Galina Meister contre Speech Design Carrier Systems GmbH, numero C-415/10, Cour de Justice de l'Union Européene, 12 Janvier 2012, para 47</i>	75
<i>Judgment RRA v SODAR LTD; RCOMAA 00034/2020/CA decided by the Court of Appeal on 19/02/2021</i>	100
<i>Judgment RRA v SRDS LTD RCOMAA 00001/2022/CA decided by the Court of Appeal on 25/03/2022</i>	100
<i>Judgment RRA v SUGIRA LTD; RCOMAA 00057/2021/CA decided by the Court of Appeal on 25/03/2022</i>	100
<i>Judgment N° RS/INJUST/RCOM 00004/2020/SC; NEW KIGALI BUSINESS SERVICES Ltd v KASESE DISTILLERS Ltd, decided by the Supreme Court on 19/11/2021</i>	118
<i>Pinkas and Others v. Bosnia and Herzegovina, (Application number. 8701/21), 04/10/2022, para 63</i>	75
<i>RADA 0054/12/CS; Kayijuka Gaspard v. The Government of Rwanda (Minisanté) rendered by the Supreme Court on the 19/12/2014</i>	39

RCAA 0049/14/CS with SORAS AG Ltd v. Umuhoza Pacific et al. rendered by the Supreme Court on the 25/11/2016.....39

RCAA 00073/2018/CA; Nyirabatesi Laurence v. King Faisal Hospital rendered by the Court of Appeal on the 19/07/2019.....39

RCAA 0008/2020/CA Ndizeye Alphonse v. Kibungo Medical Center together with Prime Insurance Company Plc rendered by the Courtof Appeal on 25/06/202139

RS/INJUST/RSOC 00001/2022/SC decided by the Supreme Court on 08/07/2022, paragraphs 19 and 20.....74

RS/INJUST/RSOC 00001/2019/SC decided by the Supreme Court on 31/01/2019.....74

RS/INJUST/RCOM 00002/2020/SC rendered by the Supreme Court with Road Solution Pavement Products v. Mailco Ltd, paragraph 24.....4

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS rendered by the Supreme Court with Rutayihura et al. v. Mukamabano Charlotte, paragraph 28.....4

SUBJECT INDEX

